2026
Mutarama - Werurwe

Vol 102, No.1

IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO by'Abakuze



# IBYO TWIGIRA MU BAHANUZI BATO

Ubutumwa bwa kera buturuka mu ijuru, buracyari ingirakamaro muri iki gihe.

# Ibirimo

ISHURI RYO KU ISABATO


1. Irarika rirangwamo Impuhwe n'Urukundo rya Hoseya..5
2. Igihe cy'Isuzuma.......................................................10
3. Kwitegura mu Byiringiro..........................................15
4. Kwita ku Mbabazi z'Imana........................................20
5. Yoweli: Intumwa Yejejwe..........................................25
6. Umuhamagaro wa Amosi ku Kwitegura...................31
7. Imbaraga iri mu Kwihana.........................................36
8. Umugambi w'Imana wo Kuzahura...........................41
9. Tuzi icyo Gukora!......................................................46
10. Kubaha Imana Izibyose...........................................52
11. Gukomeza kuba Maso kubwo Guhesha Imana Icyubahiro...57
12. Ibizabaho mu gihe cy'Imperuka..............................62
13. Ubutumwa Buheruka bwa Malaki............................67


**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

**Ibi byigisho by' ishuri ryo ku Isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' Umukiza wacu Yesu.


**"IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO"**

Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'Abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**

5240. Hollins Road

Roanoke - Virginia 24019-5048 USA

**Amashusho**: Advent Digital Media ku rupappuro rw'imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Nubwo tubita "Abahanuzi Bato", ubutumwa bwabo si ubw'agaciro gake! Iryo zina ryatanzwe bitewe gusa n'uko ibitabo banditse ari bigufi. Nyamara ubwo butumwa bufite imbaraga; burakomeye, burasobanutse neza, kandi bufite agaciro gakomeye muri iki gihe. Niyo mpamvu abigishwa b'Ishuri ryo ku Isabato ku isi yose bazibanda ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ibyo Twigira mu Bahanuzi Bato" mu mezi atatu ari imbere, kuko ari uburyo bwo kwitegura mu gihe gikwiriye, kugira ngo twitegure iherezo ry'igihe cy'imbabazi no kugaruka kwa Kristo.

Abahanuzi bato si bo bazana ubutumwa bworoshye. Siko bimeze rwose mu by'ukuri, ahubwo ubutumwa bwabo bumeze nk'intorezo igezwe ku bishyitsi by'ibiti. "Imana ntiyohereza intumwa ngo zishyeshyenge umunyabyaha. Ntitanga ubutumwa bwizeza amahoro ngo yizeze abatari abera kudamarara biringiye uburinzi. Ishyira umutwaro uremereye mu bitekerezo by'inkozi z'ibibi, igahinguranya imitima yabo imyambi yo kwishinja no kwemera icyaha." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.104.

"Imana ntiyigeze ireka guhana ibyaha. Imana yohereje abahanuzi bayo kugirango baburire abanyabyaha, bacyahe ibyaha byabo, ndetse banabacire urubanza. Abantu bibaza impamvu ijambo ry'Imana rihishura ibyaha by'ubwoko bwayo mu buryo bwumvikana, bikaba impamvu ku bakobanyi yo kubannyega ndetse n'urucantege ku bera bayo, bakwiriye kumva ko ibyo byandikiwe kugirango bibahugure bityo birinde ibibi byagaragajwe, maze bakurikize gukiranuka kwaranze abakoreye Uwiteka." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.12.

"Kabone n'iyo yaba inenge imwe y'imico, cyangwa icyifuzo gito cy'icyaha kigundiriwe bizahindura ubusa imbaraga y'ubutumwa bwiza. Kwiganza kw'ibyifuzo bya kamere ni igihamya cy'umutima utizera. Kugundira ibyo byifuzo bituma umutima urushaho kwanga Imana. Imiruho iva mu kuzuza inshingano za buri munsi, hamwe n'ibinezeza by'ibyaha niyo migozi Satani akoresha akazirikira abantu mu mitego ye. Abahitamo gupfa mu cyimbo cyo gukora ikibi, nibo bonyine bazasangwa bakiranuka." – *Ibid.*, vol 5, p.53.

Abahanuzi bato basabaga ko ubwoko bw'Imana bwaba maso, bukamenya ko Imana ibaha ibyo bakeneye, kandi bukemera ko umurimo wayo ukorerwa mu mitima yabo. Ubwo ni bwo butumwa natwe dukeneye kumva.

"Bene data, mwebwe mwafunguriwe ukuri kw'ijambo ry'Imana, ni uruhe ruhare muzagira mu bizabaho biheruka amateka y'iyi si? Mbese murakangutse kuburyo mwitegura ibyo bizabaho? Mbese musobanukiwe umurimo ukomeye wo kwitegura uri gukorwa mu ijuru no ku isi? Mureke abantu bose bakiriye umucyo, abantu bagize amahirwe yo gusoma no kumva ubuhanuzi, bite kuri ibyo bintu byanditswe muri bwo; "Kuko igihe kiri bugufi." Mureke he kugira umuntu n'umwe ukinisha icyaha, cyo soko y'ubuhanya bwose buri mu isi yacu. Ntimukongere kwigumira mu bunebwe n'ubunenganenzi bwuzuye ubupfapfa. Ntimukemere ko ahazaza h'ubugingo bwanyu hashingira ku gushidikanya. Mumenye rwose neza ko muri ku ruhande rw'Uwiteka." – *Ibid.*, vol 6, p.104.

Uwiteka atuyobore mu gihe twiga ibi byigisho!

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

# Amaturo y'Isabato ya Mbere



## Ku isabato, 03 Mutarama 2026

**Azagenerwa Icyicaro Gikuru cya Singuwatepeke, muri Hondurasi**

Hondurasi ni cyo gihugu cya kabiri kinini muri Amerika yo Hagati. Icyo gihugu gifite ubuso bwa kirometero kare 112.492, giherereye hagati kandi gikikijwe n'ibihugu bya Guwatemala, Eli Salivado na Nikaragwa, mu majyepfo yacyo haherereye Inyanja ya Pasifika ku Kigobe cya Fonseka, naho mu majyaruguru hari ikigobe cya Hondurasi, kikaba ari ikigobe kinini cy'Inyanja ya Karayibe. Mu baturage bagera kuri miliyoni 10.8; muri bo abagera kuri 48,7 % ni Abagatolika, 41 % ni Abaporotesitanti, 8 % ni abantu batemera ko Imana ibaho cyangwa abahakanamana, naho 3 % ni abanyamadini anyuranye. Ururimi rukoreshwa mu butegetsi ni Icyesipanyoro; ibyo igihugu cyohereza mu mahanga ahanini ni ibikomoka ku buhinzi, bigakurikirwa n'ibikoresho bya elegitoroniki.

Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura bahageze mu myaka ya 1960 bahagejejwe na bene data Silvestre Cabanillas wo muri Peru na Felipe García wo muri Arijantine. Nyuma y'imyaka myinshi y'umurimo, ubutumwa bwakomeje kwamamazwa ku buryo mu mwaka wa 2016, hahanzwe Iniyo ya Hondurani, igizwe na Filidi eshatu zifite abizera 542 hamwe n'abashyitsi bagera kuri 700 bahoraho.

Kubera ko inyubako zimwe na zimwe z'icyicaro gikuru cyacu cyo mu rwego rwa Filidi na Iniyo zimaze igihe, zimaze gusaza kubera imyaka myinshi ihise. Bimwe muri byo ntibirarangira, kandi imwe muri Filidi zacu ntigira icyicaro gikuru cy'ubuyobozi. Twakoze ibishoboka byose kugira ngo twubake amazu akwiriye yo kubamo ibiro byacu, ibyumba by'amateraniro byo gukoreramo inama, n'aho twashyira ishuri ry'ivugabutumwa kugira ngo dusohoze umurimo ugenda waguka. Ni yo mpamvu dusaba ko mwadufasha, kugira ngo twese hamwe tugere ku nzozi yacu yo kugira icyicaro gikuru kikaba nk'inzu iturukamo umucyo w'ukuri, aho abantu benshi bashobora kumenya Yesu bafite umutima ushima.

Uwiteka adushishikariza ubufatanye mu gihe dushyira mu bikorwa imishinga y'umurimo We, yabigaragarije mu mabwiriza yahaye Mose agira ati: "Bwira Abisirayeli banture amaturo, umuntu wese wemezwa n'umutima we azaba ari we mwakira ituro antura." Kuva 25:2. Kwiyegurira Imana no kugira umutima w'ubwitange, ni byo byari ibintu by'ibanze bisabwa kugira ngo hubakwe ubuturo bw'Isumbabyose. Ishyanga ryose [ry'Abisirayeli] ryitabiriye ritizigamye: "Haza umuntu wese utewe umwete n'umutima we, uwemejwe na wo wese, bazana amaturo batura Uwiteka yo kuremesha rya hema ry'ibonaniro" (Kuva 35:21).

Turabashimira cyane ku bw'ubufasha mutanga muri uyu mushinga.

Imana ibahundagazeho imigisha myinshi.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Hondurasi*

Ku Isabato, 03 Mutarama 2026

**Icyigisho 1**

# Irarika rirangwamo Impuhwe n'Urukundo rya Hoseya

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ndetse nzakwishyingira ube uwanjye nkubereye umunyamurava, kandi uzamenya Uwiteka." (Hoseya 2:20).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.404 – 410.

"Nonaha, ubwo ijwi ryiza ry'imbabazi ricyumvikana, ubwo hakiriho igihe cyo kubabarira umuntu amakosa yakoze, bikitwa none, nimwumva ijwi Ryayo, ntimwinangire imitima." – *Inama ku Busonga*, p.99.

## 1. UGUKANGUKIRA UMUHAMAGARO URUHIJE

**Kuwa Mbere 28 Ukuboza**

a. Vuga imibereho iruhije abahanuzi b'Imana banyuzemo. Yakobo 5:10.

---

"Abo Imana yahaye inshingano z'ingenzi ntibarerewe mu buzima bworoheje kandi burangwamo gusesagura; abahanuzi b'abanyacyubahiro, abayobozi n'abacamanza bashyizweho n'Imana, bari abantu bafite imico yabonejwe n'ibirushya byo mu buzima". – *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 19 Gashyantare 1880.

b. Ni gute Imana yagaragarije Hoseya isano Yo ifitanye n'ubwoko Bwayo bwari bwarayihemukiye? Hoseya 1:19; Yeremiya 3:14; (gereranya na 2 Abakorinto 11:2).

---

"Muri Bibiliya, imico iboneye kandi ihoraho mu isano iri hagati ya Kristo n'itorero ishushanywa n'ubumwe bwo gushyingiranwa. Uwiteka yifatanyije n'ubwoko Bwe binyuze mu isezerano rikomeye, abusezeranira kuba Imana yabwo, kandi na bo barahirira kumwiyegurira wenyine.....

"Guhemukira Kristo kw'itorero mu gihe ryamuvanagaho ibyiringiro byaryo n'urukundo rwaryo, ndetse no kwemera ko urukundo rw'iby'isi ruganza mu mitima, bigereranywa no gutatira indahiro yo gushyingiranwa. Icyaha cya Isirayeli cyo kwitandukanya n'Imana kigaragazwa muri iyo shusho." – *Intambara Ikomeye*, p.381.

## 2. UBUTUMWA BW'IBYIRINGIRO

**Kuwa Kabiri**
**29 Ukuboza**

### a. Ni irihe sezerano ry'ibyiringiro Imana yahaye Abisirayeli nyuma yo gutangaza urubanza yari yarabaciriye? Hoseya 1:10.

---

"Imana ishoboye rwose guhindura imitima y'Abayuda n'iy'abanyamahanga, no guha umuntu wese wizera Kristo imigisha yasezeraniwe Isirayeli.... Kandi nk'uko Yesaya yavuze kera ati, "Iyaba Umwami Nyiringabo atadushigarije imbuto, tuba twarabaye nk'i Sodomu, tukagereranywa n'i Gomora"......

"Nubwo Abayuda nk'ishyanga bavumwe igihe bangaga Yesu w'i Nazareti, mu bihe byose hari abagabo n'abagore b'Abayuda b'indahemuka babayeho bubaha Imana kandi banyuze mu bihe biruhije batuje. Imana yahumurije imitima yabo mu mibabaro kandi yabarebanye impuhwe mu bihe by'akaga bari barimo. Imana yumvise amasengesho y'umubabaro y'abayishakanaga umutima wabo wose kugira ngo basobanukirwe ijambo Ryayo. Bamwe bigishijwe kubona ko Umunyanazareti ucishije bugufi abakurambere babo banze kandi bakabamba ari we Mesiya nyakuri wa Isirayeli. Igihe intekerezo zabo zasobanukirwaga n'ubuhanuzi bari bamenyereye bwari bumaze igihe bwarijimishijwe n'imigenzo n'ubusobanuro bwabwo bufuditse, imitima yabo yuzujwe gushima Imana kubw'impano itabona uko ivugwa iha buri muntu wese uhitamo kwemera Kristo nk'Umukiza we bwite." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.379.

### b. Ni gute intumwa Pawulo yasubiyemo uko kuri guhumuriza? Abaroma 9:25 – 27.

---

"Igihe ubu butumwa bwiza uko bwakabaye buzabwirwa Abayuda, benshi bazemera ko Kristo ari Mesiya. Mu bagabura b'Abakristo harimo bake gusa bumva ko bahamagariwe kwigisha Abayuda; nyamara abo bagiye birengagizwa kenshi kimwe n'abandi bose, bagomba kugezwaho ubutumwa bw'imbabazi n'ibyiringiro muri Kristo.

"Mu isozwa ryo kwamamaza ubutumwa bwiza, igihe hari umurimo udasanzwe ugomba gukorerwa amatsinda y'abantu basanzwe basuzugurwa, Imana yiteze ko intumwa Zayo zita by'umwihariko ku Bayuda zisanga mu mpande zose z'isi.....

"Mu Bayuda hariho bamwe bameze nka Sawuli w'i Taruso bakomeye mu byanditswe, kandi aba ni bo bazamamazanya imbaraga ikomeye ko amategeko y'Imana adahinduka. Imana ya Isirayeli izatuma ibi bibaho mu bihe byacu. Ukuboko Kwayo ntikwaheze ngo inanirwe gukiza. Uko abagaragu bayo bakora mu kwizera bakita kuri abo birengagijwe kandi basuzuguwe igihe kirekire, agakiza Kayo kazahishurwa." – *Ibid*., p.380,381.

## 3. KU BAHEMU N'INKOZI Z'IBIBI

**Kuwa Gatatu**
**30 Ukuboza**

a. Nubwo ubwoko bw'Imana bwiyandaritse mu by'umwuka, ni irihe rarika rirangwamo impuhwe Imana ibaha? Hoseya 2:14.

---

"Ni ukuri nk'uko byari biri igihe Kristo yari ku isi ko buri ntambwe yose itewe n'ubutumwa bwiza ahahoze ari igihome cy'umwanzi igomba kubyutsa ukurwanywa bikomeye n'ingabo ze nyinshi. Intambara ituri imbere izaba iteye ubwoba cyane kurusha izindi zose zigeze kubaho. Ariko nubwo Satani agaragazwa nk'umurwanyi ukomeye ufite intwaro, gutsindwa kwe kuzaba kuzuye, kandi umuntu wese wifatanya na we mu guhitamo ubuhakanyi aho kuba indahemuka azarimburanwa na we.

"Umwuka w'Imana ukumira intambara aragenda akurwa mu isi. Imiyaga ikomeye, imigaru, serwakira, inkongi z'imiriro, ndetse n'imyuzure, amakuba ku nyanja no ku butaka, biragenda bikurikirana mu buryo bwihuse. Ubuhanga buhanitse (siyansi) bushaka uko bwasobanura ibi byose. Ibimenyetso biragenda byikusanya ahadukikije, bivuga ibyo kugaruka k'Umwana w'Imana kwegereje, usanga bihabwa indi mpamvu yaba ibitera uretse impamvu yabyo nyakuri. Abantu ntibashobora kumenya ko abamarayika b'abarinzi bafashe imiyaga ine batazarekura iyo miyaga abagaragu b'Imana bataramara gushyirwaho ikimenyetso; ariko igihe Imana izategekera abamarayika Bayo ngo barekure imiyaga, hazabaho umuvurungano udashobora kwandikwa n'ikaramu iyo ariyo yose.....

"Iyaba umwenda ukingiriza wakurwagaho, mwabona imigambi y'Imana ndetse n'amateka agiye kugwira iyi si yaciriweho iteka. Iyaba mwabonaga inyifato yanyu, mwagira ubwoba kandi mugahindira umushyitsi ubugingo bwanyu bwite ndetse n'ubugingo bwa bagenzi banyu. Amasengesho amaramaje avuye ku mutima ushenguwe n'agahinda yazamuka ajya mu ijuru. Mwaririra hagati y'ibikingi by'amarembo n'igicaniro, mukatura kandi mukihana ubuhumyi no gusubira inyuma kwanyu mu by'umwuka." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.407,408.

b. **Ni gute Imana yacu itangaje ishobora gutuma abantu batangira bundi bushya, bakagira ibyiringiro birenze umurage wanduye w'icyaha? Hoseya 2:15; Zaburi 130:7, 8.**

---

"Mana gira impuhwe! Kuki abafatirwa mu cyuho bakora icyaha gikomeye gityo batagaragaza ukwihana kunganya uburemere n'icyaha bakoze ngo uko bishoboka kose bahungire kuri Kristo abababarire kandi yomore inguma?" – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 24 Werurwe 1868.

"Uko umunyabyaha yaba ari umunyantege nke kose; uko ibyaha bye byaba bingana kose, Umukiza azamwemera. Kristo akunda buri wese mu bagize ubwoko bw'abantu; kuko bose yabatanzeho ikiguzi; kandi mbega ikiguzi!" - *Ibid.*, kuwa 03 Nzeri 1903.

## 4. IKANGURA NO KURIGEZA KU BANDI

**Kuwa Kane**
**31 Ukuboza**

a. Sobanura isano ikomeye yo kwiyegurira Imana umuntu azagirana nayo igihe azaba yihannye by'ukuri akava mu migirire ye yo gukora ibyaha. Hoseya 2:16, 17.

---

---

"Uwiteka aravuga ati: "Uwo munsi uzanyita Ishi, umugabo wanjye, kandi ntuzongera kunyita Bāli, databuja. Nzakura mu kanwa ke amazina y'ibigirwamana bya Bāli, kandi amazina yabyo ntazongera kwibukwa ukundi". Hoseya 2:14-17. – *Abahanuzi n'Abami,* p.298,299.

b. Ni gute ubwo buhanuzi bwerekeranye no kongera kugirwa mushya mu by'umwuka buzasohozwa muri iki gihe? Hoseya 2:18 – 20.

---

---

"Mu minsi iheruka y'amateka y'iyi si, isezerano Imana yagiranye n'ubwoko bwayo bukurikiza amategeko Yayo rigomba kuvugururwa." – *Ibid*., p.299.

"Mu gihe imbabazi zikiriho, n'igihe Umukiza akituvuganira, nimutyo dukore umurimo utunganye rwose kubw'ubugingo bw'iteka ryose." – *Ibihamya by'Itorero*, vol. 6, p. 405.

c. Dukurikije ibivugwa na Hoseya na Yohana, ni ikihe kintu cy'ibanze gituma umuntu aba umwe mu bagize ubwoko bw'Imana muri iki gihe? Hoseya 2:23; Yohana 1:12.

---

---

"Sura abaturanyi bawe kandi ubereke uko wifuriza ubugingo bwabo gukizwa. Kangurira buri mbaraga y'umwuka gukora. Bwira abo usura ko iherezo rya byose riri bugufi. Umwami Yesu azakingura imiryango y'imitima yabo kandi azashyira mu bwenge bwabo imyumvire izaramba.

"Gira umuhati wo gukangurira abagabo n'abagore kuva mu bunebwe bw'iby'umwuka. Babwire uko wamenye Yesu n'uburyo wahawe umugisha kuva winjira mu murimo We. Babwire umugisha ugira igihe wicaye ku birenge bya Yesu ukigira inyigisho z'agahozo mu ijambo rye. Babwire ibyishimo n'umunezero biba mu mibereho ya Gikristo. Amagambo yanyu asusurutse azabemeza ko mwageze ku rwego ruhanitse. Uyu ni umurimo nyawo w'ivugabutumwa kandi uko urushaho gukorwa bamwe bazakanguka nk'abavuye mu nzozi." – *Ibid*., vol 9, p.38.

## 5. IMBUTO ZO KWIZERA

**Kuwa Gatanu 01 Mutarama**

a. Vuga umusaruro w'agahebuzo uzabonwa vuba aha n'abantu bumvira ihamagarwa ry'Imana riheruka mu buryo bwuzuye babikuye ku mutima. Hoseya 3:4, 5.

---

"Imiryango cumi yamaze igihe kirekire yarigometse kandi yaranze kwihana ntiyigeze ihabwa isezerano ko izasubizwa mu butware bahoranye muri Palesitina. Bagombaga kuzaba inzererezi mu mahanga kugeza ku mperuka y'ibihe. Ariko binyujijwe ku muhanuzi Hoseya, hatanzwe ubuhanuzi bweretse Abisirayeli amahirwe yo kuzagira umugabane mu gukomorerwa guheruka kuzakorerwa ubwoko bw'Imana ku iherezo ry'amateka y'isi, ubwo Kristo azaba aje ari Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware.... [Hoseya 3:4,5].

"Akoresheje imvugoshusho, Hoseya yagaragarije imiryango cumi umugambi w'Imana wo kuzahura umuntu wese wihana wajyaga kwifatanya n'itorero Ryayo ku isi, anabereka imigisha Isirayeli yahawe mu gihe yumviraga kandi ikayoboka Imana iri mu Gihugu cy'Isezerano." – *Abahanuzi n'Abami*, p.298.

" 'Nuko uwo munsi abazaba barokotse mu Isirayeli.... bazisunga Uwiteka by'ukuri, Uwera wa Isirayeli.' Yesaya 10:20. Mu mahanga yose, n'amoko yose n'indimi zose hazaboneka bamwe bazishimira gukora ibyo ubu butumwa bubasaba bugira buti: "Mwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye." Bazitandukanya n'ikigirwamana cyose kibaboheye ku isi maze baramye "Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko." Bazava mu bibaboshye byose maze bahagarare imbere y'isi babe ibimenyetso by'urwibutso rw'imbabazi z'Imana. Kubera ko bumvira ibyo Imana ibasaba, abamarayika n'abantu bazababona bamenye ko "bitondera amategeko y'Imana, bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." Ibyahishuwe 14:6, 7, 12." – *Ibid*., p.299,300.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 02 Mutarama**

1. Ni gute Imana igaragaza umubabaro igira bitewe n'ukwigomeka kwacu?
2. Ni ubuhe butumwa buri muri Hoseya bugaragaza ukuntu Imana yihangana mu buryo buhebuje?
3. Imana ifata ite abantu bayicumuraho?
4. Ni izihe ngaruka zishobora guturuka ku gushyikirana n'abantu bera imbuto zigaragaza mu buryo bweruye ko bitandukanyije n'Imana?
5. Ni gute mu by'ukuri ubuzima bwanjye bushobora kuba urwibutso rw'imbabazi z'Imana?

Ku Isabato, 10 Mutarama 2026

**Icyigisho 2**

# Igihe cy'Isuzuma

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge." (Hoseya 4:6, ahabanza).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol. 2, p.604 – 609.

"Mu bihe byose byabayeho, kwica amategeko y'Imana kwagiye gukurikirwa n'ingaruka nk'izo." – *Abahanuzi n'Abami*, p.297.

## 1. URUHURI RW'IBINYOMA BYINSHI

**Kuwa Mbere 04 Mutarama**

a. **Mu gihe Imana yari imaze igihe kirekire ifite ubutumwa bw'imbabazi, ni iki kindi yasabye Hoseya gutangaza cyari kuzakurikizwa incuro nyinshi mu mateka y'abantu? Hoseya 4:1.**

---

"Uko ni ko igihe Isirayeli yaramyaga Bali na Ashitoreti yahaye icyubahiro cy'ikirenga imbaraga zo mu byaremwe. Abisirayeli baciye umurunga wabahuzaga n'ibintu byose bibazahura kandi bikabahesha agaciro, maze bahinduka imbata z'ibishuko mu buryo bworoshye." – *Abahanuzi n'Abami*, p.281.

"Nyamara 'amanywa y'ihangu ubupapa bwari bugezemo yari ijoro ry'icuraburindi ku batuye isi." – J.A Wylie, The History of Protestantism, b.1, ch. 4. Ibyanditswe Byera byasaga rwose n'ibitazwi atari muri rubanda gusa, ahubwo no mu bapadiri. Kimwe n'Abafarisayo bo mu gihe cya kera, abategetsi b'abapapa bangaga umucyo washyira ahagaragara ibyaha byabo. Bamaze gukuraho amategeko y'Imana, yo kigero cyo gukiranuka, bakoresheje ububasha bwabo nta garuriro bafite kandi bakora ibibi batagira ikibatangira. Ubujura, inyota yo kugira ubutunzi ndetse no kwishyira ukizana mu gukora ibibi byari byiganje ahantu hose. Ntabwo abantu batinyaga kugira ikibi icyo ari cyo cyose bakora cyabahesha ubutunzi n'umwanya w'icyubahiro. Ingoro z'abapapa n'abepisikopi zakorerwagamo ubusambanyi bw'indengakamere. Bamwe mu bepisikopi bayoboraga itorero bashinjwaga gukora amahano akomeye cyane ku buryo abategetsi batari abanyedini bihatiye kubakura kuri iyo myanya yabo y'icyubahiro bavuga ko ari abagome cyane barenze kwihanganirwa. Hashize ibinyejana byinshi Uburayi budatera imbere mu by'ubumenyi, ubugeni ndetse n'umuco n'ikoranabuhanga. Ubukristo bwari bwaragezweho no kugwa ikinya mu by'ubwenge n'imico mbonera.

"Mu gihe cy'ubutegetsi bw'Abaroma, imibereho y'abatuye isi yerekanaga mu buryo butangaje kandi buteye ubwoba gusohora kw'ibyo umuhanuzi Hoseya yahanuye [Hoseya 4:6,1,2]. Izo ni zo zabaye ingaruka zo kwimura Ijambo ry'Imana." – *Intambara Ikomeye*, p. 60.

## 2. NKUKO BYARI BIRI MU MINSI YA NOWA

**Kuwa Kabiri**
**05 Mutarama**

a. **Ni gute ubutumwa buteye ubwoba bwa Hoseya bwavuze ibyaha byihariye Imana yanga, kandi se, ni gute ibyo bikomeza kugaragara kugeza no muri iki gihe cyacu? Hoseya 4:2; Luka 17:26, 27.**

---

"Mu myaka mirongo itanu ibanziriza igihe cyo kujyanwaho imbohe n'Abanyashuri, ibyaha n'ubugome muri Isirayeli byari bimeze nk'ibyo mu minsi ya Nowa, ndetse nk'ibyo mu bindi bihe abantu bari barirengagije Imana bakirundurira mu gukora rwose ibibi bishishana..... Igihe uburinzi bw'ubugingo bwari bwashenywe, abo basengaga ibigirwamana bari barayobejwe nta bihindizo byo kubakingira icyaha byari bihari bityo birundurira mu bibi umutima w'umuntu urarikira." — *Abahanuzi n'Abami,* p.281,282.

"Kristo yabonye mu buryo busobanutse neza uko imimerere y'abantu izaba imeze mu gihe cy'ahazaza. Yabonye ko kwishakira ibinezeza ari byo byari kuyobora abagabo n'abagore. Bite se ku byerekeranye n'ishyingiranwa muri iki gihe? Mbese ntibyangiritse kandi bikaba byanduye, nk'uko byari bimeze mu gihe cya Nowa? Gatanya mu bashakanye ziriyungikanya bikaba biri kwandikwa mu binyamakuru bya buri munsi. Uku niko gushyingirwa Kristo avuga igihe yavugaga ko mbere y'umwuzure abantu "bararongoraga, bakanashyingira." — *Manuscript Releases*, vol. 7, p. 56.

"Icyo cyaha cy'ubusambanyi, cyari cyogeye muri Isirayeli ya kera, kandi cyabaye ikimenyetso kigaragaza uburakari bw'Imana. Ibihano by'Imana byakurikiye icyo cyaha gikomeye bakoze. Ababarirwa mu bihumbi muri bo barapfuye, maze imirambo yabo yari ihumanye isigara mu butayu." — *A Solemn Appeal,* p. 142.

b. **Vuga zimwe mu ngaruka zibabaje ziterwa no kwigomeka hamwe n'imigisha ikungahaye umuntu abona iyo yumviye ibyo Imana ishaka. Hoseya 4:3 – 5; Yohana 17:3.**

---

---

"Uwiteka yahaye ubwoko Bwe amategeko, kugira ngo bashobore kuyubahiriza bagombaga kubungabunga ubuzima bwabo bw'umubiri, bw'ubwenge, n'ubw'imico mbonera. Bagombaga kubeshwaho no kumvira; nyamara urupfu nirwo musaruro ntakuka wo gusuzugura amategeko y'Imana." — *Amahameshingiro y'Uburezi bwa Gikristo*, p. 413.

"Umuntu uhitamo inzira yo gusuzugura amategeko y'Imana, aba ari gufatira umwanzuro ahazaza he h'iteka; aba ari kubibira mu mubiri, akunguka ibihembo by'ibyaha, ni ukuvuga ukurimbuka kw'iteka, icyo kikaba ari ikinyuranyo cy'ubugingo buhoraho. Kugandukira Imana no kumvira amategeko Yayo yera bitanga umusaruro mwiza. "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo" — *Ibid*., p. 376.

## 3. KUGIRA NYAMBERE UMWUKA W'IMANA

**Kuwa Gatatu 06 Mutarama**

**a. Kuki ari iby'ingenzi cyane ko buri wese muri twe kwita ku mucyo wose twaherewe ubuntu? Hoseya 4:6.**

"Amagambo Imana yabwiye Isirayeli ya kera ni umuburo ukomeye ku itorero no ku bayobozi baryo muri iki gihe. Uwiteka yavuze kuri Isirayeli ati: "Naho namwandikira iby'amategeko yanjye nkageza ku bihumbi icumi, yayareba nk'ikintu cy'inzaduka." Hoseya 8:12. Uwiteka yabwiye kandi abatambyi n'abigisha ati "Ubwoko bwanjye burimbuwe buzize kutagira ubwenge. Ubwo uretse ubwenge, nanjye nzakureka.... Ubwo wibagiwe amategeko y'Imana yawe, nanjye nzibagirwa abana bawe." Hoseya 4:6.

"Mbese imiburo y'Imana ntikwiriye kwitabwaho? Mbese umurimo w'Imana ntukwiriye gushyirwamo imbaraga? Mbese agasuzuguro k'abatuye isi, ubwibone, gukurikiza imihango y'abantu bikwiriye kubuza abayoboke ba Kristo kumukorera? Mbese bakwiriye kwanga ijambo ry'Imana nk'uko abayobozi b'Abayuda banze Kristo? Ingaruka z'igicumuro cya Isirayeli ziri imbere yacu. Mbese muri iki gihe itorero ryemera kuburirwa?" – *Imigani ya Kristo*, p.306.

**b. Sobanura akaga gaterwa no kwanga Umwuka Wera. Matayo 12:31, 32.**

"Ni akaga kuvuga ijambo ryo gushidikanya, kandi ni akaga gushidikanya no kunegura umucyo uturutse ku Mana. Ingeso yo kunegurana umuntu adafite icyo yitayeho cyangwa adafite kubaha igira ingaruka kuri nyir'ukubikora mu gukuza kutumvira no kutizera. Abantu benshi basayishije muri iyo ngeso baguye mu kaga batabizi, kugeza ubwo baba biteguye kunegura no kwanga kwemera umurimo w'Umwuka Wera." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.323.

"Imana igira icyo ikorera umutima w'umuntu binyuze mu Umwuka Wayo, kandi igihe abantu ku bushake bwabo banze Umwuka Wera maze bakavuga ko akomoka kwa Satani, baba baciye umuyoboro Imana yashoboraga gukoresha ngo ivugane na bo. Kubwo guhakana no kwanga igihamya Imana yari yishimiye kubaha, abantu bakingira umucyo warasiraga mu mitima yabo, bityo ingaruka ikaba yuko basigara mu mwijima..... mu gihe runaka, abantu bakoze iki cyaha bashobora kugaragara nk'abana b'Imana; ariko nihagira ibibaho bituma bakuza amajyambere mu mico kandi bakerekana umwuka ubarimo uwo ariwo, bizagaragara ko bari mu ruhande rw'umwanzi, ndetse ko bahagaze munsi y'ibendera rye ryirabura.

"Mwene data, Umwuka arakurarika uyu munsi. Ngwino n'umutima wawe wose maze usange Yesu. Ihane ibyaha byawe, waturire Imana, zinukwa ibicumuro byawe byose, nibwo amasezerano y'Imana yose uzayagira ayawe. Irarika ryuje ubuntu Imana itanga ni iri ngo: "Nimumpugukire mukizwe." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.634.

a. Ni gute incuro nyinshi Imana yagiye isobanura imimerere y'abantu benshi bavuga ko ari abayoboke Bayo, harimo n'ab'iki gihe? Hoseya 4:7 – 11, 16.

---

"Ubwoko bw'Imana ntabwo bwiteguye ibiteye ubwoba kandi bigerageza abantu biri imbere yacu, ntibiteguye guhagarara mu kwera bitandukanyije n'ikibi n'irari byuzuye muri iki gihe cy'ubuhenebere, kurimbuka, no kononekara. Ntabwo bambaye intwaro zo gukiranuka, kandi ntibiteguye kurwanya gukiranirwa. Benshi ntibumvira amategeko y'Imana, nyamara bavuga ko bayumvira. Baramutse bakiranukira kumvira amategeko y'Imana, bagira imbaraga zo gukora ibintu bishobora kwemeza imitima y'abatizera." – I*bihamya by'Itorero*, vol 2, p.446,447.

"Abavuga ko bubaha Imana, nyamara bakaba batarejejwe n'ukuri bavuga ko bizera, ntabwo bazahindura imigenzereze yabo mu buryo bw'ibifatika, iyo bazi ko yangwa urunuka imbere y'Imana, kubera ko batumviye igeragezwa ryo gusuzumwa rya buri wese ku giti cye kubw'ibyaha byabo. Binyuze mu bihamya bihabwa abandi, babona ibyabo mu buryo budaciye ku ruhande bishyizwe imbere yabo. Bakunze cyane ibyaha bisa nk'ibyabo. Kubwo gukomeza imigenzereze yabo y'icyaha, baba bacumura ku mitimanama yabo, bakanangira imitima yabo, bagashinga amajosi yabo, mbese nkaho ibihamya atari bo byahawe mu buryo butaziguye. Mu kwirengagiza ibyaha byabo no kutitandukanya nabyo ngo bakosore ibibi byabo binyuze mu kubyatura, kwihana no kwicisha bugufi, baba bahisemo inzira yabo bwite, kandi bararekwa bakayigenderamo, ndetse amaherezo bagahinduka imbohe zo kumvira ubushake bwa Satani. Bashobora guhinduka abantu bashize amanga kubera yuko bashoboye guhisha ibyaha byabo abandi ntibabimenye, no kubera yuko amateka y'Imana atabageraho mu buryo bugaragarira amaso. Ku bigaragara, bashobora gusa nk'abahiriwe mu isi. Bashobora kujijisha abantu b'abanyantege nke bapfa kandi bakaba bareba hafi kandi bagafatwa nk'intangarugero mu gutunganira Imana nyamara bari mu byaha byabo. Ariko Imana ntishobora kujijishwa." — *Ibid*., p.447,448.

b. Sobanura icyo umutima w'Imana wifuza cyane kugira icyo ukora kuri iyo mimerere. Yeremiya 3:14,15.

---

"Ukutizera ibihamya kwagiye kwiyongera cyane uko abantu bava ku Mana. Biri mu bantu b'ingeri zose, hirya no hino mu murimo. Nyamara bake nibo bazi ingaruka bizagira ku matorero yacu. Neretswe ko muri iki gihe tukirinzwe no kwihangana kw'ijuru, nyamara nta wabasha kumenya igihe uko kwihangana kuzamara. Nta n'umwe uzi ukuntu ubuntu twagiriwe ari bwinshi cyane. Bake gusa nibo biyeguriye Imana babikuye ku mutima. Hari bake gusa bameze nk'inyenyeri zo mu muyaga w'ishuheri wa nijoro, zimurika umucyo hirya no hino mu bicu bicuze umwijima." — *Ibid*., vol 5, p.76.

## 5. ICYO KUGIRA NYAMBERE KURUTA IBINDI BYOSE

**Kuwa Gatanu 08 Mutarama**

a. Ni gute umuntu yakwirinda igihano gikabije cyane gishobora kuzahabwa uwasubiye inyuma? Hoseya 4:17.

---

"Kabone n'iyo yaba inenge imwe y'imico, cyangwa icyifuzo gito cy'icyaha kigundiriwe bizahindura ubusa imbaraga y'ubutumwa bwiza. Kwiganza kw'ibyifuzo bya kamere ni igihamya cy'umutima utizera. Kugundira ibyo byifuzo bituma umutima urushaho kwanga Imana. Imiruho iva mu kuzuza inshingano za buri munsi, hamwe n'ibinezeza by'ibyaha niyo migozi Satani akoresha akazirikira abantu mu mitego ye. Abahitamo gupfa mu cyimbo cyo gukora ikibi, nibo bonyine bazasangwa bakiranuka." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.53.

"Imana ikomeza kuyobora ubwoko Bwayo intambwe ku ntambwe. Irabuzamura ikabugeza ku nzego zigiye zitandukanye zateganyirijwe kugira ngo zerekane ibiri mu mitima. Bamwe bihangana ku rwego rumwe, nyamara ku rukurikiraho bakahagwa. Kuri buri rwego rwose ruteye imbere umutima urageragezwa kandi ukarushaho gusuzumwa. Abavuga ko ari ubwoko bw'Imana nibaramuka babonye ko imitima yabo irwanya uyu murimo udakebakeba, bikwiriye kubemeza ko bafite umurimo bagomba gukora kugira ngo baneshe, niba Uwiteka atabarutse. Marayika yaravuze ati: 'Imana izarushaho kwegeza umurimo Wayo bugufi kugira ngo igerageze kandi isuzume buri wese wo mu bwoko Bwayo.' Bamwe bafite ubushake bwo kwakira ingingo imwe; nyamara iyo Imana ibagejeje ku yindi ngingo yo kugeragezwa, barayitinya maze bagahagarara inyuma bitewe n'uko babona yahuranya ikavuga ku kigirwamana runaka bakunze cyane. Aha baba bafite amahirwe yo kubona ikiri mu mitima yabo gituma Yesu atinjira. Baha agaciro ikintu runaka bakakirutisha ukuri, bityo rero imitima yabo ntiyiteguye kwakira Yesu. Abantu ku giti cyabo barageragezwa kandi bagasuzumwa igihe kirekire kugira ngo bigaragare niba bazemera guhara ibigirwamana byabo no kumvira inama y'Umugabo wo guhamya ukiranuka kandi w'ukuri. Nihatagira abereshwa kumvira ukuri, kandi ngo baneshe kwikunda kwabo, ubwibone bwabo, n'ibyifuzo bibi, abamarayika b'Imana babarega iki kirego ngo: "Biziritse ku bigirwamana byabo, nimubareke", nuko barakomeza bigira ku murimo wabo, basiga abo bantu imico yabo yuzuye ibyaha itaracishijwe bugufi, basigara bagengwa n'abamarayika babi. Abagera kuri buri ntambwe, kandi bagatsinda ikigeragezo, maze icyo byaba bibasaba cyose bakabasha kunesha, bumviye inama y'Umugabo wo Guhamya ukiranuka w'ukuri bazahabwa imvura y'itumba, bityo babe bateguriwe kwimurirwa mu ijuru." — Ibid., vol 1, p.187.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu 09 Mutarama**

1. Iyo Ijambo ry'Imana riciwe, rikagibwaho impaka, cyangwa rigateshwa agaciro, bigenda bite?
2. Ni gute ukwiyemeza gushyingiranwa ari ikintu gikomeye nk'uko byigishwa mu Byanditswe?
3. Bigenda bite iyo tunaniwe kwishimira ubutumwa bw'ukuri kw'iki gihe?
4. Ni ukubera iki ngomba kwiga "Ibihamya by'Itorero" byandikiwe undi muntu?
5. Kuki ari akaga gukomeza kwizirika ku cyaha nkana kabone nubwo cyaba ari kimwe gusa?

Ku Isabato, 17 Mutarama 2026

**Icyigisho 3**

# Kwitegura mu Byiringiro

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nimuze tugarukire Uwiteka, kuko ari we wadukomerekeje kandi ni we uzadukiza, ni we wadukubise kandi ni we uzatwomora." (Hoseya 6:1).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Umurimo wo Gukiza,* p.177 – 182.

"Ubwo Imana izaba yarambuye ukuboko kwayo kugira ngo ikusanye ubwoko Bwayo, imbaraga zo kwamamaza ukuri zizagera ku musaruro ugamijwe. Abantu bose bagomba kunga ubumwe maze bakaba abanyamwete mu murimo." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.74.

## 1. ISHYAKA RIYOBYA

**Kuwa Mbere**
**11 Mutarama**

**a. Iyo ibikorwa byacu bigambaniye Imana, mbese ingaruka ziteye ubwoba ziba izihe? Hoseya 5:4 – 7; Yesaya 1:11,15.**

"Niba ukuri kw'Imana kutarahinduye imico yacu ngo ise n'iya Kristo, ibyo twihandagaza tuvuga ko tumuzi kandi ko tuzi ukuri, nta kindi byaba bimaze uretse kuba bimeze nk'umuringa uvuga cyangwa nk'icyuma kirenga. [Yesaya 1:10 – 20].

"Abantu bose bavuga ko bubahiriza amategeko y'Imana, nibasuzume neza icyo kibazo, maze barebe niba nta mpamvu zituma badasukirwa Umwuka Wera ku bwinshi. Mbega ukuntu abantu benshi bashyize ubugingo bwabo mu bitagira umumaro! Bibwira ko bo ubwabo barushijeho kuba abatoni ku Mana, ariko bakirengagiza abakene, bakanga kumva ibyo abakandamizwa basaba, ahubwo bakavuga amagambo akarishye kandi akomeretsa ku bantu bakeneye ko abandi babafata mu buryo butandukanye n'uko basanzwe bagirirwa. Ni cyo gituma batera Imana agahinda kubw'imitima yabo inangiye..... Nimutyo buri mwizera wese w'itorero asuzume umutima we yinira, kandi agenzure imyifatire ye, kugira ngo arebe niba ihuje n'umwuka wa Yesu n'umurimo we; niba atari uko bimeze se, ni iki azavuga igihe azaba ahagaze imbere y'Umucamanza w'isi yose?......

"Kristo yagaragaje ko ashishikajwe n'icyahesha inyungu abantu bababaye; kandi mu gihe yirengagijwe binyuze muri abo bantu bababaye, amateraniro yacu yose, uguterana kwacu kose kugenwe, imikorere yose ishyirwa mu bikorwa kugira ngo iteze imbere umurimo w'Imana, nta cyo bizamara. "Ibyo mwari mukwiriye kubikora, na bya bindi ntimubireke." "Wapimwe mu bipimo, ugaragara ko udashyitse." – *The Review and Herald*, kuwa 04 Kanama 1891.

## 2. IBYIRINGIRO MU BIHE BY'AKAGA

**Kuwa Kabiri**
**12 Mutarama**

a. Ni uwuhe muburo ukomeye Imana yahaye Efurayimu n'u Buyuda, kandi se ni irihe kosa bakoze mu gihe cy'akaga? Hoseya 5: 8 – 14.

---

"Imyaka iheruka y'ingoma y'ubwami bwa Isirayeli yarangiye nabi kuko yaranzwe n'urugomo no kumena amaraso bitigeze bibaho ndetse no mu bihe bibi cyane by'umuvurungano no kubura amahoro byabayeho mu gihe cy'ab'inzu ya Ahabu. Mu gihe cy'imyaka isaga magana abiri abayobozi b'imiryango cumi bari baragiye babiba umuyaga; noneho bari bari gusarura serwakira.... Abakagombye guhagarara imbere y'amahanga yo ku isi nk'ababikijwe ubuntu bw'Imana, "bariganije Uwiteka" kandi na bo ubwabo barariganyana hagati yabo. Hoseya 5:7....

"Bamwe mu bayobozi bo muri Isirayeli bumvise rwose ko batakaje icyubahiro cyabo kandi bifuzaga ko icyo cyubahiro bakigarurirwa. Nyamara aho kugira ngo bitandukanye na ya migirire yari yaratumye ubwami bwa Isirayeli bugira intege nke, bakomeje gukiranirwa, bakishimagiza bibwira ko igihe nikigera bazagera ku bubasha mu bya politiki bifuzaga ariko binyuze mu kwifatanya n'abapagani." – *Abahanuzi n'Abami,* p.279,280.

b. Muri icyo gihe cy'akaga, ni ayahe magambo y'ibyiringiro no guhendahenda Imana yabwiye umuhanuzi gutangaza? Hoseya 5:15; 6:1,2. Ni gute ibyo bitureba muri iki gihe?

---

"Abacumuye ku Mana bahawe amahirwe menshi yo kwihana. Mu gihe cy'ubuhakanyi bwabo bwimbitse n'ubukene bukomeye, ubutumwa Imana yabohererezaga bwari ubutumwa bw'imbabazi n'ibyiringiro." – Ibid., p.283.

"Ndahamagarira bene data gukanguka. Ubushobozi bw'iby'umwuka buzagenda bugira intege nke ndetse kugeza n'aho bupfa, niburamuka budakoreshejwe mu kuzana abantu kuri Kristo. Mbese ni uruhe rwitwazo rushobora gutangwa ku kwirengagiza umurimo ukomeye kandi uhebuje watumye Kristo atanga ubugingo Bwe kugirango awusohoze?

"Ntidushobora kumara iminsi mike dufite hano ku isi dukoresha igihe cyacu mu bintu bidafite agaciro kandi by'imburamumaro. Dukeneye gucisha bugufi imitima yacu imbere y'Imana, kugira ngo buri mutima ushobore kugotomera ukuri, maze bitume ubugingo bugira ivugurura, bityo isi yemere ko ibyo ari ukuri kw'Imana koko. Nimutyo imibereho ihishanywe na Kristo mu Mana. Igihe gusa dushakashaka Uwiteka nk'abana bato, igihe turetse gushakisha inenge muri bene data na bashiki bacu, no mu bashaka gusohoza inshingano z'umurimo mu budahemuka, ahubwo tugashakisha uburyo imitima yacu yatunganira Imana, nibwo [Uwiteka] ashobora kudukoresha mu guhesha icyubahiro izina Rye. — *Ibihamya by'Itorero*, vol. 9, p. 105,106.

## 3. KUGIRA ISEZERANO NYAMBERE

**Kuwa Gatatu**
**13 Mutarama**

a. Ni irihe sezerano ryihariye Imana yahaye itorero Ryayo ryo mu minsi y'imperuka, kandi ni ukubera iki rikenewe? Hoseya 6:3.

---

"Mu gihe giheruka, ubwo umurimo w'Imana ku isi uri kugenda urangira, umuhati ukomeye ugaragazwa n'abizera bitanze bayobowe n'Umwuka Wera uzaherekezwa n'ibimenyetso mvajuru bidasanzwe. Bifashishije ikigereranyo cy'imvura y'umuhindo n'iy'itumba igwa mu Burasirazuba mu gihe cy'ibiba n'icy'isarura, abahanuzi b'Abaheburayo bahanuye ko Itorero ry'Imana rizasukirwa Umwuka ku rugero rudasanzwe. Isukwa ry'Umwuka mu gihe cy'intumwa ryari itangiriro ry'imvura y'umuhindo kandi ryatanze umusaruro unejeje. Umwuka azakomeza kubana n'Itorero ry'ukuri kugeza ku iherezo ry'ibihe.

"Ariko hafi y'iherezo ry'isarura ry'isi, isukwa ridasanzwe ry'Umwuka ryasezeraniwe Itorero kugira ngo iritegurire kugaruka k'Umwana w'umuntu. Iri sukwa ry'Umwuka rigereranywa no kugwa kw'imvura y'itumba; kandi iyi mbaraga ni yo Abakristo bakwiriye gusaba Nyiribisarurwa "mu gihe cy'imvura y'itumba." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.54,55.

b. Ni iki kitubuza kwakira uwo mugisha mu buryo bwuzuye? Hoseya 6:4-6.

---

"Abantu benshi ntibazi icyo bagomba kuba cyo kugira ngo babashe kuba imbere y'Uwiteka badafite umutambyi mukuru mu buturo bwera mu gihe cy'akaga. Abakira ikimenyetso cy'Imana nzima kandi bakarindwa mu gihe cy'akaga bagomba kugaragaza ishusho ya Yesu mu buryo bwuzuye.

"Nabonye ko benshi birengagiza umwiteguro ukenewe cyane nyamara bakaba bari bategereje igihe "cy'ihemburwa" "n'imvura y'itumba" bibategurira kuba abantu bashyitse bazahagarara mu munsi w'Uwiteka kandi bakaba imbere Ye. Mbega uko mu gihe cy'akaga nabonye abantu benshi badafite ubwihisho! Bari barasuzuguye imyiteguro yari ikenewe; kubw'ibyo ntibajyaga guhabwa ihemburwa abantu bose bagomba kuba bafite kugira ngo babe bakwiriye kuba mu maso y'Imana yera. Abantu banga kugororwa n'abahanuzi maze ntibereshe ubugingo bwabo kumvira ukuri kose, ndetse bakaba bizera ko ari beza cyane nyamara atari ko bari mu by'ukuri, nibagera mu gihe cyo gusukwa kw'ibyago by'imperuka, niho bazabona ko bari bakeneye kugororwa no gutunganyirizwa kuba ku nyubako [y'Imana]. Ariko muri icyo gihe nta gihe cyo kubikora kizaba kikiriho kandi nta Muhuza wo kubasabira imbere ya Data wa twese uzaba ukiriho..... [Ibyahishuwe 22:11]. Nabonye ko nta muntu n'umwe wabashaga guha undi ihemburwa. Bazarihabwa gusa nibatsinda ibitero byose, bagatsinda ubwibone, kwikanyiza, gukunda iby'isi ndetse bagatsinda ijambo ribi ryose n'ibikorwa bibi byose." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.71.

## 4. KURAMYA IMANA KWANDUYE

**Kuwa Kane**
**14 Mutarama**

a. Ni mu buhe buryo hagaragajwe ukudashikama kw'abavuga ko ari ubwoko bw'Imana? Hoseya 7:2,7–11,15.

---

---

b. Ni iyihe mimerere yo mu gihe cya Hoseya ifite aho ihuriye n'akaga k'iby'umwuka kari mu itorero muri iki gihe? Hoseya 8:1 – 3; Yeremiya 23:1.

---

---

"Hariho abantu bavuga ko batunganiye Imana nyamara bakagaragara nk'abanyabyaha kubw'ibicumuro byabo bwite. Basuzugura amategeko y'Imana, bagahitamo imigenzo y'abantu, bagahindura ubusa amategeko y'Imana, kandi bagashyigikira ubuhakanyi. Inzitwazo batanga ntizifite ishingiro, kandi bo ubwabo ndetse n'abandi zizabakururira ukurimbuka.....

"Abemeye gukora umurimo wo kuba abungeri b'umukumbi, bazacirwa imanza zikomeye cyane, kubera ko bagiye babwira abantu imigani y'ibinyoma aho kubamenyesha ukuri. Abana bazahagurukira ababyeyi babo bababavume. Abizera b'itorero babonye umucyo kandi ukemeza imitima yabo, ariko bakaba barashyize agakiza k'ubugingo bwabo mu maboko y'umugabura, ku munsi w'Imana bazamenya ko nta wundi muntu ushobora kwishyura incungu y'igicumuro cyabo. Hazumvikana umuborogo uteye ubwoba mu ijwi rigira riti "Ndazimiye, nzimiye by'iteka ryose." Abantu bazumva bashaka gutanyaguza abagabura bababwirije ibinyoma kandi bagaciraho iteka ukuri. Ukuri gutunganye ko muri iki gihe, gusaba ko habaho ivugurura mu mibereho, ariko bo ubwabo bitandukanyije no gukunda ukuri, kandi kuri bo bishobora kuvugwa ngo: "Isirayeli we, uririmbuje". Uwiteka yoherereje abantu ubutumwa bugira buti: "Shyira impanda mu kanwa! Azaza nk'igisiga agwire urusengero rw'Uwiteka, kuko bishe isezerano ryanjye, bakica n'amategeko yanjye." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 4, p.1157.

c. Ni gute gusenga ibigirwamana no kuramya kw'ikinyoma byononnye Isirayeli, kandi se, ibyo byagize izihe ngaruka? Hoseya 8:5,6.

---

---

"Noneho imiryango icumi ya Isirayeli yari igeze igihe cyo gusarura imbuto z'ubuhakanyi bwayo bwari bwarabaye umugenzo kubwo kubaka ibicaniro i Beteli n'i Dani." – *Abahanuzi n'Abami,* p.285.

## 5. IBIHE BY'AMAKUBA

**Kuwa Gatanu**
**15 Mutarama**

a. **Ni ikihe cyigisho twakwigira ku ihame ryo kubiba no gusarura? Hoseya 8:7; Abagalatiya 6:7,8.**

---

"Isi y'abatizera..... basuzuguye kandi basiribanga ukuri kw'ijambo ry'Imana. Bakabije gushayisha mu myambarire, kandi bamara igihe cy'imibereho yabo mu kwishimisha no kwinezeza. Babibye umuyaga, bityo bagomba gusarura serwakira. Mu gihe cy'umubabaro no gukuka umutima kw'amahanga, hazaba hari benshi batigeze biyegurira burundu imbaraga yangiza y'ab'isi n'umurimo wa Satani bazicisha bugufi imbere y'Imana kandi bayihindukirire n'umutima wabo wose, maze bemerwe kandi bababarirwe.

"Bamwe bo mu baruhuka Isabato batigeze bagira ubushake bwo kugira icyo bigomwa, ahubwo bakiyegurira kumvira imbaraga y'iby'isi, bagomba kugeragezwa kandi bagasuzumwa. Ibyago byo mu minsi iheruka bitugezeho, kandi ikigeragezo kiri imbere y'abasore nyamara ntibigeze bacyitega. Bagomba kugera mu majune abatera guhagarika umutima bikabije. Ukwizera kwabo kuzasuzumwa ngo bigaragare ko ari ukwizera nyakuri. Bavuga ko bategereje kugaruka k'Umwana w'umuntu, nyamara bamwe muri bo babaye urugero rukojeje isoni ku batizera.....

"Umunsi w'umubabaro ushengura umutima uri imbere yacu. Neretswe ko ubuhamya bwahuranyije bukwiriye gutangwa, kandi ko abazasanga Uwiteka ngo abafashe bazahabwa umugisha na We." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.268 – 270.

b. **Kuki iki ari cyo gihe tugomba kwita cyane ku byo Imana ishaka? Hoseya 8:12.**

---

"Mbese imiburo y'Imana ntikwiriye kwitabwaho? Mbese umurimo w'Imana ntukwiriye gushyirwamo imbaraga? Mbese agasuzuguro k'abatuye isi, ubwibone, gukurikiza imihango y'abantu bikwiriye kubuza abayoboke ba Kristo kumukorera? Mbese bakwiriye kwanga ijambo ry'Imana nk'uko abayobozi b'Abayuda banze Kristo? Ingaruka z'igicumuro cya Isirayeli ziri imbere yacu. Mbese muri iki gihe itorero ryemera kuburirwa?" – *Imigani ya Kristo*, p.306.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**16 Mutarama**

1. Kubera iki ari ingenzi ko tubaho mu buryo buhuje n'umucyo wose dufite muri iyi minsi y'imperuka?
2. Nk'uko byagenze mu bihe bya kera, ni iki gishobora kuturangaza kigatuma tudakora umurimo wacu?
3. Ni irihe sezerano ry'agaciro kenshi rigenewe igihe cy'imperuka rishobora guhindura imibereho yanjye, kandi ni ukubera iki?
4. Ni ryari kandi ni kuki Imana izaza imeze nk'igisiga cya kagoma igatera inzu y'Uwiteka?
5. Ni ibihe bintu runaka byo mu mibereho yanjye ngomba kureka kugirango nitandukanye n'isi?

Ku Isabato, 24 Mutarama 2026

**Icyigisho 4**

# Kwita ku Mbabazi z'Imana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Isirayeli we, uririmbuje kuko wangomeye kandi ari jye mutabazi wawe." (Hoseya 13:9).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero,* vol 4, p.186 – 213.

"Umucyo wose umuntu yanze kwemera, umuburo wose asuzuguye cyangwa ntawiteho, icyifuzo cyose yirundumuriyemo, no kugomera amategeko y'Imana kose, biba ari urubuto rubibwe kandi rutabura gutanga umusaruro." – *Intambara Ikomeye*, p.36.

## 1. IMINSI YO KUGENDERERWAMO

**Kuwa Mbere 18 Mutarama**

a. Ni uwuhe muburo utangwa kugeza ku irangira ry'igihe cy'imbabazi? Hoseya 9:7.

"Umutima wa A ntiwiyeguriye Imana. Afite ubushobozi n'impano agomba kuzasobanurira Rugaba rwa byose ukomeye uko yabikoresheje. Umutima we ntiwitanze kandi imibereho ye ntihamanya n'ibyo avuga ko yizera; nyamara yagiye akorana bya hafi cyane n'umurimo wera w'Imana mu myaka hafi makumyabiri. Mbega umucyo yabonye! Mbega amahirwe yagiye agira! Yabonye amahirwe atabonwa na benshi yo gukuza imico ya Kristo ihebuje. Amagambo Kristo yavuze ubwo yaririraga Yerusalemu amusohoreyeho ngo: "Iyo umenya ibyaguhesha amahoro! Ariko noneho bihishwe amaso yawe." Muvandimwe A, igihano cy'Imana kiragusatiriye "kuko utamenye igihe wagenderewemo."

"Uwitwa B na we bahuje intekerezo, ariko we ntabwo ari nyamwigendaho nka we. Bombi bakunda ibibanezeza kurusha uko bakunda Imana. Imigenzereze yabo ihabanye rwose n'imibereho ya Gikristo. Babuze gutuza, kwirinda, no kwiyegurira Imana rwose. Kuri B umurimo w'ubuntu bw'Imana ukabije kuba amajyejuru. Yifuza kuba Umukristo, nyamara ntaharanira gutsinda kamere no kugira icyo akora akurikije ibyo yemera ko ari byiza cyangwa se ko ari bibi. Imana yemera ibikorwa, si amagambo atagira ibikorwa n'imigambi idafashije.

"Muvandimwe A, wumvise ijambo ry'Imana mu gucyaha, mu nama, mu miburo ndetse no mu kukwinginga mu rukundo. Nyamara kumva ntibihagije. 'Ariko mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka.' Biroroshye gutwarwa no kurangurura uririmbana Hoziyana n'iteraniro ry'abantu benshi; nyamara mu mutuzo wo mu mibereho ya buri munsi, igihe nta gutwarwa kudasanzwe no guhimbarwa guhari, ubwo nibwo haza ikigeragezo cy'Ubukristo nyakuri." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.187,188.

## 2. IMITEGO IHISHEMO UBUCAKURA

**Kuwa Kabiri**
**19 Mutarama**

a. **Ni gute umwanzi ahora yerekeza abizera mu irimbukiro? Hoseya 9:8,9,17.**

---

"[Satani] yigarurira abagabo n'abagore bikanyiza, kandi batejejwe maze akabagira abarinzi kugirango bahange amaso abagaragu b'Imana, kugirango bahinyure amagambo bavuga, ibikorwa byabo, n'imigambi yabo, ndetse ngo bashakishe amakosa kandi bivovotere gucyahwa n'imiburo bahabwa. Satani abakoreramo maze agateza urwikekwe n'ishyari, kandi ashaka uko acogoza ubutwari bw'abakozi bakiranuka, kugirango anezeze abatejejwe kandi ngo ahindure ubusa imirimo y'abagaragu b'Imana.

"Satani yagiye agira ububasha bukomeye ku ntekerezo z'ababyeyi abinyujije mu bana babo batatojwe ikinyabupfura. Icyaha cy'ababyeyi birengagiza uburere bw'abana babo cyanditswe imbere y'amazina y'ababyeyi benshi baruhuka Isabato. Umutima w'amazimwe no kuvuga ibihimbano [ugamije gutera abandi urubwa] ni kimwe mu bikoresho byihariye Satani akoresha kugirango abibe amacakubiri n'amakimbirane, kugirango atandukanye inshuti, ndetse ashegeshe ukwizera benshi bafitiye ukuri kw'amahame tugenderaho. Bene data na bashiki bacu baba biteguye cyane kuvuga ku makosa n'amafuti batekereza ko abandi bakora, ariko cyane cyane abagiye batanga ubutumwa bwo gucyaha n'imiburo bahawe n'Imana bakabutanga bakomeje.

"Abana b'aba bantu bitotomba babatega amatwi babishishikariye maze bakakira uburozi bwo kutishimira ubuyobozi. Ni muri ubu buryo ababyeyi baba bafunga inzira zajyaga gukoreshwa kugirango imitima y'abana babo igerweho. Ni imiryango ingana iki iteranira ku mafunguro ya buri munsi iri kuvuga amagambo yo gushidikanya no kunenga abandi? Ababyeyi babaga imico y'inshuti zabo nuko bakayigabura nk'ifunguro riherekeza andi." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.194,195.

b. **Ni uwuhe muzi wabaye intandaro yo gucogora kw'Abisirayeli mu by'umwuka? Hoseya 10:1; Gutegeka kwa Kabiri 8:11 – 14.**

---

"Ubwoko bw'Abisirayeli nk'abari bahagarariye Imana, bivukije amahirwe akomeye bari bafite. Bibagiwe Imana maze bananirwa gusohoza inshingano yera bari barahawe. Imigisha bahawe ntiyageze ku batuye isi. Bigumaniye amahirwe yose bari bafite kubwo kwishyira hejuru kwabo. Bitaruye abandi bantu bagira ngo bahunge ibishuko. Uko Imana yari yarababujije kwifatanya n'abasenga ibigirwamana ikabikorera kubarinda gukurikiza imigirire y'abapagani, babikoresheje bubaka urukuta rubatandukanya n'andi mahanga yose. Batumye Imana itagera ku murimo yashakaga kubakoresha kandi ntibabera abandi abayobozi mu by'iyobokamana n'urugero rutunganye. Abatambyi n'abatware b'Abayuda bari batsimbaraye ku mihango yabaye akamenyero. Bari banyuzwe no kuba mu idini ikurikiza amategeko, kandi ntibyabashobokeraga ko bashyira abandi ukuri kuzima mvajuru." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.14,15.

## 3. KOROSHYA UBUTAKA

**Kuwa Gatatu**
**20 Mutarama**

**a. Ni iki Imana isaba ubwoko Bwayo butumvaga akaga kabwugarije mu by'umwuka? Hoseya 10:12; Yakobo 4:8.**

"Amatorero yacu akwiriye gukorana mu murimo wo kubiba mu by'umwuka, bafite ibyiringiro byo kuzasarura mu bwiza. Hariho kurwanywa tugomba guhura na ko, intaza nyinshi ku migambi yacu n'umuhati tugira mu bwitange, ibyo byose bitewe n'umutima mubi wo kutizera. Ariko umurimo ugomba gukorwa. Imirima irakomeye cyane, ariko umushike ugomba guhingwa, kandi imbuto zo gukiranuka zigomba kubibwa. Yemwe bigisha bakundwa n'Imana, ntimucogore ngo mushidikanye gukora umurimo utazabura kwaguka nukorwa. Ntimucogore cyangwa ngo mucike intege. Ababiba barira bazasarura banezerewe..... Mwibuke ko mutakwiyiringira." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.420.

**b. Ni gute Imana ihishura urukundo ifitiye ubwoko Bwayo rurangwamo impuhwe, rukayitera kuturamburira ukuboko Kwayo no mu gihe tuba twayigometseho? Hoseya 11:1 – 4.**

"Nubwo ubu Yesu yazamutse akajya ku Mana kandi akaba yicaranye na Se ku ntebe y'ubwami bw'isi n'ijuru, Yesu ntiyigeze ahindura na hato kamere ye y'urukundo n'impuhwe. N'uyu munsi, wa mutima we w'impuhwe n'imbabazi wakira ingorane zose z'inyokomuntu. Uyu munsi aracyarambuye kwa kuboko Kwe kwatewe imisumari kugira ngo ahe umugisha mwinshi abantu Be bari ku isi. 'Nta kibi kizababaho, kandi ntawe uzabavana mu maboko yanjye.' Umuntu wiyeguriye Kristo ni uw'agaciro kenshi mu maso Ye kuruta isi yose. Umukiza wacu yari kwemera kubabarizwa ku musaraba w'i Kaluvari kugira ngo umuntu naho yaba umwe acungurirwe mu bwami Bwe. Ntabwo azigera atererana uwo yapfiriye. Keretse abayoboke Be nibahitamo kumuvaho, naho we azabakomeza.

"Mu bigeragezo byacu byose dufite Umufasha utigera atsindwa. Ntatureka twenyine ngo duhangane n'ibigeragezo, cyangwa ngo turwane n'umubi, ndetse ngo amaherezo dushengurwe n'imitwaro ndetse n'intimba byacu. Nubwo muri iki gihe atagaragarira amaso y'abantu, amatwi yo kwizera ashobora kumva ijwi Rye rigira riti: 'Witinya; ndi kumwe nawe'..... Nihanganiye imibabaro yawe, nzi ibikurushya kandi nahuye n'ibigeragezo unyuramo. Nzi amarira yawe kuko nanjye narize. Nzi intimba yo mu mutima idashobora kumvwa n'umuntu uwo ari we wese. Ntutekereze ko uri wenyine cyangwa ko waretswe. Nubwo umubabaro wawe utakumvwa n'umuntu uwo ari wese utuye isi, reba kuri jye, urabaho." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.480 – 483.

## 4. UNDI MWANYA MUTO.....

**Kuwa Kane**
**21 Mutarama**

a. Ni iki kigaragaza uburebure bw'ubujyakuzimu bw'imbabazi z'Imana? Hoseya 11:7 – 9; Luka 13:6 – 9.

"Mbese [Imana] izatererana abantu yagiriye ubuntu ityo, kugeza aho itanga Umwana Wayo w'ikinege, ari we shusho Yayo? Imana yemeye ko Umwana Wayo apfa kubw'ibyaha byacu. We ubwe yafashe imico y'umucamanza ku byerekeranye no kuba Ushyirwaho Ibyaha, ava aho yanezezwaga n'urukundo rwa Se.

"Aha ngaha, urukundo Rwe rwigaragariza inyokomuntu yigometse mu buryo butangaje cyane. Mbega ukuntu abamarayika babigirira amatsiko bashaka kubirunguruka!" – *Ibihamya ku Bagabura*, p.246.

b. Ni ukubera iki Imana ikoresha abahanuzi, kandi se ni gute bafite uruhare rw'ingenzi mu kuzahura iby'umwuka mu bantu? Hoseya 12:10,13; Amosi 3:7.

"Dukwiriye kwakira ayo magambo yumvikana y'abahanuzi ndetse n'ay'Umukiza ubwe, tukayafata ko ari ijwi ry'Imana rivugana na buri muntu." – *Abahanuzi n'Abami*, p.327.

c. Ni iki kigaragaza ko Imana ari inyebambe, ndetse no mu gihe Abisirayeli bari bageze ku iherezo ribi? Hoseya 13:4 - 9; 14:1.

"Incuro nyinshi imibabaro yabagezeho ifatwa nk'igihano cyabagezeho gitegetswe n'Imana ubwayo. Uko ni ko umushukanyi ukomeye abigenza kugira ngo ahishe abantu imikorere ye bwite. Igihe Abayuda bizirikaga ku kwanga kwakira urukundo rw'Imana n'imbabazi Zayo, batumye uburinzi bw'Imana bubakurwaho, maze Satani yemererwa kubategeka uko ashaka. Ubwicanyi buteye ubwoba bwakozwe mu gihe cy'isenywa rya Yerusalemu ni igihamya cyerekana ubugome Satani ategekesha abirunduriye mu buyobozi bwe.

"Ntidushobora kumenya icyo twakwitura Kristo kubera amahoro n'uburinzi tumukesha. Ububasha bw'Imana bukumira ibibi nibwo burinda abantu kurundukira mu butegetsi bwa Satani. Abantu batumvira ndetse n'indashima bafite impamvu ikomeye yabatera gushimira Imana imbabazi no kwihangana ibagaragariza mu gukumira imbaraga kirimbuzi z'umwanzi kandi zirimo ubugome. Ariko iyo abantu barenze aho kwihangana kw'Imana kugarukira, iyo mbaraga ikumira ikibi ibakurwaho. Ntabwo Imana yitwara ku munyabyaha nk'imucira urubanza rw'igicumuro cye; ahubwo abanze kwemera imbabazi Zayo irabareka bakagerwaho n'ingaruka z'ibyo bakoze." – *Intambara Ikomeye*, p.35,36.

## 5. IKIMERA CYUMYE CYANGWA GITOSHYE? Kuwa Gatanu 22 Mutarama

a. **Ni gute Yesu yagaragaje ibyari kuzagera ku bwoko Bwe nk'ishyanga? Matayo 21:19,20.**

---

---

"Yesu yari yaregereye cya giti cy'umutini ashonje, yifuza kubona iimbuto zo kurya. Ni muri ubwo buryo yari yaraje muri Isirayeli, afite inzara yo kubasangana imbuto zo gukiranuka. Yari yarabasagijeho impano, kugira ngo bere imbuto zo guhesha umugisha isi yose. Kristo yari yarabahaye imigisha n'impano zose, bityo na we yabashakagaho impuhwe no gufatanya na we mu murimo w'ubuntu yakoraga. Yifuzaga kubabonamo kwitanga n'imbabazi, ishyaka ry'Imana n'umutima uharanira agakiza ka bagenzi babo. Iyo baza kumvira amategeko y'Imana, baba barakoze umurimo urangwa no kwitanga nk'uwo Yesu yakoze. Ariko gukunda Imana n'abantu kwabo, byamizwe n'ubwirasi bwabo hamwe no kumva bihagije. Bizaniye kurimbuka bitewe no kwanga kugeza ubutumwa ku bandi. Ntibashatse kugeza ku batuye isi ubutunzi bw'ukuri Imana yari yarababikije. Mu giti kitera imbuto, bagombaga kubonamo icyaha cyabo ndetse n'igihano kijyana nacyo. Cya giti cy'umutini cyumye ubwo Umukiza yakivumaga, cyari kirabye kandi kimaze guhonga, imizi yacyo imaze kuma, cyashushanyaga uko Abayuda bajyaga kumera igihe imbabazi z'Imana zari kuba zimaze kubakurwaho. Banze kugeza imigisha ku bandi, na bo ntayo bari gushobora gukomeza guhabwa." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.583.

b. **Ni gute igitabo cya Hoseya gisoza gishimangira ko Imana itanga ibyiringiro, igakiza kandi igahamagarira abantu kugira ubwenge? Hoseya 14:4,5,8,9.**

---

"Igihingwa gikura bitewe n'uko cyakira ibyo Imana yatanze bigomba gutunga ubuzima bwacyo. Uko ni ko gukura mu by'umwuka kugerwaho binyuze mu gufatanya n'intumwa z'ijuru. Uko igihingwa gishinga umuzi mu butaka, ni ko natwe tugomba gushinga imizi muri Kristo. Uko igihingwa cyakira umucyo uvuye ku zuba, kikakira ikime n'imvura, ni ko natwe dukwiriye kwakira Umwuka Wera. Nitwerekeza imitima yacu kuri Kristo, azaza muri twe. "Nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka." "Izuba ryo gukiranuka rizabarasira, rifite gukiza mu mababa yaryo" "Azarabya nk'uburabyo" Tuzashibuka "nk'ingano kandi dutohe nk'umuzabibu." Hoseya 6:3; Malaki 4:2; Hoseya 14:5,7." – *Uburezi,* p.106.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA Kuwa Gatandatu 23 Mutarama

1. Ni iki Imana idusaba ku munsi wo kugendererwamo?
2. Ni ukubera iki Imana itanyuzwe n'iyobokamana ry'Abisirayeli ryagaragaraga inyuma gusa?
3. Mbese kurima umushike w'umutima wacu bitumariye iki?
4. Ni iki ngomba kwitaho muri iki gihe nsigaranye cy'imbabazi?
5. Ni gute nshobora kwiringira ntashidikanya ko Imana izampa umugisha mu cyimbo cyo kunca?

Ku Isabato, 31 Mutarama 2026

**Icyigisho 5**

# Yoweli: Intumwa Yejejwe

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Muvugirize impanda i Siyoni, mutegeke kwiyiriza ubusa, mugire iteraniro ryera." (Yoweli 2:15).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.11 – 18.

"Inkingi y'igicu ivuga umujinya n'uburakari ku bica amategeko y'Imana, ni umucyo n'imbabazi no gutabarwa ku bakomeje amategeko Yayo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.404.

## 1. BYEREKEZA KU GIHE CY'AHAZAZA

**Kuwa Mbere 25 Mutarama**

a. Ni ikihe cyago umuhanuzi Yoweli yavuze, kandi gifitanye isano n'ikintu kizabaho mu gihe kiri imbere? Yoweli 1:10 – 12; 17 – 20; Ibyahishuwe 16:8,9.

---

---

"Mu cyago [cya kane]….. izuba ryahawe ubushobozi bwo kotsa abantu bikabije. Abantu bababazwa n'icyokere cyinshi. Abahanuzi basobanura uko isi izaba imeze muri icyo gihe giteye ubwoba: "Imirima yononwe….. kuko imyaka yo mu mirima irumbye…… ibiti byose byo mu mirima byumye kandi umunezero ushira mu bantu. "Imbuto zumiye mu mayogi, ibigega birimo ubusa…. Yemwe, nimwumve uko amatungo aboroga! Amashyo y'inka yanāniwe kuko yabuze ubwatsi…. Ndetse inyamaswa zo mu ishyamba na zo zirakwifuza kuko imigezi y'amazi yakamye, kandi umuriro watsembyeho ibyanya byo mu butayu." "Uwo munsi indirimbo zo mu rusengero zizahinduka umuborogo, ni ko Uwiteka Imana ivuga, intumbi zizaba nyinshi, ahantu hose bazazijugunya bumiwe." Yoweli 1:10–12, 17–20; Amosi 8:3.

"Ibi byago ntabwo ari rusange, bitabaye ibyo, abatuye ku isi barimbukira rimwe. Nyamara hazaba hari ibiteye ubwoba bikabije bitigeze kumenywa n'umwana w'umuntu. Ibyago byose bizagera ku bantu imbabazi ziri hafi kurangira, bizaba bivanzemo n'imbabazi. Amaraso ya Kristo yaviriye umunyabyaha amukingira igihano cy'ibyaha bye; ariko mu rubanza ruheruka, umujinya uzasukwa ku munyabyaha uzaba utangaje utakirimo imbabazi. Kuri uwo munsi, abantu benshi cyane bazifuza ubwihisho mu mbabazi z'Imana, basuzuguye igihe kirekire." – *Intambara Ikomeye,* p.628,629.

## 2. ICYO KWITABWAHO UBU NGUBU

**Kuwa Kabiri**
**26 Mutarama**

a. **Ni iki dukeneye guhozaho intekerezo mu buryo bukomeye? Yoweli 1:15,16.**

"Iki gihe turimo ni igihe gikomereye abagihumeka bose. Abayobozi n'abategetsi b'ibihugu, abantu bari mu myanya ikomeye y'ubuyobozi, abagabo n'abagore bose bashyira mu gaciro bo mu nzego zose..... babona hari ikintu gikomeye kandi kidasanzwe kigiye kuba, ndetse ko isi igiye kwinjira mu makuba akomeye.

"Ubu abamarayika baracyafashe imiyaga y'intambara kugira ngo idahuha kugeza ubwo isi yose izaba imaze kuburirwa iby'akaga kayugarije; ariko umuraba uri kwisuganya, witeguye kuyogoza isi. Kandi igihe Imana izategekera abamarayika Bayo ngo barekure imiyaga, hazabaho imyivumbagatanyo n'ubushyamirane bitabona uko bivugwa mu nyandiko.

"Bibiliya yonyine ni yo itwereka ishusho nyayo y'uko ibyo bintu bizaba bimeze. Muri yo hagaragaza amakuba akomeye kandi aheruka azaba mu mateka y'isi yacu. Ayo makuba yatangiye kugaragariza ibimenyetso byayo imbere yacu, urusaku rwo kuza kwayo rutera isi guhinda umushyitsi kandi n'abantu bagahagarikwa imitima n'ubwoba." – *Uburezi*, p.179,180.

b. **Mu gihe tugitegereje akaga kagiye kuba, ni iki twebwe abizera dusabwa gukora mu buryo bwihuse kandi tubigiranye umwete? Yoweli 1:14; 2:1,2.**

"Kubw'uwo munsi ukomeye, ijambo ry'Imana rikoresheje imvugo yumvikana kandi ikora ku mutima, rihamagarira ubwoko bw'Imana gukanguka bukava mu iroro ry'iby'umwuka kandi bugashaka mu maso Hayo bwihannye kandi bwicishije bugufi." – *Intambara Ikomeye*, p.311.

c. **Ni gute ubuhanuzi bwa Yoweli buhanura bugenekereza umunsi wo kugaruka kwa Kristo? Yoweli 2: 3 – 6.**

"Mu kanya gato twerekeza amaso yacu iburasirazuba, kuko twari tubonye agacu gatoya kirabura, kangana n'igice cy'ikiganza, maze twese tumenya ko ari ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu..... Ku ruhande rwo hasi cyasaga n'umuriro; hejuru y'icyo gicu hari umukororombya, naho impande hari abamarayika ibihumbi cumi, baririmba indirimbo y'agahebuzo; kandi kuri icyo gicu ni ho Umwana w'umuntu yari yicaye. Umusatsi we wari umweru kandi utendera ku ntugu ze; ndetse ku mutwe we hari hatamirijwe amakamba menshi. Ibirenge Bye byasaga n'umuriro; kandi mu kuboko Kwe kw'iburyo yari afite umuhoro utyaye; mu kw'ibumoso afite impanda yacuzwe mu ifeza. Amaso Ye yasaga n'ibirimi by'umuriro, yashakishaga abana Be aho bari hose. Nuko mu maso yose haracya, naho mu ya ba bandi banze Imana hacura umwijima." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.15,16.

## 3. GUHAMAGARIRWA KWIHANA

**Kuwa Gatatu**
**27 Mutarama**

**a. Ni ubuhe bwishingizi Imana iha abantu bihana babikuye ku mutima? Yoweli 2:12,13; Zaburi 34:18.**

---

---

“Kwiyiriza ubusa kuvugwa n’ijambo ry’Imana ni ikintu kitari umuhango gusa. Ntabwo kwiyiriza ubusa kugizwe no kwigomwa kurya, no kwambara ibigunira no kwisiga ivu mu mutwe gusa. Umuntu wiyiriza ubusa ababajwe n’icyaha koko, ntabwo yigera yigaragaza mu giterane cy’abantu.

“Umugambi wo kwiyiriza ubusa Imana itubwira ntabwo ari ukubabaza umubiri ku bw’icyaha cyo mu mutima, ahubwo ni ukudufasha kugira ngo turebe ububi bw’icyaha twicishije bugufi imbere y’Imana no kwakira imbabazi z’ubuntu Bwayo. Imana yategetse Abisirayeli iti: “Imitima yanyu abe ari yo mutanyura mureke imyenda yanyu, maze muhindukirire Uwiteka Imana yanyu.” Yoweli 2:13.

“Kubabaza imibiri yacu cyangwa kwishuka ngo imirimo yacu ishobora kugira icyo itumarira cyangwa ngo ibasha kudushoboza kuraganwa n’abera, ntacyo byatumarira..... Kwihana ni ukureka inarijye ukagarukira Kristo; kandi igihe twakiriye Kristo kugira ngo kubwo kwizera ashobore kuba muri twe, ni bwo twakora imirimo myiza.” – *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.87.

**b. Ni iki gikubiye mu kwatura ibyaha dukeneye cyane? Matayo 6:6; 1Yohana 1:9.**

---

“Ibyaha mwakoreye mu ibanga mubyaturire imbere y’Imana muri mwenyine. Ukuraragira kw’imitima yanyu mukubwire Imana yo izi neza gutanga umuti w’ikibazo cyanyu. Niba warahemukiye mugenzi wawe, mubwire kandi umwemerere icyaha cyawe kandi umwerere imbuto utunganya ibyo wangije. Noneho ubone usabe umugisha ku Mana. Sanga Imana uko uri maze ureke ikize ubumuga bwawe bwose. Ibyawe bijyane imbere y’intebe y’ubuntu; maze ureke umurimo ukorwe mu buryo butunganye. Jya uvugisha ukuri kose mu byo ugirira Imana kandi ube n’umunyakuri ku mutima wawe bwite. Nusanga Imana ufite umutima ushenjaguwe by’ukuri, izaguha intsinzi. Ubwo nibwo ushobora gutanga ubuhamya bwiza burimo umudendezo, ugaragaza ishimwe ry’iyaguhamagaye ikagukura mu mwijima w’icurabundi ikakugeza mu mucyo w’itangaza. Ntabwo izakwakira nabi cyangwa ngo igucire urubanza rudakwiriye. Abantu bagenzi bawe ntibashobora kuguhanaguraho icyaha cyangwa ngo bakwezeho gukiranirwa kwawe. Yesu ni we wenyine ushobora kuguha amahoro. Aragukunda kandi yarakwitangiye. Umutima We ukomeye wuje urukundo ukorwaho n’intege nke zacu. Mbese ni ibihe byaha bikomeye bikabije ku buryo adashobora kubibabarira? Ni uwuhe mutima wijimye kandi watsikamiwe n’icyaha bikabije ku buryo Yesu atawukiza? Yesu yuje ubuntu, ntabwo aturebamo ibyiza twakora ngo tugirirwe ubwo buntu, ahubwo kubw’ineza Ye itagira akagero adukiza gusubira inyuma kwacu kandi akadukunda nta kiguzi adusabye igihe tuba tukiri abanyabyaha. – *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.649.

## 4. KUGERA KU RUGERO RWO HEJURU

Kuwa Kane
28 Mutarama

**a. Sobanura intambwe yihutirwa itorero ry'Imana rigomba gutera. Yoweli 2:15-17.**

"Kristo azabana na buri mugabura wese, n'ubwo ashobora kuba ataragera ku butungane mu mico, ariko akaba ashakishanya umwete uko yasa na Kristo. Uwo mugabura azasenga. Azaririra hagati y'ibikingi by'amarembo n'igicaniro, ataka mu mutima afite agahinda ko kuba ari imbere y'Uwiteka; bitabaye ibyo ntashobora guhagarara imbere y'abantu, ijuru ryose rimuhanze amaso, kandi ikaramu y'umumarayika yandika amagambo ye, imyifatire ye, n'umwuka we." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.143.

"Iyaba umwenda ukingiriza wakurwagaho, iyaba mwasobanukirwaga imigambi y'Imana ndetse n'amateka agiye gusukwa ku isi iciriweho iteka, iyaba mwasobanukirwaga n'inyifato yanyu ubwanyu, mwagira ubwoba kandi mugahindira umushyitsi ubugingo bwanyu bwite n'ubugingo bwa bagenzi banyu. Amasengesho akomeje kandi avuye ku mutima umenetse ushenguwe n'intimba yasengwa akazamuka agana mu ijuru. Mwaririra hagati y'uruhamo rw'umuryango n'igicaniro, mukatura ubuhumyi bwanyu mu by'umwuka no gusubira inyuma kwanyu." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.408.

**b. Ni gute Imana yifuza gusubiza bene ayo masengesho avuye ku mutima avugwa n'ubwoko Bwayo? Yoweli 2:23.**

"Umwanzi ashishikariza abakozi be ngo bashake uburyo bwose bwagwabiza umurimo w'Imana; ariko abayobozi b'ibihugu bubaha Imana, bakoreshejwe n'abamarayika bera bazaburizamo imigambi y'abo bantu babi, batarinze kujya impaka. Nuko rero, abantu bake gusa bazifatanya n'imbaraga z'umwanzi. Intambara y'abanzi b'iby'ukuri izahosha kugira ngo ubutumwa bwa Marayika wa gatatu bukore umurimo wabwo. Ubwo umuburo uheruka uzatangwa, ijwi ryawo rizagera mu matwi y'abategetsi b'isi bazaba bakorera Imana batabizi, maze bamwe bo muri bo bakire uwo muburo bahereko bifatanye n'abantu b'Imana muri icyo gihe cy'akaga.

"Umumarayika uzafasha mu kwamamaza ubutumwa bwa Marayika wa gatatu, azamurikishiriza isi yose ubwiza bwe. Uwo niwo murimo udasanzwe wavuzwe ko uzakwira isi yose. Itsinda ry'Abadiventisiti ryo mu myaka ya 1840 – 1844 ryabaye ukwigaragaza gukomeye kw'imbaraga z'Imana; ubutumwa bwa Marayika wa mbere bwabwirijwe mu isi n'abakorerabushake, kandi mu bihugu bimwe na bimwe habaye gukura mu by'idini, aribyo byagaragajwe n'ivugurura rikomeye ahantu hose uhereye mu kinyejana cya cumi na gatandatu, ariko umusozo wabyo ugomba kuba itsinda rikomeye rifite umuburo w'ubutumwa bwa Marayika wa gatatu." – *Intambara Ikomeye*, p.610,611.

## 5. ABANYAMAHORO

**Kuwa Gatanu**
**29 Mutarama**

a. Vuga uko ubuhanuzi bwo muri Yoweli 2:28 – 32 bwasohoye.

---

"Ncuti musomyi, nkuragije Ijambo ry'Imana ngo abe ari ryo rigenga ukwizera kwawe n'ibyo ukora. Tuzacirwa urubanza n'iryo Jambo. Muri iri Jambo ni ho Imana yasezeraniye ko "mu minsi ya nyuma" izatanga amayerekwa, atari ayo kuba umugenga mushya wo kwizera, ahubwo ari ukugira ngo ubwoko bw'Imana bukomezwe kandi abatandukira ukuri kwa Bibiliya bakosorwe." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.78.

"Itariki ya 19 Gicurasi 1780, mu mateka iyo tariki yiswe, "Umunsi w'Umwijima." Guhera mu gihe cya Mose, nta gihe cyigeze kibaho cy'umwijima ukomeye kandi wamaze igihe kirekire, ukanakwira ahantu hanini nk'uwo. Uko uwo munsi wari umeze nk'uko byavuzwe n'abawuboneshej e amaso yabo, ni ukwirangira kw'amagambo y'Umukiza yari yaravuzwe n'umuhanuzi Yoweli wari warabyanditse mu myaka ibihumbi bibiri na magana atanu mbere y'uko bisohora [Yoweli 2:31]." – *Intambara Ikomeye*, p.308.

b. Nubwo abantu biringira ko hazabaho amahoro, ni iyihe mimerere ibabaje amaherezo bazageramo? Yoweli 3:9,10; 1Abatesalonike 5:3.

---

"Isi yuzuye umwuka w'intambara. Ubuhanuzi bwo mu gice cya cumi na kimwe cya Daniyeli bugiye kuzasohozwa mu buryo bwuzuye. Vuba aha, ibintu biteye ubwoba byavuzwe mu buhanuzi bigiye gusohora." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.14.

c. Icyo gihe se, abakiranutsi bazaba bari he? Yoweli 3:16; Zaburi 91:1-7.

---

"Ibigeragezo biteye ubwoba bitegereje ubwoko bw'Imana. Umwuka w'intambara uratutumba mu mahanga kuva ku mpera y'isi ukageza ku yindi. Ariko hagati mu gihe cy'akaga kigiye kuza (akaga katigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho) ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe buzahagarara butanyeganyezwa. Satani n'abamarayika be ntibashobora kurimbura ubwoko bw'Imana kubera ko abamarayika bamurusha imbaraga bazaburinda." – *Ibid.*, p.17.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**30 Mutarama**

1. Ni iki gituma habaho ibintu biteye ubwoba byahanuwe muri Yoweli 1:15 – 20?
2. Ni gute nzasanganira Kristo ubwo azaba agarutse?
3. Ni gute kandi ni ukubera iki dukeneye kwicisha bugufi imbere y'Uwiteka?
4. Sobanura imigisha igera ku bantu biyegurira Imana by'ukuri ku iherezo.
5. Kuki muri iki gihe, kurusha ikindi gihe cyose, tugomba kwirinda gushishikariza abantu kugira umwuka w'intambara?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

## Ku isabato, 07 Gashyantare 2026

## Azagenerwa Icyiciro cy'Ubutabazi n'Ubugiraneza mu Nteko Nkuru Rusange



Icyiciro cy'Ubutabazi n'Ubugiraneza mu Nteko Nkuru Rusange gifite intego yo gufasha abagezweho n'amakuba anyuranye aturutse ku bidukikije cyangwa ku bantu. Bene data babuze ibintu byabo bitewe n'inkongi z'umuriro, imyuzure, ndetse n'intambara n'amakimbirane.

Iyo umuntu abonye umurimo wavuye mu maboko ye urimbuwe, biramuneze-za cyane kubona aramburiwe ukuboko agafashwa, akitabwaho ndetse akun-ganirwa. Abantu bagezweho n'ibyo bīza, akenshi bavuga ukuntu bishimira ko bafashijwe mu gihe bari bakeneye cyane ubufasha kandi bagashimira kubwo kuba bari mu bagize umuryango nyakuri mu by'umwuka.

Hari n'abandi bantu babayeho mu bukene bukabije ndetse aho usanga barya rimwe gusa ku munsi, ariko nubwo baba bababaye cyane, bakomeza kugira ibyiringiro bihamye by'uko Yesu ari bugufi kugaruka bidatinze, kandi ko ibyo byose bizashira..... Abameze batyo, Icyiciro cy'Ubutabazi n'Ubugiraneza ki-racyabaramburiye ukuboko k'ubutabazi no kubitaho. Amagambo ya Kristo ara-gira ati: "Ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyu-ma y'abandi, nijye mwabikoreye" (Matthew 25:40), umurimo wacu uyoborwa no gusobanukirwa ko idini ry'ukuri ritari amagambo ahubwo ko ari ibikorwa byo kwita ku mfubyi, abapfakazi, abarwayi n'impunzi. Iyo twakiriye inkunga, duhita tuzisaranganya vuba kugira ngo tugere ku bintu by'ingenzi cyane bikenewe, cyane cyane ibyo abagize umuryango wacu duhuje ukwizera bakeneye.

Insengero zasenywe n'ibīza kamere zongeye kubakwa; amazu yasenywe n'inkongi y'umuriro, imyuzure n'ibindi bīza byatewe n'ikirere, yarongeye aru-bakwa ndetse arasanwa ashyirwaho ibikoresho bishya; abarwayi baravurwa; imfubyi, abapfakazi n'abakene bahawe ibyokurya n'ubufasha bw'ibanze. Hari byinshi byakozwe, nyamara turacyari kure y'icyo twifuzaga, ni ukuvuga kuta-gira umukene mu bo mu muryango wacu w'abizera, nk'uko byari bimeze kuri Pentekote!

Ku bw'ibyo rero, bene data dukunda, twiringiye ko muzatanga mutitangiriye ita-ma kandi mugatanga mu buryo bwuzuye, ariko cyane cyane mugatanga ituro mubikunze! Mu gihe ushyira ku ruhande ituro ryawe ry'Isabato ya Mbere, teke-reza ku byo wahawe n'Imana; izagwiza ituro ryawe kandi izarihindura imigisha, kuri wowe, ku muryango wawe no ku bo uzafasha mu bihe bigoye.

"Binyuze muri ibyo bikorwa bifatika by'urukundo, niho abizera b'itorero ba-shobora gusabana mu bumwe bwa Gikristo. Iyo bene data bakundana, nibwo urukundo bakunda Imana rwiyongera muri bo kubera ko itigera yibagirwa na rimwe abarembejwe n'imibabaro, nuko amashimwe akazamuka ku Mana bayishimira ko ibitaho." – *Inama ku Busonga*, p.344.

Imana ibahundagazeho imigisha!

*Icyiciro cy'Ubutabazi n'Ubugiraneza mu Nteko Nkuru Rusange*

Ku Isabato, 07 Gashyantare 2026 **Icyigisho 6**

# Umuhamagaro wa Amosi ku Kwitegura

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Itegure gusanganira Imana yawe, Isirayeli we." (Amosi 4:12, ahaheruka).

**Ibitabo Byifashishijwe**: *Ibihamya by'Itorero,* vol 8, p.329 – 335.

"Umurimo wacu ni ukwamamaza amategeko y'Imana no guhamya kwa Yesu Kristo. "Itegure gusanganira Imana yawe" (Amosi 4:12), ni wo muburo ugomba kubwirwa abatuye isi. Ni n'umuburo kuri twe by'umwihariko." – *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.116.

## 1. GUKORERA IMANA CYANGWA KUTAYIKORERA? Kuwa Mbere 01 Gashyantare

a. Nyuma yo kuvuga ibicumuro by'i Damasiko, Gaza, Tiro, Edomu, Amoni, Raba, na Mowabu, ni ikihe kirego Imana yavuze ku byerekeranye n'u Buyuda na Isirayeli, bavugaga ko bayikorera? Amosi 2:4 – 8.

b. Ni iki Uwiteka ahamya ku byerekeranye n'impuhwe agirira abo bantu, n'ingaruka z'uko basuzuguye imbabazi Ze? Amosi 2:9 – 16.

c. Ni ikihe kibazo kibazwa iyo hagize umuntu ugambanira icyo Imana yamushinze, kandi se, ni gute iryo hame rinareba umushyikirano abantu bagirana? Amosi 3:1 – 3; Zaburi 11:3.

"Ni gute umuntu ufite umutima ushishikarira ibya kamere y'umubiri yahuza n'umuntu ufite umutima wisanisha na Kristo? Mu gihe umwe abiba iby'umubiri, agatekereza kandi agakora akurikije ibyifuzo by'umutima we; undi aba abiba iby'umwuka, ashaka gutsinda inarijye, ibyifuzo bibi, akabaho aharanira kumvira Shebuja, uwo avuga ko abereye umugaragu." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.507,508.

"Uko imibereho y'umuntu yaba itunganye kose, ntibyabuza ko uwo babana utizera yamutandukanya n'Imana." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.174.

## 2. UBUHANUZI BWERA IMBUTO

**Kuwa Kabiri**
**02 Gashyantare**

a. **Ni ukubera iki dushobora kwishimira by'ukuri agaciro k'ubuhanuzi? Amosi 3:7,8.**

---

"Ibihishwe ni iby'Uwiteka" ariko "ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu iteka"...... Ibyo bintu Imana yarabiduhaye kandi umugisha Wayo uzaba ku wiga ubuhanuzi bwo mu Byanditswe Byera afite kumvira kandi asenga." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.234.

b. **Ikibabaje ariko, ni gute abantu buvuga ko ari ubwoko bw'Imana bakunze guhora bayigenza? Amosi 4:4 – 11.**

---

"Kuko Uwiteka azakubita Isirayeli abe nk'urufunzo runyeganyegera mu mazi.....

"Nyamara ntabwo Uwiteka yaretse Abisirayeli atabanje gukora ibishoboka byose ngo abagarure ku kumwubaha no kumwumvira. Mu myaka myinshi y'umwijima ubwo abami basimburanaga ariko bagakomeza gushinga amajosi basuzugura Imana ndetse bagatuma Abisirayeli barushaho kwimbika mu gusenga ibigirwamana, Imana yajyaga yohereza ubutumwa butandukanye ubwoko Bwayo bwababaga bwarasubiye inyuma. Ibinyujije mu bahanuzi Bayo, Imana yabahaye amahirwe yose yajyaga guhagarika gusakara k'ubuhakanyi bityo bakabasha kuyigarukira. Mu myaka yajyaga gukurikira kwigabanya k'ubwami, Eliya na Elisa bagombaga kubaho kandi bagakora umurimo wabo, ndetse ukwinginga kwa Hoseya, Amosi na Obadiya kwagombaga kumvikanira mu gihugu. Ntabwo ubwami bwa Isirayeli bwagombaga kurekwa ngo bubeho butagezwaho ubuhamya bukomeye bwerekana imbaraga ikomeye y'Imana ikura abantu mu cyaha." – *Abahanuzi n'Abami*, p.108.

c. **Kimwe na Amosi, ni ubuhe butumwa tugomba kwamamaza nta gutinya, nk'uko Yohana Umubatiza yabigenje? Amosi 4:12 (ahaheruka); Matayo 3:1,2.**

---

"Nk'abantu bizera ko Kristo agiye kugaruka vuba, dufite ubutumwa tugomba kugeza ku bantu bugira buti: "Itegure gusanganira Imana yawe." Amosi 4:12. Ubutumwa bwacu bugomba kuba burasa ku ngingo nk'uko ubutumwa bwa Yohana bwari bumeze. Yacyashye abami kubwo gukiranirwa kwabo. Nubwo ubuzima bwe bwari buri mu kaga, ntiyigeze azarira ku kwamamaza ijambo ry'Imana. Kandi umurimo wacu muri iki gihe ugomba gukoranwa ubudahemuka nk'uwo nguwo.

"Kugira ngo dutambutse ubutumwa nk'ubwo nk'uko Yohana yabutanze, tugomba kugira imibereho y'iby'umwuka nk'iyo yari afite. Umurimo nk'uwo ugomba gukorerwa muri twe. Tugomba guhanga amaso yacu ku Mana, kandi mu gihe tuyitegereza twebwe twikuraho amaso". – *Ibihamya by'Itorero,* vol 8, 332, 333.

## 3. AMAHITAMO AKORANYWE UBUTWARI

**Kuwa Gatatu**
**03 Gashyantare**

a. Kuki Imana ariyo yonyine yihariye mu ijuru no mu isi, kandi ni irihe rarika rivuye ku mutima rigaragaza icyifuzo Cyayo gikomeye cyo guha abagwaneza ibyiza bihebuje ibindi? Amosi 4:13; 5:6 – 9,14.

---

---

b. Mu gihe Amosi yatangazaga uko kuri, yagenjwe ate? Muri rusange se byagenze bite nyuma y'iyo miburo n'ayo mararika? Amosi 5:10,15 – 18.

---

"Nyamara umubare munini cyane w'abumvise ayo magambo y'irarika [ya Amosi] banze ko abagirira umumaro." – *Abahanuzi n'Abami*, p.284.

c. Ni ukuhe gucyahwa kwerekeranye n'uburyo bari babayeho gukwiriye kutubera irarika ridukangura? Amosi 6:1, 3 – 7.

---

"Hari inshingano zidashimishije umuntu agomba gukora bitaba ibyo ubugingo bwa benshi bukazarimbuka. Abakristo bazabonera umugisha mu gukora bene izo nshingano, uko zaba zitanejeje kose. Kristo yakoze inshingano idashimishije yo gusiga ahera ho mu ijuru n'icyubahiro kitagereranywa, aza kuba umuntu mu bantu muri iyi si yangijwe kandi yandujwe n'icyaha, urugomo, n'ibicumuro. Ibi yabikoreye kugirango akize ubugingo bw'abantu; none se abantu bagaragarijwe urukundo nk'urwo rutangaje no kwicisha bugufi kutagereranywa batanga urwitwazo ku mibereho yabo yo kwiberaho ubuzima bworoheje bwo kwikunda? Mbese bazahitamo ibibanezeza, bikurikirire ibyo bararikiye gusa, maze bareke ubugingo bw'abantu burimbukire mu mwijima bitewe n'uko bazahura no kubura ibyo bari biteze ndetse no kwamaganwa baramutse bagize icyo bakora kugirango babakize? Kristo yatanze ikiguzi kitagira akagero cyo gucungura umuntu, none se umuntu ni we wavuga ati: "Mwami wanjye sinzakora mu ruzabibu rwawe, ndagusabye ubimbabarire?"

"Imana irahamagarira abiturije bibereye muri Siyoni guhaguruka bagakora umurimo. Mbese bazanga kumvira ijwi ry'Umwami? Ashaka abakozi basenga kandi bakiranuka bazabiba imbuto hafi y'amazi yose. Abakora muri ubwo buryo bazatangazwa no kubona uburyo ibigeragezo bihanganiye mu mbaraga no mu izina rya Yesu badakebakeba bizakomeza ukwizera kwabo kandi bikabasubizamo imbaraga nshya. Mu nzira yo kumvira umuntu yicishije bugufi hari amahoro, imbaraga, ihumure, n'ibyiringiro. Ariko ku iherezo abatagira icyo bakorera Yesu bazabura ingororano. Ibiganza bicitse intege ntibizabasha komatana n'Imana y'inyambaraga, kandi amavi atentebutse ntacyo azafasha mu gihe cy'amakuba. Abasomyi ba Bibiliya n'abakozi b'Abakristo bazahabwa ingororano y'agahozo kandi bazabwirwa ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka..... injira mu munezero wa Shobuja." Matayo 25:21." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.76.

## 4. GUSARURA ICYABIBWE

**Kuwa Kane**
**04 Gashyantare**

a. **Ni iki cyagaragaje ko ibyo Imana yasabaga ibinyujije muri Amosi bitigeze byakirwa na Amasiya, wari umutambyi w'ibigirwamana? Amosi 7:10 –13.**

---

---

"Amagambo y'intumwa z'Imana yari ahabanye cyane n'ibyifuzo by'abari barinangiye ku buryo umutambyi w'ibigirwamana wari i Beteli yatumye ku mwami wa Isirayeli agira ati: "Amosi yakugambaniye mu b'inzu ya Isirayeli, ntabwo igihugu cyakwihanganira amagambo ye yose." Amosi 7:10. – *Abahanuzi n'Abami*, p.284.

"Ibyo byago byari byahanuwe byabaye bihagaritswe igihe runaka, kandi ku ngoma ndende ya Yerobowamu wa II ingabo za Isirayeli zageze ku ntsinzi zikomeye; ariko iki gihe cyagaragaragamo kugubwa neza nticyigeze kigira impinduka giteza mu mitima y'abari baranze kwihana, maze amaherezo hacibwa iteka ngo: "Yerobowamu azicishwa inkota, kandi Isirayeli azajyanwa ari imbohe akurwe mu gihugu cye." Amosi 7:11.

"Umwami na rubanda ntibitaye kuri aya magambo akomeye kuko bari barimbitse mu kwinangira." – *Ibid.*, p.286.

b. **Amosi yashubije ate Amasiya adakebakeba, kandi se ni gute amagambo y'uwo muhanuzi yaje gusohora? Amosi 7:14 – 17; 1Ngoma 5:25,26.**

---

---

"Amagambo yavuzwe kuri iyi miryango yahakanye Imana yaje gusohora uko yakabaye; nyamara gusenyuka k'ubwami bwa Isirayeli kwagiye kubaho buhoro buhoro.....

"Tigilati – Pileseri umwami wa Ashuri yigaruriye Isirayeli maze ajyana imbaga nini ho imbohe yakuye mu miryango yari ituye mu ntara ya Galileya no mu burasirazuba bwa Yorodani. "Abo mu muryango wa Rubeni n'uwa Gadi n'igice kimwe cy'umuryango wa Manase," hamwe n'abandi mu baturage "b'i Gileyadi, na Galileya n'igihugu cyose cya Nafutali" (1Ngoma 5:26; 2Abami 15:29), batatanyirijwe mu bihugu by'abapagani bajyanwa kure ya Palesitina.

"Uhereye kuri uko guhanwa gukomeye, ubwami bw'amajyaruguru ntibwigeze bwongera kubura umutwe. Abari basigaye bacitse intege bakomeje igisa n'ubutegetsi nubwo butari bugifite imbaraga na mba." – *Ibid*., p.287.

c. **Mu gihe twaba dushutswe kugira ngo dutekereze ko Imana itinda gusa mu kugenzura no gushaka amakosa ku mutima w'umuntu uvuga ko ari umwizera, ni iki twibutswa? Amosi 8:1 – 7; Abaheburayo 4:12.**

---

## 5. INZARA MBI CYANE KURUSHA IZINDI ZOSE ZABAYEHO

**Kuwa Gatanu**
**05 Gashyantare**

a. Sobanura iby'inzara y'iby'umwuka igiye kubaho vuba bidatinze. Amosi 8:3,11,12.

---

"Isi irimbujwe no kubura ubutumwa bwiza. Hari inzara y'ijambo ry'Imana. Bake gusa nibo babwiriza ijambo ry'Imana ritavangavanze n'imigenzo y'abantu." – *Imigani ya Kristo*, p.228.

"[Amosi 8:3] Ibi byago byo mu Byahishuwe 16 ntabwo ari rusange, bitabaye ibyo, abatuye ku isi barimbukira rimwe. Nyamara hazaba hari ibiteye ubwoba bikabije bitigeze kumenywa n'umwana w'umuntu." – *Intambara Ikomeye*, p.628,629.

"Abatari barahaye agaciro Ijambo ry'Imana bakubitaga hirya no hino, bava ku nyanja bajya ku yindi, bava mu majyaruguru bajya iburasirazuba, bashakisha Ijambo ry'Imana. Marayika yaravuze ati: "Ntibazaribona. Ku isi hari inzara, ntabwo ari inzara y'ibyokurya, cyangwa inyota yo gushaka amazi, ahubwo ni iyo kumva amagambo y'Uwiteka. Ni iki batajyaga gutanga ngo bumve ijambo rimwe ribabwira ko Imana ibemera! Nyamara ntacyo bari bagitanze, ahubwo bagombaga gukomeza kugira inzara n'inyota. Bagiye bakerensa agakiza uko bukeye n'uko bwije, bagaha agaciro ubutunzi bw'isi n'ibinezeza byayo bakabirutisha ubutunzi bwose n'ingororano byo mu ijuru. Banze Yesu kandi ntibaha agaciro abera be. Uwanduye agomba gukomeza kwandura iteka ryose.

"Ubwo abanyabyaha bababazwaga n'ibyago b'imperuka, benshi bararakaye cyane. Byari bibabaje cyane biteye ubwoba. Ababyeyi bitakanaga abana babo babarakariye cyane, abana nabo bikaba bityo ku babyeyi babo, abahungu bitakana bashiki babo ndetse n'abakobwa na basaza babo biba uko. Urusaku rw'imiborogo rwumvikanaga ahantu hose abantu babwirana bati: "Ni wowe wambujije kwakira ukuri kuba kunkijije iki gihe giteye ubwoba." Abantu bahindukiranye abagabura babo babarakariye cyane kandi babitakana bavuga bati: "Ntabwo mwatuburiye. Mwatubwiye ko abatuye isi bose bazahinduka, kandi mwateraga hejuru muvuga muti: 'Ni amahoro, ni amahoro!' kugira ngo mutumare ubwoba bwose twagiraga. Ntacyo mwigeze mutubwira cyerekeye iyi saha, kandi n'abatuburiye ibyayo mwavuze ko ari abāka n'abantu babi, bashobora kuturimbura." Nabonye ko abagabura batigeze barokoka umujinya w'Imana. Ububabare bwabo bwari bukubye incuro cumi ubw'abo bayoboraga." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.281,282.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**06 Gashyantare**

1. Ni iki gikenewe kugira ngo haboneke ubwumvikane mu mishyikirano abantu bagirana?
2. Ni iki nkeneye kugira ngo mbe "nk'umushimu ukuwe mu muriro"?
3. Kuki Amosi yagombaga gucyaha abantu benshi bo muri Isirayeli kubw'imibereho bari babayeho?
4. Ni iki nkwiriye gukora mu gihe mbonye inkuru mbi iturutse ku isoko yahumetswe?
5. Ni uwuhe muburo ngomba kwitondera ushingiye ku kuri kuvugwa muri Amosi 4:11,12?

Ku Isabato, 14 Gashyantare 2026

**Icyigisho 7**

# Imbaraga iri mu Kwihana

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ubwo umutima wanjye wiheberaga mu nda nibutse Uwiteka, no gusenga kwanjye kwakugezeho mu rusengero rwawe rwera." (Yona 2:7).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Inyandiko z'Ibanze*, p.269 – 273; *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.62 – 84.

"Ubuhamya bukomeye cyane amaherezo y'itorero ashingiyeho bwahawe agaciro gake, niba butarirengagijwe bwose uko bwakabaye. Ubu buhamya bugomba gutera kwihana kwimbitse. Abazabwakira bose bataryarya bazabwumvira kandi buzabatunganya." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.270.

## 1. ISHUNGURA RIGOSORA

**Kuwa Mbere**
**08 Gashyantare**

a. None se Imana ikora iki iyo ibonye ibibi byinshi bivanze n'ibyiza? Amosi 9:9.

---

"Nabajije ubusobanuro bw'ishungura nari nabonye maze nerekwa ko ryatewe n'ubuhamya budakebakeba buturuka ku nama Umuhamya Nyakuri yahaye Abanyalawodokiya. Ubu buhamya buzagira icyo buhindura ku mutima w'uzabwakira, kandi buzamutera kwerereza ukuri no kugushyira ku mugaragaro. Bamwe ntibazatanga ubu buhamya bwahuranyije. Bazahagurukira kuburwanya, kandi iki ni cyo kizatera ishungura mu bwoko bw'Imana." – *Inyandiko z'Ibanze,* p.270.

"Mu bantu bavuga ko ari ubwoko bw'Imana harimo imitima yahindanye; nyamara bazageragezwa kandi bashungurwe. Ya Mana isoma ibiri mu mutima wa buri wese, izashyira ahabona ibihishwe mu mwijima byose aho kenshi bitakekwa, kugira ngo ibisitaza byabereye inkomyi iterambere ry'umurimo wo kwamamaza ukuri bikurweho, bityo Imana igire ubwoko butunganye kandi bwera bwo kumenyesha abantu amategeko n'amateka Byayo." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 1, p.333.

"Imana iri gushungura ubwoko Bwayo. Izagira itorero ritunganye kandi ryera. Ntidushobora gusoma ibiri mu mutima w'umuntu. Ariko Umwami Imana yatanze uburyo bwo kurinda itorero Rye ngo ribe ryera. Abantu bashayishije mu bibi barahagurutse, kandi ntibashobora kubana n'ubwoko bw'Imana. Basuzuguye gucyahwa, kandi ntibashaka gukosorwa. Bahawe amahirwe yo kumenya ko urugamba barwana ari urwo gukiranirwa. Bahawe igihe cyo kwihana ibibi byabo; nyamara inarijye yabo barayikunze ku buryo bakwemera gupfa." – *Ibid*., p.99.

## 2. UKUDUCISHA BUGUFI KUTUZANIRA IBYIZA

**Kuwa Kabiri**
**09 Gashyantare**

a. Ni gute Imana ishoboye guhangana n'abantu b'abibone? Amosi 9:2; Obadiya 1:3,4.

---

"Kwishyira hejuru ni ikintu giteye akaga. Buri kintu cyose gikozeho kirandura. Ni umwana ubyarwa n'ubwibone, kandi [kwishyira hejuru] gukora mu buryo bw'ubuhanga cyane ku buryo, mu gihe tutabirwanyije, bizategeka ibitekerezo kandi bigenge n'ibikorwa." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 7, p.962.

b. Nineve yari umujyi bwoko ki, kandi se ni iki umuhanuzi Yona yakoze igihe Imana yamuhaga inshingano yo kuwubwirizamo? Yona 1:1 – 3.

---

---

"Ubwo umuhanuzi yatekerezaga ku birushya ndetse n'ibyasaga nk'ibidashoboka bijyanye n'ubwo butumwa yari ahawe, yagize ikigeragezo cyo kwibaza ku bushishozi bwaba buri muri iryo rarikwa. Mu mirebere ya kimuntu, byasaga naho kubwira ubwo butumwa bene uwo mujyi warangwaga n'ubwibone nta kintu na kimwe byageraho. Icyo gihe yibagiwe ko Imana yakoreraga ari inyabwenge bwose n'ububasha bwose.....

"Mu mabwiriza yari yahawe, Yona yari yahawe inshingano iremereye; nyamara Uwari wamutegetse kugenda yari ashoboye gushyigikira umugaragu We no kumuha kugera ku ntsinzi. Iyaba uwo muhanuzi yarumviye atazuyaje, aba yararinzwe ibintu bibi byinshi yanyuzemo bibabaje kandi aba yarahawe umugisha mu buryo bukomeye. Nyamara mu gihe cyo kwiheba kwa Yona, ntabwo Uwiteka yamutereranye. Uko umuhanuzi yiringiraga Imana n'ububasha Bwayo butagerwa byagombaga guhemburwa muri we binyuze mu bigeragezo byinshi yanyuzemo n'ibyiza bidasanzwe yakorewe." – *Abahanuzi n'Abami,* p.266,267.

c. Ni gute akenshi Imana ihishura urukundo Rwayo binyuze mu gushyira inkomyi mu nzira yacu? Yona 1:4, 7 – 12.

---

---

"Inzira yawe yazitiwe iburyo n'ibumoso kugirango bikubuze gukomeza ujya mu irimbukiro. Umwami Imana yateye umwuka wawe utemera kuyoborwa no kwigishwa kumugandukira. Binyuze mu ruhurirane rw'igihano n'imbabazi waje kugera ku kwihana. Nka Yona, wahunze inshingano yawe ujya ku nyanja. Imana yazitiye inzira yawe kubwo kugutumaho ukugira neza Kwayo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.423.

## 3. GUKIZWA KUGIRANGO UKORERE ABANDI

**Kuwa Gatatu**
**10 Gashyantare**

a. Ni gute imbaraga z'Imana ishoborabyose zagaragariye abasare, kandi ni gute babyakiriye? Yona 1:13 – 16.

b. Ni uwuhe mugambi Imana yari ifitiye Yona, kandi ni iki iyo mpunzi yasabye mu isengesho igihe yari mu nda y'ifi? Yona 1:17; 2:1 – 4.

c. Sobanura uburyo Yona yihannye imbere y'Imana abikuye ku mutima. Yona 2:5 – 9. Ni gute Uwiteka yakiriye umwana we wicishije bugufi? Yona 2:10.

"Amaherezo Yona yamenye ko "agakiza kabonerwa mu Uwiteka" Zaburi 3:8. Agakiza kazana no kwihana no kumenya ubuntu bw'Imana bukiza. Yona yakuwe mu kaga k'ikuzimu maze ifi iramuruka imujugunya imusozi." – *Abahanuzi n'Abami,* p.269.

d. Ni gute dushobora guterwa umwete n'igikorwa gishya Yona yakoze, gisa n'icy'umuvugabutumwa wari ukiri muto uvugwa mu Isezerano Rishya? Yona 3:13; Ibyakozwe n'Intumwa 15:36 – 39.

"Barinaba yababajwe n'uko Mariko atagombye kureka gukora umurimo w'ivugabutumwa kubera ko yamubonagamo ubushobozi bumuhesha kuba umukozi w'ingirakamaro wa Kristo. Kwita kuri Mariko kwa Barinaba byatanze umusaruro mu myaka yakurikiyeho kuko uyu musore yiyeguriye Uwiteka atizigamye nuko akora umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza ahantu hagoye." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.170.

"Igihe ni gito, kandi icyo ukora ukwiriye kugikora vuba. Iyemeze gukoresha igihe neza. Ntugashake ibikunezeza wowe ubwawe. Haguruka! Shikama mu murimo ufite intego nshya mu mutima. Uwiteka azagucira inzira. Kora uko ushoboye kose kugira ngo ukorere mu buryo Kristo yashyizeho, mu bugwaneza no mu kwicisha bugufi, wishingikirije kuri We kugira ngo aguhe imbaraga. Sobanukirwa umurimo Uwiteka yaguhaye gukora, kandi wiringire Imana, uzashobora gukomeza kujya mbere uva mu mbaraga ujya mu zindi, uva mu buntu ujya mu bundi. Uzashobora gukorera abantu bawe ushyizeho umwete, kandi nta kudohoka, mu gihe cy'amanywa; kuko ijoro rigiye kuza, ubwo nta muntu uzaba ugishoboye gukora. – *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.200.

## 4. IMBARAGA IRI MU KWIHANA

**Kuwa Kane**
**11 Gashyantare**

a. **Ni iki kigaragaza ko icyo gihe Yona yagombaga kugira ubutwari kugira ngo yumvire Imana? Yona 3:4.**

---

"Mu gihe uwo mujyi wamaze uguwe neza, Nineve yari ihuriro rikorerwamo urugomo n'ibindi byaha. Ibyanditswe byawugaragagaje ko ari "umurwa uvusha amaraso..... wuzuyemo ibinyoma n'ubwambuzi." Mu mvugo izimije, umuhanuzi Nahumu yagereranyije Abanyanineve n'intare y'ingome ishonje cyane. Nahumu yarabajije ati: "Mbese abo utagirira nabi ni ba nde?" Nahumu 3:1,19." – *Abahanuzi n'Abami*, p.265.

b. **Sobanura ukuntu Imana yahaye umugisha umurimo wa Yona mu buryo bukomeye, kandi usobanure impamvu natwe tugoma kuzirikana umwanzuro Nineve yafashe. Yona 3: 5 – 10.**

---

"Nyamara nubwo Abanyanineve bari barabaye inkozi z'ibibi, ntabwo bose bari bariyeguriye gukora ibibi. "Ureba abana b'abantu bose" (Zaburi 33:13) kandi "akabona ibifite igiciro cyinshi byose" (Yobu 28:10) yabonaga ko muri uwo mujyi hari abantu benshi bari gusingira icyiza kandi gihebuje, kandi igihe bahawe amahirwe yo kumenya Imana ihoraho, bazazibukira ibikorwa byabo bibi kandi bayiramye." – Ibid.

"Ubwo Yona yatangazaga ubutumwa mu nzira z'umujyi wa Nineve ko mu minsi mirongo ine uwo mujyi uzarimbuka, Uwiteka yemeye kwicisha bugufi kw'Abanyanineve maze abongerera igihe cy'imbabazi. Nyamara ubutumwa Yona yari yigishije bwari bwaturutse ku Mana, kandi Nineve yasuzumwe mu buryo buhuye rwose n'ubushake bw'Imana." – *Intambara Ikomeye,* p.406.

"Ni nde wamenya niba ababwiriza b'indahemuka, bashikamye, kandi b'ukuri atari bo hanyuma bazatanga ubutumwa bw'amahoro ku matorero yacu asinziriye atagitekereza? Birashoboka ko abarimbuzi bayobowe na Satani bamaze gutangira umurimo wabo wo kwimenyereza, ubu bakaba bategereje gusa bake mu batwaye ibendera ry'umucyo nyakuri ngo bafate imyanya yabo maze ngo barangurure amajwi ahanura ibinyoma bavuga bati: "Amahoro, Amahoro", kandi Uwiteka atavuze iby'amahoro. Si kenshi ndira, ariko ubu amaso yanjye yuzuye amarira kuburyo ntabasha kureba, ubu arashoka agatonyangira ku mpapuro ndi kwandikaho. Birashoboka ko bidatinze imiburo y'ubuhanuzi muri twe izaceceka burundu, maze rya jwi ryabyutsaga abantu ntiribe rikibakangura ngo bave mu bitotsi baterwa na kamere yabo.

"Igihe Imana izakora umurimo Wayo w'inzaduka ku isi, igihe ibiganza bizaba bitagihetse isanduku y'isezerano, ishyano rizagwira abantu. 'Uyu munsi nawe iyo umenya ibyaguhesha amahoro! Ariko noneho bihishwe amaso yawe.' Iyaba abantu bo mu gihe cyacu bashoboraga kwihana bakomeye nk'uko byagenze kubo mu gihe cya Nineve, bakwizera n'umutima wabo wose ko Imana ishobora kureka uburakari Bwayo bw'inkazi yabarakariye." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.77,78.

## 5. NINEVE YO MURI IKI GIHE

**Kuwa Gatanu**
**12 Gashyantare**

a. Ni gute intege nke za kimuntu za Yona zongeye kugaragara? Yona 4:1 – 3.

---

"Igihe Yona yamenyaga iby'umugambi w'Imana wo kurokora uwo mujyi nubwo warangwaga n'ibyaha n'ubugome, byamuteye kwicuza yambara ibigunira ndetse yisiga ivu kandi yaragombaga kuba umuntu wa mbere wishimira ubuntu bw'Imana butangaje. Nyamara aho kugira ngo bimunezeze, yemereye intekerezo ze kwibaza ku kuba yafatwa ko ari umuhanuzi w'ibinyoma. Yafuhiye kumenyekana kwe, ntabwo yitaye ku gaciro gakomeye cyane bitagerwa k'abantu bari bari muri uwo mujyi wari ugushije ishyano.

"Yongeye kandi kwemerera intege nke ze kwibaza no gushidikanya, bityo yongera kubundikirwa no gucika intege." – *Abahanuzi n'Abami,* p.271.

b. Mu buryo bunyuranye n'uko byagendekeye Yona, ni ukubera iki dushobora kwishima by'ukuri igihe abantu bihannye? Yona 4:4,11.

---

"Hari icyigisho ku ntumwa z'Imana zo muri iki gihe, ubwo imijyi yo mu bihugu ikeneye rwose kumenya imico n'imigambi by'Imana nyakuri nk'uko Abanyanineve bo mu gihe cya kera bari babikeneye. Abahagarariye Kristo bagomba kwereka abantu isi irushijeho kuba nziza yirengagijwe mu buryo bukomeye." – *Ibid.*, p.274.

"Intumwa z'Imana mu mirwa minini ntizikwiriye gucibwa intege n'ibyaha, ubugome, akarengane n'ibikorwa bibi bahamagarirwa guhura na byo igihe bashishikarira kwamamaza inkuru nziza y'agakiza. Uwiteka atera ubutwari buri mukozi wese nk'uwo amubwira ubutumwa nk'ubwo yabwiye intumwa Pawulo ubwo yari mu murwa wa Korinto wari wuzuye ibibi agira ati: "Ntutinye, ahubwo uvuge we guceceka kuko ndi kumwe nawe, kandi nta muntu uzagutera kukugirira nabi, kuko mfite abantu benshi muri uyu mudugudu." Ibyakozwe n'intumwa 18:9,10..... Muri buri murwa, uko waba wuzuye urugomo n'ubugome kose, harimo abantu benshi bashobora kwiga kuba abayoboke ba Yesu igihe bigishijwe uko bikwiriye." – *Ibid.*, p.277.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**13 Gashyantare**

1. Kubera iki ugutandukana binyuze mu ishungura ari ngombwa?
2. Ni ibihe bihamya mu mibereho yanjye bigaragaza ko Imana ari yo itegeka, atari jye?
3. Ni irihe somo ibyabaye kuri Yona bitwigisha mu gihe twaba dushutswe kugira ngo dutekereze ko Imana idashobora kutwumva?
4. Nubwo umujyi wa Nineve waje kurimburwa nyuma, kuki ibyo bitakozwe mu minsi 40 gusa?
5. Ni iki ngomba kuzirikana ku byerekeranye n'abantu bo mu mijyi yashayishije mu byaha ituye hafi yanjye?

Ku Isabato, 21 Gashyantare 2026

**Icyigisho 8**

# Umugambi w'Imana wo Kuzahura

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yewe bwoko bwanjye nakugize nte? Icyo nakuruhijeho ni iki? Ukimpamye. Nakuzamuye nkuvana mu gihugu cya Egiputa, ndakurokora ngukura mu nzu y'uburetwa." (Mika 6:3,4, ahabanza).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Intambara Ikomeye,* p.253 – 264.

"Nta mubyeyi wo ku isi wigeze yinginga umwana wayobye abigiranye umwete nk'uko Uwaturemye yinginga umunyabyaha." — *Ibihamya by'Itorero*, vol. 8, p.275.

## 1. UBUYUDA BWUGARIZWA N'AKAGA

**Kuwa Mbere**
**15 Gashyantare**

a. **Ni ibihe bintu byari birimo bibera mu Buyuda igihe Ahazi yimaga ingoma? 2Abami 16:2 – 4.**

---

"Kwima ingoma kwa Ahazi kwatumye Yesaya na bagenzi be bahangana n'ibihe bibakomereye cyane kurusha ibindi bihe ibyo ari byo byose byari byarabayeho kugeza icyo gihe mu bwami bw'Ubuyuda. Abantu benshi bari barihagazeho bagatsinda imbaraga ishukana y'imigenzo yo gusenga ibigirwamana noneho bashishikarizwaga kugira uruhare mu kuramya ibigirwamana by'abapagani. Ibikomangoma muri Isirayeli byatatiraga inshingano byahawe; abahanuzi b'ibinyoma bajyaga bahagurukana ubutumwa bwo kuyobya; ndetse na bamwe mu batambyi bigishirizaga guhabwa ibihembo. Nyamara abari ku ruhembe rw'imbere mu buhakanyi bari bagikurikiza imihango yo kuramya Imana kandi bakavuga ko babarirwa mu bwoko bw'Imana." – *Abahanuzi n'Abami,* p.322.

b. **Ni gute Imana yitwaye kuri ibyo bizira? Yeremiya 7: 30 – 34.**

---

"Kubera kugira imyumvire igoretswe ku byerekeye imico y'Imana, amahanga y'abapagani yagejejwe aho yizera ko gutamba ibitambo by'abantu ari ngombwa kugira ngo imana zabo zibagirire neza; bityo ubugizi bwa nabi bw'indengamere bwagiye bukorwa binyuze mu buryo bwinshi bwo gusenga ibigirwamana. Bumwe muri ubwo bugizi bwa nabi harimo imihango yo gucisha abana babo mu muriro imbere y'ibigirwamana byabo..... Mu bihe by'ubuhakanyi bukomeye bene ibi bizira byari byiganje ndetse no mu Bisirayeli ku rugero runaka." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.337.

## 2. IMIBURO IGENEWE IKI GIHE

**Kuwa Kabiri**
**16 Gashyantare**

a. Uretse Yesaya na Yeremiya, ni bande bandi Imana yahamagaye kugira ngo bahanurire u Buyuda, kandi ni ukubera iki? Mika 1:1 – 5; 2:1, 2, 7.

---

b. Ku ngoma ya Hezekiya, mwene Ahazi, ni gute Mika yagombaga guhangana n'abahanuzi b'ibinyoma, kandi se, ni ukubera iki ibyo bikenewe no muri iki gihe? Mika 3:5 – 8; 2Timoteyo 4:3,4.

---

"Iyo Imana yoherereje abantu ubutumwa Bwayo bw'umuburo ukomeye, bugatangwa nk'ubutangajwe n'Abamarayika bera baguruka baringanije ijuru, isaba umuntu wese ufite ubushobozi bwo gutekereza kwita kuri ubwo butumwa. Urubanza ruteye ubwoba ruzacirwa abasenga ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo (Ibyahishuwe 14:9-11) rukwiriye gutera abantu benshi umwete wo kwiga ubuhanuzi kugira ngo bamenye ikimenyetso cy'inyamaswa icyo ari cyo, n'uburyo bakwirinda kuzakira icyo kimenyetso. Ariko abantu benshi biziba amatwi ngo batumva uko kuri, maze bagahindukirira imigani y'ibihimbano. Intumwa Pawulo atubwira gusubiza amaso yacu inyuma tukareba mu minsi yashize: "Kuko igihe kizaza batazihanganira inyigisho nzima" 2Timoteyo 4:3. Icyo gihe cyamaze gusohora. Abantu benshi muri iki gihe ntibashaka ukuri kwa Bibiliya, kuko kunyuranyije n'ubushake bw'abakora ibyaha, n'umutima ukunda iby'isi; maze Satani nawe, akazana ibishuko ahereye ku byo bakunda.

"Ariko Imana izaba igifite abantu bayo ku isi basigasira Bibiliya, kandi Bibiliya yonyine, nk'urufatiro rw'inyigisho shingiro n'ipfundo ry'ubugorozi bwose. Ibitekerezo by'abanyabwenge cyangwa imyanzuro ya gihanga, itegeko cyangwa ibyemezo by'inama y'abakuru b'amadini, nk'uko ubwinshi no kudahuza ari nk'ibyo amadini bahagarariye, ubwinshi bw'amajwi sibwo bugomba gushingirwaho ku birebana n'ibyo kwizera kw'idini. Mbere yo kugira ihame cyangwa inyigisho iyo ari yo yose twemera, dukwiriye kubanza kwibaza niba bihuje n'iri jambo ngo "Uko niko Uwiteka avuga". – *Intambara Ikomeye,* p.594,595.

c. Sobanura akaga gaterwa no kwihangira gukiranuka. Mika 3:9 – 12.

---

"[Mika 3:9 – 11]. Aya magambo yerekanaga neza imiterere y'abaturage b'i Yerusalemu bari barasaye mu bibi kandi bakigira abakiranutsi. Nubwo bavugaga ko bubahiriza amategeko y'Imana badakebakeba, bacumuraga ku mahame yose ayakubiyemo.... Nyamara igihe babambishaga Umukiza bamuhora ko abacyaha kubera ibyaha byabo, bigize abakiranutsi ku buryo bifashe nk'ishyanga Imana yatonesheje bityo bakibwira ko izabavana mu bubata bw'abanzi babo." – *Ibid*., p.27.

## 3. UGUKOMORERWA KWAHANUWE

**Kuwa Gatatu**
**17 Gashyantare**

a. Ni iki cyatindije urubanza rwahanuwe na Mika, kandi ni gute ibyo bigaragaza imbabazi z'Imana? Yeremiya 26:18,19.

b. Ni irihe sezerano Imana iha abanesheje, kandi ni gute ibyo byerekeza ku gukomorerwa Edeni? Mika 4:1,2, 6 – 8.

"Kubw'insinzi yari yagize ubwo yateshuraga umuntu mu nzira yo kumvira, Satani yahindutse "imana y'iyi si." 2Abakorinto 4:4. Ubwami bwahoze ari ubwa Adamu bwahindutse ubw'umunyazi. Ariko Umwana w'Imana yiyemeje kuza kuri iyi si kugira ngo yishyure igihano cy'icyaha, bityo ye gucungura umuntu gusa ahubwo anamugarurire ubwami yari yaranyazwe. Ni uku gukomorerwa Mika yari yarahanuye igihe yavugaga ati: 'Nawe, munara w'umukumbi, umusozi w'umukobwa w'i Siyoni, ubutware bwa mbere buzakugarukira.' Mika 4:8." – *Abahanuzi n'Abami,* p.642.

"Amatsiko menshi abantu bagira mu gihe baba bategereje imyanzuro y'inkiko zo ku isi nyamara bahinda umushyitsi, yerekana amatsiko agaragazwa mu nkiko zo mu ijuru igihe amazina yanditswe mu gitabo cy'ubugingo yongera kugaragazwa imbere y'Umucamanza w'isi yose. Umuvugizi wo mu ijuru asabira abanesheje kubw'amaraso Ye ko babarirwa ibicumuro byabo, ko bakongera gusubizwa mu rugo rwabo rwa Edeni, bakambikwa amakamba nk'abaraganwa na we 'ubutware bwabo bwa mbere'. Mika 4:8. Mu muhati mwinshi Satani yakoresheje kugira ngo ayobye kandi agerageze abantu, yatekerezaga kuburizamo umugambi Imana yari ifite ubwo yaremaga umuntu. Ariko ubu Kristo asaba ko uwo mugambi washyirwa mu bikorwa nk'aho abantu batigeze bacumura. Ntabwo asabira ubwoko bwe kubabarirwa no gutsindishirizwa gusa, ahubwo anabasabira kugira umugabane ku ikuzo Rye no kwicarana na we ku ntebe Ye y'ubwami." – *Intambara Ikomeye,* p.483,484.

c. Ni gute Mika hamwe n'abandi bahanuye iby'iyo ntsinzi iheruka? Mika 4:10 – 12.

"Abahanuzi beretswe iby'ayo masezerano byatumye bagira amatsiko yo kumenya ubusobanuro bwayo nyakuri......

"Kuri twe abegereye isohozwa ryabyo, mbega ubwuzu twari dukwiriye kugirira ibyo byavuzwe ko bigiye kuba. Ni ibyiza abana b'Imana bagiye bahanga amaso, bakabitegereza, bakabyifuza kandi bagasenga babisaba uhereye igihe ababyeyi bacu ba mbere bavaga muri Edeni." – *Uburezi,* p.183.

## 4. UWAMANUTSE AVUYE MU IJURU

**Kuwa Kane**
**18 Gashyantare**

**a. Mu mbabazi z'Imana zisendereye ku bwinshi, ni gute ubuhanuzi bwo muri Mika 5:1, 2 buhishura kamere y'ubumana ya Kristo ihoraho bwasohoye? Ariko se ni gute ubwiza bwabwo bwirengagijwe? Matayo 2:3 – 6.**

---

"Binyuze mu Bakurambere n'Abahanuzi ndetse no mu mvugoshusho n'ibigereranyo, Imana yabwiye ab'isi ibyerekeye kuza k'Umucunguzi wari gukura abantu mu byaha. Hari ubuhanuzi bwinshi bwahumetswe bwavugaga ku kuza 'k'Uwifuzwa n'amahanga yose' Hagayi 2:7. Ndetse n'ahantu yari kuvukira, n'igihe yari kuzira byari byaravuzwe mu buryo budakebakeba. Mwene Dawidi yari akwiriye kuvukira mu murwa wa Dawidi." – *Abahanuzi n'Abami*, p.697.

"Igihe cyo kuza kwa Yesu bwa mbere, abatambyi n'abanditsi bo mu Murwa Wera bari bararagijwe ibyanditswe bivuga ibyo Imana yakoze, bagombaga kuba baramenye ibimenyetso by'ibihe maze bakamamaza ubutumwa bwo kuza kwa Mesiya wasezeranwe. Ubuhanuzi bwa Mika bwari bwaravuze neza aho azavukira, na Daniyeli yari yaravuze igihe azazira (Mika 5:2; Daniyeli 9:25). Imana yari yarahaye abayobozi b'Abayuda ubwo buhanuzi. Niba batari bazi kandi ntibabwire abantu ko kuza kwa Mesiya kwegereje; nta rwitwazo bari bafite. Kutamenya kwabo byari ingaruka yo kwirengagiza gutewe n'ubunyacyaha bwabo. Abayuda bubakaga inzibutso z'abahanuzi babaga barishwe, kandi mu kubaha abakomeye bo ku isi babaga bari guha ikuzo abagaragu ba Satani. Bari baratwawe no guharanira imyanya n'ubutware mu bantu maze batakobwa icyubahiro cy'ijuru bari barahawe n'Umwami w'ijuru." – *Intambara Ikomeye*, p.313.

**b. Ni iki cyahishuwe ko ari cyo cyari umugambi w'Imana ku basigaye bo muri Isirayeli? Mika 5:7.**

---

"Umuntu ubanye n'Imana amahoro kandi akabana na bagenzi be amahoro, ntashobora kujya mu kaga. Ishyari ntirizaba mu mutima we; gukeka ibibi ntibizabonamo umwanya; urwangano ntirushobora kuwubamo. Umutima ugendana n'ubushake bw'Imana ugira amahoro yo mu ijuru kandi uzakwiza imigisha y'ayo mahoro ahawuzengurutse hose. Umwuka w'amahoro uzamera nk'ikime ku mutima urushye kandi uremerewe n'amakimbirane yo mu isi.

"Abayoboke ba Kristo batumwe ku isi bafite ubutumwa bw'amahoro. Umuntu wese uzerekana urukundo rwa Kristo kubw'imibereho ye itunganye kandi ituje, umuntu wese uzayoboza undi amagambo cyangwa ibikorwa mu nzira yo kwanga icyaha no kwegurira Imana umutima we, azaba uzana amahoro mu bantu.....

"Impumuro nziza ya Kristo irabazenguruka. Impumuro y'imibereho n'umuco w'urukundo bihamiriza ab'isi yuko ari abana b'Imana." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.27,28.

## 5. GUKIRANUKA K'UWITEKA

**Kuwa Gatanu**
**19 Gashyantare**

a. **Ni irihe rarika rihebuje Mika yatanze mu gihe cy'ingoma ya Ahazi, ahamagarira Abisirayeli bari barayobye kugaruka bakiyunga n'Imana? Mika 6:2 – 5.**

---

"Imana ifitanye amakimbirane n'abantu batagira ubutabera na buke mu migirire yabo; kubera ko mu kugenza batyo, bahakana ubutware bw'Imana kandi bagashyira mu kaga inyungu bafite mu guhongererwa no gucungurwa Kristo yahaye buri muhungu wese na buri mukobwa wese wa Adamu. Mbese hari icyo byaba bimaze gukurikira ikizira Imana yanga urunuka? Mbese birakwiriye gukoresha umuriro udakwiye mu byotero byanyu imbere y'Imana, hanyuma mukavuga ko nta cyo bitwaye? – *Ibihamya ku Bagabura*, p.373.

b. **Ni ikihe kintu abantu benshi basaba bakuye mutima, Imana yifuza gusubiza? Mika 6:6,7; Yeremiya 8:22; Yohana 1:29.**

---

"Ntibishoboka ko twe ubwacu twakwikura mu rwobo rw'ibyaha twarohamyemo. Imitima yacu ni mibi, kandi ntidushobora kuyihindura.....

"Ntibihagije kwakira ineza yuje urukundo y'Imana, kubona ubugiraneza, n'ubugwaneza bwa kibyeyi bw'imico Yayo. Kumenya ubwenge n'ubutabera bw'amategeko Yayo, ukabona ko ashingiye ku ihame rihoraho ry'urukundo, ntibihagije. Intumwa Pawulo yabonye ibyo byose igihe yavugaga ati "Nemera ko amategeko ari meza". "Amategeko ni ayera, ndetse n'itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka kandi ni ryiza." Ariko afite agahinda k'umutima kamushengura kandi yihebye, yongeyeho ati "Ariko jyewe ndi uwa kamere ndetse naguriwe gutegekwa n'ibyaha." Abaroma 7:16,12,14. Yifuzaga cyane ubutungane no gukiranuka, ibyo we ubwe atashoboraga kwihesha, maze aravuga ati "Yemwe, mbonye ishyano! Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu?" Abaroma 7:24. Uko ni ko abantu bo mu bihugu byose n'abo mu bihe byose bagiye bataka bitewe n'imitima yabo yari iremerewe. Kuri bose, hari igisubizo kimwe gusa, 'Nguyu Umwana w'intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi.' Yohana 1:29." – *Kugana Yesu*, p.18,19.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**20 Gashyantare**

1. Ni ayahe mateka tugomba kuzirikana mu gihe dutegura gahunda yacu yo kuramya?
2. Ni iki kigomba kuranga inyigisho z'itorero ry'Imana ryo mu minsi y'imperuka?
3. Kubera iki Mika yashoboye kugira ibyiringiro by'igihe cy'ahazaza?
4. Sobanura itandukaniro riri hagati y'Abayuda bo mu gihe cya Kristo n'abasigaye bo mu gihe giheruka.
5. Ni iki gituma Imana ishobora kugera ku mitima y'abana Bayo bayobye?

Ku Isabato, 28 Gashyantare 2026

**Icyigisho 9**

# Tuzi icyo Gukora!

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Yewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi." (Mika 6:8).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.306 – 313.

"Abafite umutima umenetse, nibo Imana yemera kandi ikumva amasengesho yabo; kandi igihe Imana izaba itanze ubufasha, bazatsinda inzitizi zose." — *Ibihamya by'Itorero*, vol. 4, p.539.

## 1. MU MASO Y'IMANA

**Kuwa Mbere**
**22 Gashyantare**

a. Ni mu buhe buryo bworoheje umuhanuzi Mika yasabwe gusobanura mu magambo ahinnye inshingano dufite ku Mana? Mika 6:8.

---

---

"Amagambo n'amategeko y'Imana byanditswe mu mitima kandi bigaragarizwa mu mibereho yeguriwe Imana ndetse yera, bifite imbaraga ikomeye ihindura yo kwemeza isi. Kwifuza kwabaye gusenga ibigirwamana, ishyari no gukunda iby'isi bizarandurwa bivanwe mu mitima y'abubaha Kristo, kandi bazashimishwa no gukora ibikwiriye, gukunda imbabazi no kugenda bicishije bugufi imbere y'Imana! Amategeko y'Imana niyandikwa mu mutima, azagomorera intekerezo n'umutimanama kumvira Kristo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.201.

b. Ni gute twibutswa ko tugomba gukomeza kuba indahemuka ubudakebakeba? Mika 6:11.

---

---

"Guteshuka ku kuri ho gato, guhindura gato kubyo Imana isaba bitekerezwa nk'aho bitari icyaha gikomeye mu gihe hagenderewe inyungu y'amafaranga cyangwa hirindwa igihombo. Nyamara icyaha ni icyaha, cyaba gikozwe n'umuntu utunze za miliyoni nyinshi cyangwa gikozwe n'usabiriza ku muhanda. Abantu bigwizaho ubutunzi binyuze mu nzira z'ibinyoma bazanira imitima yabo gucirwaho iteka." – *Ibid.*, vol 4, p.311.

## 2. IMIMERERE YACU N'ICYUBAHIRO CY'IMANA

**Kuwa Kabiri**
**23 Gashyantare**

a. Ni ubuhe busobanuro bufatika bwatanzwe bwerekeranye n'imimerere abavuga ko ari ubwoko bw'Imana bari barimo mu gihe cya Mika? Mika 7:2 – 4.

---

---

"Iki cyari igihe cy'akaga gakomeye ku ishyanga ryatoranyijwe. Mu myaka mike cyane gusa imiryango icumi y'ubwami bwa Isirayeli yari igiye gutatanyirizwa mu mahanga y'abapagani. Kandi mu bwami bw'Ubuyuda naho ibyagaragaraga inyuma byari umwijima. Imbaraga z'icyiza zagenda zigabanuka vuba vuba, bityo imbaraga z'ikibi zikiyungikanya." – *Abahanuzi n'Abami*, p.324.

b. Ni iki cyadufasha gukomeza kubona ko dukeneye Imana? Mika 7:5 – 7; Zaburi 60:11.

---

---

c. Sobanura ibyiringiro by'agaciro kenshi abantu bose bafite amahirwe yo kugira kubwo kwizera. Mika 7:8,9.

---

---

"Umugambi w'agakiza ijuru rifite uragutse cyane bihagije ku buryo ugera ku batuye isi bose. Imana yifuza cyane guhumekera umwuka w'ubugingo mu kiremwamuntu kirambaraye hasi. Umuntu uwo ari we wese umaramaje mu kwifuza ikintu kiruseho kandi cy'agaciro kirenze icyo ari cyo cyose isi ishobora gutanga, Imana ntizemera ko acogozwa no kubura icyo yari yiteze. Imana ihora yoherereza abamarayika Bayo abantu basengana kwizera basaba imbaraga ibarenze kugira ngo ibigarurire kandi ibazanire gucungurwa n'amahoro mu gihe bagoswe n'ibihe by'urucantege bikabije. Imana izabihishurira mu nzira zitandukanye kandi izatuma bahura n'ibyiza bizakomeza ibyiringiro bafitiye wa Wundi witangiye kuba incungu ya bose, "kugira ngo biringire Imana, kandi batibagirwa ibyo Imana yakoze, ahubwo bitondere amategeko yayo." Zaburi 78:7." – *Abahanuzi n'Abami*, p.377,378.

d. Ni gute Mika ashimangira mu buryo bwumvikana imico y'Imana? Mika 7:18,19.

---

---

"Mbega ukuri gutangaje! Nk'uko itegeko Ryayo riri, Imana ni yo itsindishiriza abizera Yesu bose." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.116.

## 3. IRAKIRANUKA, INYEMBABAZI, IRABONEYE

Kuwa Gatatu
24 Gashyantare

a. Ni gute twavuga mu magambo ahinnye ibyerekeranye n'ubutungane bw'imico y'Imana? Nahumu 1:3.

---

---

"We uri mu buturo bwera bwo mu ijuru aca imanza zitabera. Ibyishimo Bye biri mu bantu Be, bahangana n'ibishuko byo mu isi yacumuye, kuruta uko biri mu bamarayika bakikije intebe Ye ya cyami." – *Imigani ya Kristo*, p.176.

"Kwihangana kw'Imana kuratangaje. Ubutabera butegereza igihe kirekire mu gihe imbabazi zihendahenda umunyabyaha." – *Ibid.*, p.177.

b. Mu gihe dusobanukiwe ko imbabazi z'Imana ari ingenzi cyane ku buzima bwacu, ni iki kindi tugomba guhora tuzirikana? Nahumu 1:5 – 8.

---

"Imana irihangana cyane, ntiyifuza ko hagira umuntu n'umwe urimbuka; ariko ukwihangana Kwayo kugira aho kugarukira, kandi iyo urwo rubibi rwo kwihangana Kwayo rugezweho, nta kindi gihe cy'imbabazi kiba kikiriho. Umujinya Wayo uzasukwa kandi ntizabura kurimbura nta kabuza.

"Igihe abantu bazaba bari ku butegetsi, bakandamiza bagenzi babo kandi bakabambura, bityo ntihaboneke urukiko rw'isi rushobora kuburanisha mu buryo bukiranuka, Imana izahagurukira kurengera abantu badashobora kwirwanaho. Izahana buri gikorwa cyose cyo gukandamiza. Nta bwenge bw'isi bushobora kurinda abanyabyaha ibihano by'ijuru. Kandi igihe abantu bazaba bishingikirije ku mbaraga zo ku isi aho kwiringira Umuremyi wabo, igihe bazaba bishyize hejuru mu bwibone no kwiyiringira, Imana mu gihe cyayo yagennye izabakoza isoni." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol 7, p.946.

"Isi yarashayishije mu gucumura ku mategeko y'Imana. Kubera ko Imana yihanganira abantu igihe kirekire, abantu bakandagiye ubutware Bwayo. Baterana imbaraga mu gukandamiza no kugirira nabi umwandu Wayo, bakavuga bati "Imana yabibwirwa n'iki? Isumbabyose hari icyo izi?" Zaburi ya 73:11. Ariko hari umurongo badashobora kurenga. Igihe kiregereje ubwo bagomba kugera ku iherezo ryabo bateganirijwe. Ndetse n'ubu bamaze kurenga imbibi zo kwihangana kw'Imana, barenze urubibi rw'imbabazi Zayo. Uwiteka azaza kugirango arengere icyubahiro Cye, atabare abantu Be kandi ahane abakiranirwa." – *Imigani ya Kristo,* p.177,178.

c. Twabwira n'iki ko icyaha kitazongera kugaragara mu isi nshya? Nahumu 1:9.

## 4. IBIRIHO MURI IKI GIHE

**Kuwa Kane**
**25Gashyantare**

a. **Ni iyihe mimerere igaragazwa na Nahumu yerekeza ku minsi y'imperuka mbere y'uko Kristo agaruka, kandi ibyo byakagombye gutuma dutekereza ku ki mu bintu by'ingenzi tugomba gushyira mu mwanya wa mbere muri iyi si y'iki gihe ihora yihuta? Nahumu 2:3,4; Yohana 9:4.**

---

"Rangurura ijwi ry'impuruza mu gihugu cyose. Bwira abantu ko umunsi w'Uwiteka uri bugufi kandi wihuta cyane. Nimutyo he kugira umuntu n'umwe usigara ataburiwe....

"Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Imbaraga z'umwijima zirakora n'ingoga nyinshi cyane, kandi nk'uko ikirura gifata umuhigo wacyo, niko Satani agenda yubikiriye agatera intambwe ajya gufata abasinziriye. Dufite imiburo dukwiriye kubwira abantu nonaha. Ni umurimo dushobora gukora nonaha, ariko bidatinze bizaba bidukomereye cyane kurenza uko twabitekereza....

"Kugaruka k'Umwami wacu kuri bugufi cyane kuruta igihe twizereye. Intambara ikomeye iri bugufi kurangira. Amakuru yose avuga iby'ibyago biba mu nyanja no ku butaka ni igihamya kitwereka ko iherezo rya byose riri bugufi. Intambara n'impuha z'intambara na byo birabyerekana. Mbese hari Umukristo umutima utadihagura igihe atekereje ibikomeye bigiye kuba mu minsi iri imbere?

"Umwami wacu araje. Turumva imirindi y'Uwiteka idusatiriye, kandi aje guhana isi kubera ibicumuro byayo. Dukwiriye kumutegurira inzira dukora uruhare rwacu mu murimo wo guteguriza abantu uwo munsi ukomeye." – *Ivugabutumwa*, p.218,219.

"Imbaraga zose twahawe n'Imana, zaba iz'umubiri, iz'ubwenge cyangwa iz'iby'umwuka, zigomba gusigasirwa mu buryo bwera kugira ngo tuzikoreshe umurimo twahawe wo gufasha bagenzi bacu barimo barimbukira mu bujiji bwabo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol. 7, p.180.

"Buri mwizera wese w'itorero uzi ukuri yitezweho gukora mu gihe hakiri ku manywa; kuko bugiye kwira, ubwo nta muntu uba ushobora kugira icyo akora." – *Ibid.*, vol 9, p.26.

b. **Sobanura uko bizagendekera abantu bose banga imbabazi z'Imana, bazagerwaho n'umujinya Wayo, nk'uko byagaragarijwe Nineve yo muri Ashuri. Nahumu 2: 8 – 11.**

---

"Imana Ihoraho izirikana ibyo amahanga akora kandi nta kwibeshya ibigiramo. Nubwo imbabazi Zayo zuzuye ibambe no kurarikira [abantu] kwihana, iki gikombe cy'amahanga gikomeza kuba gipfunduye; ariko iyo bigeze ku rugero ntarengwa Imana yashyizeho, umurimo w'uburakari Bwayo uratangira. Igikombe kirapfundikirwa, Imana ikareka kubihanganira bityo Mbabazi ntabe akibasabira." – *Abahanuzi n'Abami*, p.364.

## 5. AMATEKA YISUBIRAMO

**Kuwa Gatanu**
**26 Gashyantare**

a. Ni gute kugwa kwa Ashuri kuvugwa, kandi ni ukubera iki ibyo ari iby'ingenzi cyane muri iki gihe? Nahumu 3:7,12,13,18,19.

---

---

"Ikuzo ry'ubwami bwa Ashuri ryari agahebuzo; kandi no kugwa kwabwo kwari gukomeye." – *Abahanuzi n'Abami*, p.365.

"Ubwibone bwa Ashuri no kugwa kwayo bigomba kuba icyigisho cy'icyitegererezo cyerekana imperuka y'ibihe. Imana ibwira amahanga yo ku isi mu bwibone bwayo muri iki gihe ashyirira hamwe kuyirwanya igira iti: 'Mu biti byo muri Edeni ni ikihe muhwanije ubwiza no gukomera? Ariko uzacishwa bugufi hamwe n'ibiti byo muri Edeni ugere ikuzimu.' " – *Ibid.*, p.366.

b. Ni gute ibintu bisa nk'ibyo bigiye kubaho vuba aha? Ibyahishuwe 18:7 – 11, 15 – 18.

---

"[Ibyahishuwe 18:11,3,15 –17]. Uko niko Babuloni izacirwaho iteka ku munsi ukomeye w'umujinya w'Imana. Yamaze gusendereza urugero rwo gukiranirwa kwayo, igihe cyayo kirasohoye, igiye gusarura kurimbuka.

"Ubwo ijwi ry'Imana rizatangaza gucungurwa kw'ubwoko Bwayo, hazaba ububyutse bukomeye kuri ba bandi batakaje byose mu ntambara y'ubuzima bwabo. Mu gihe imbabazi zari zikiriho, Satani yakomeje kubarindagiza, bakomeza gushishikazwa no kwitsindishiriza. Abakire biratanaga icyubahiro cy'ubutunzi bwabo, bagasuzugura abakene, kandi ubutunzi bwabo barabubonye banyuze mu nzira yo kugomera amategeko y'Imana. Ntibagaburiye abashonji, ntibambitse imyambaro abambaye ubusa, ntibakurikije ukuri ngo bagire urukundo n'imbabazi. Baharaniye kwishyira hejuru ngo bahabwe ikuzo n'abantu baremwe nka bo. None banyazwe ubutunzi bwabo bwose bwabaheshaga icyubahiro, basigaye batakigira kirengera, bararebana agahinda kenshi kurimbuka kw'ibigirwamana byabo bari barasimbuje Umuremyi wabo." – *Intambara Ikomeye,* p.653,654.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**27 Gashyantare**

1. Dukurikije ibivugwa muri Mika 6:8, ni ibihe bintu bitatu byoroheje dusabwa gukora?
2. Ni ukubera iki hariho ibyiringiro rukumbi ndetse no ku munyabyaha ruharwa?
3. Kuki kwicisha bugufi ari ingeso y'ingenzi Imana iha agaciro, cyane cyane muri iki gihe?
4. Nubwo abantu benshi muri iki gihe bafite imibereho nk'iyaranze umugi wa Nineve, ni iki twebwe tugomba gushyira ku mwanya wa mbere?
5. Ni mu buhe buryo kugwa kwa Babuloni bifitanye isano no kwirengagiza ibivugwa muri Mika 6:8?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere

Ku isabato, 07 Werurwe 2026

## Azagenerwa Icyicaro Gikuru cya Filidi ya Maranhão Piauí (AMAPI), muri Burezili



Mu majyaruguru y'uburasirazuba bwa Burezili, leta za Maranhão na Piauí, zose hamwe, zituwe n'abaturage bagera kuri miliyoni 10.4, batuye ahantu hafite ubuso bungana na kirometero kare 581.406. Ikirere cyaho gitandukanye n'icy'akarere k'uburasirazuba n'akarere k'ubushyuhe, kandi kirimo ibimera bitandukanye birimo ibiti by'imikindo, amashyamba y'inzitane, amashyamba ya Amazone, amashyamba y'ibiti byitwa serado n'amashyamba y'ibiti byitwa Katinga.

Itorero rya mbere ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi Bavugurura muri aka karere ryashinzwe mu 1960, mu mujyi wa Bakabali, Maranhão. Kubera ubwiyongere bw'abizera no kubaka insengero nshya muri izo leta, Filidi ya Maranhão Piauí (AMAPI) yahanzwe mu mwaka wa 2016 ifite abizera bagera kuri 530.

Nka Filidi, dukeneye kubaka ibiro by'ubuyobozi, amacumbi, n'inzu mberabyombi. Kugira ngo ibyo biro bikuru bishya birangire kubakwa, twishingikirije ku bugwaneza n'ubuntu bwa bene data na bashiki bacu dukunda bo hirya no hino ku isi.

"Imana ntiyishingikiriza ku mbaraga z'abantu kugirango umurimo Wayo utere imbere. Yari gushobora gutuma abamarayika bahagararira ukuri Kwayo. Yashoboraga kumenyesha abantu ubushake bwayo nk'uko yatangaje amategeko yayo ku musozi wa Sinayi ikoresheje ijwi Ryayo bwite. Ariko mu buryo bwo kutwubakamo umwuka w'ubugiraneza, yahisemo gukoresha abantu kugirango basohoze iyi nshingano. Buri gikorwa cy'ubwitange gikorerwa kugirira abandi neza cyongera imbaraga n'umwuka wo gufasha abandi mu mutima w'umuntu ubikoze, bikongera ubumwe hagati y'Umucunguzi w'abari mu isi, wa 'Wundi wari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwacu kugirango ubukene bwe budutungishe.' Ikindi kandi iyo dusohoje umugambi Imana yari ifite irema umuntu, nibwo imibereho yacu iduhindukira umugisha. Impano nziza zose Imana yahaye umuntu zizamuhindukira umuvumo, keretse aramutse azikoresheje mu bikorwa by'urukundo bihesha umugisha bagenzi be, no guteza imbere umurimo w'Imana kuri iyi si." – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 07 Ukuboza 1886.

Mu gihe iri rarika ribagezeho, ndabinginze mwibuke imigisha igera ku gisonga gikiranuka kandi dufatanyirize hamwe muri iki gikorwa, ari nacyo, ku bw'ubuntu bw'Imana, kizaba gifite agaciro gakomeye ku byerekeranye no kwaguka no gukomeza umurimo muri iyi Filidi. "Imana ikunda utanga anezerewe." (2Abakorinto 9:7).

*Bene so na bashiki banyu bo muri Filidi ya Maranhão Piauí*

Ku Isabato, 07 Werurwe 2026

**Icyigisho 10**

# Kubaha Imana Izibyose

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Ariko Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera, isi yose iturize imbere ye." (Habakuki 2:20).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.491 – 500.

"Ni iby'ukuri ko kubahira mu nzu y'Imana biri hafi gucika..... Dufite impamvu zumvikana zo gukomeza gusenga Imana tubigiranye ishyaka n'ubwitange. Mu by'ukuri dufite impamvu nyinshi zituma dukwiriye kurushaho gutekereza no kubaha aho dusengera kuruta uko Abayuda babigenzaga." — *Ibihamya by'Itorero*, vol. 5, p.495.

## 1. IKIBAZO GIKOMEYE

**Kuwa Mbere**
**01 Werurwe**

a. Ni iki umuhanuzi Habakuki yagaragaje mu isengesho rye rya mbere yatuye Imana? Habakuki 1:1 – 4.

"Mu mirebere ya kimuntu, umugambi Imana yari ifitiye ishyanga ryatoranyijwe wasaga rwose n'aho bidashoboka ko usohozwa. Ubuhakanyi bwo mu myaka amagana menshi yari ishize bwari bwaragize imbaraga; imiryango icumi muri cumi n'ibiri yari yaratatanyirijwe mu bihugu by'abapagani; bityo hari hasigaye umuryango wa Yuda n'uwa Benyamini gusa, kandi ubu iyi nayo yasaga n'aho yari igeze ku musozo w'imico mbonera hagiye kubaho gusenyuka kw'ishyanga. Abahanuzi bari baratangiye guhanura ibyo kurimbuka gukomeye k'umurwa wabo ubereye ijisho, ahari hahagaze urusengero rwubatswe na Salomo, ari naho hari hashingiye ibyiringiro byabo byose by'isi byerekeye gukomera kw'ishyanga. Mbese byari gushoboka ko Imana yari igiye kureka umugambi Wayo ukomeye wo gucungura abari kuyiringira? Mbese imbere y'itotezwa ry'abakiranutsi ryamaze igihe kirekire n'imbere y'icyasaga no kugubwa neza kw'inkozi z'ibibi, aho abakomeje kuba indahemuka ku Mana bari kugira ibyiringiro ko hari iminsi myiza izaza? Ibyo bibazo byari bihangayikishije byavuzwe n'umuhanuzi Habakuki." – *Abahanuzi n'Abami*, p.384,385.

b. Ni gute Uwiteka yabyakiriye? Habakuki 1:6 – 11.

## 2. KWIHANGANA MU GIHE CYO GUTEGEREZA



a. **Kuki Habakuki yari yiteguye kwemera umugambi w'Imana? Habakuki 1:12,13.**

---

---

"Imana yasubije gutaka kw'abana Bayo b'indahemuka. Imana ibinyujije mu bavugizi Bayo yihitiyemo, yahishuye umugambi Wayo udakuka wo guhana ishyanga ryari ryarayiteye umugongo rigakorera imana z'abapagani. Mu gihe bamwe mu bibazaga iby'ahazaza bari kuba bakiriho, Imana yari gushyira kuri gahunda mu buryo bw'igitangaza iby'amahanga yategekaga isi maze igaha Abanyababuloni gukomera. Abo Bakaludaya bo "gutinywa kandi batera ubwoba," bari kwisuka mu gihugu cy'Ubuyuda batunguranye baje ari igihano Imana itanze." – *Abahanuzi n'Abami*, p.385.

b. **Ni ikihe cyigisho cyahawe uwo muhanuzi kikaba cyaragaragariye mu buryo bukomeye mu mibereho y'abatangije umurimo b'Abadiventisiti ba mbere? Habakuki 2:1 – 4.**

---

"Mu muhindo w'umwaka wa 1844, ubwo igihe Kristo yari yitezwe kugaruka cyahitaga, abari barategereje kugaruka Kwe bafite kwizera bamaze igihe runaka mu majune no mu gushidikanya. Nubwo ab'isi bababonaga nk'abatsinzwe buheriheri kandi bakagaragara ko bishingikirije ku binyoma, isoko yo guhumurizwa kwabo yakomeje kuba ijambo ry'Imana. Benshi bakomeje kwiga Ibyanditswe, bongera kugenzura ibihamya byo kwizera kwabo kandi bakigana ubushishozi ubuhanuzi kugira ngo babone umucyo uruseho....

"Ubuhanuzi bari barabonye bujyanye n'igihe cyo kugaruka kwa Kristo, bwari bukubiyemo amabwiriza ajyanye n'igihe kidasanzwe cyo gushidikanya no kubura icyo bakora, kandi bwababateraga ubutwari bwo gutegereza bihanganye bafite kwizera kuko ibyari nk'umwijima mu ntekerezo zabo byagombaga gusobanuka igihe gikwiriye kigeze. Muri ubwo buhanuzi harimo ubwa Habakuki 2:1 – 4.......

"Byegereje umwaka wa 1842, amabwirizwa yatanzwe muri ubu buhanuzi avuga, 'kwandika ibyerekanywe no kubigaragaza ku mbaho, kugira ngo ubisomye abyihutire', yari yarateye Charles Fitch gutegura imbonerahamwe y'ubuhanuzi kugira ngo agaragaze iyerekwa rya Daniyeli n'iryo mu Byahishuwe. Ishyirwa ahagaragara ry'iyo mbonerahamwe ryafashwe nk'aho ari isohozwa ry'itegeko ryatanzwe n'umuhanuzi Habakuki. Nyamara, nta muntu n'umwe wamenye ko gutinda kugaragara ko kwabayeho mu isohora ry'iryo yerekwa (ari cyo gihe cyo gutegereza) kwari kwaravuzwe muri ubwo buhanuzi." – *Intambara Ikomeye*, p.391,392.

## 3. KUBAHO IMBERE Y'IMANA



**a. Ni gute ibivugwa muri Habakuki 2:4 byakomeje abizera bo mu bihe byose? Abaroma 1:16,17.**

---

---

"Ukwizera kwakomeje Habakuki n'abera bose n'intungane muri iyo minsi y'ikigeragezo gikomeye, ni nako kwizera gukomeza ubwoko bw'Imana muri iki gihe. Mu masaha y'umwijima w'icuraburindi, mu bihe by'akaga kaba kegereje, umwizera w'Umukristo akwiriye gushikamisha ubugingo bwe kuri Soko y'umucyo wose n'imbaraga zose. Kubwo kwizera Imana, ibyiringiro by'umwizera n'ubutwari bwe bishobora kugirwa bishya buri munsi. "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera kwe." Mu murimo w'Imana ntihakwiriye kubamo gucika intege, nta gucogora, nta n'ubwoba......

"Tugomba gukunda kandi tugakuza ukwizera abahanuzi n'intumwa bahamije: ni ukwizera kugundira amasezerano y'Imana kandi kugategereza gucungurwa na Yo ku gihe Cyayo yagennye no mu buryo Bwayo." – *Abahanuzi n'Abami,* p.386,387.

**b. Mu gihe duhuye n'ibishuko byo gushidikanya cyangwa kugwa mu bwibone, ni iki dukwiriye guhora tuzirikana? Amaganya ya Yeremiya 3:25,26; Habakuki 2:20.**

---

"Igihe cyo gutegereza gishobora gusa n'aho ari kirekire, ubugingo bushobora kuremerezwa n'ibibuca intege, abantu benshi biringirwaga bashobora kugwa bagateshuka inzira; ariko nimutyo tuvugane ibyiringiro hamwe n'umuhanuzi washishikariye gukomeza Ubuyuda mu gihe cy'ubuhakanyi butagereranywa tuti: 'Ariko Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera: isi yose iturize imbere ye.' " — *Ibid.,* p. 387,388.

"Kubaha Imana by'ukuri biterwa no gusobanukirwa ugukomera Kwayo kutagerwa ndetse no kumenya ko ibana natwe." – *Uburezi*, p.242.

" 'Izina rye ni iryera n'iryo kubahwa' (Zaburi 111:9). Iyo abamarayika barivuze, bahisha mu maso habo. Mbega ukuntu twebwe abantu bacumuye kandi b'abanyabyaha, dukwiriye kubitekerezaho mu buryo burangwa no kubaha mu gihe turisohora mu kanwa kacu!

"Tugomba kubaha cyane Ijambo ry'Imana. Tugomba kugaragaza ko twubashye ibitabo birivuga, ntitwigere na rimwe turikoresha mu buryo busanzwe, cyangwa se ngo turitware ntacyo twitayeho." – *Kurera Umwana*, p.538.

"Babyeyi, mujye mwitondera urugero mutanga n'ibitekerezo muha abana banyu. Ubwenge bwabo buracyoroshye, kuburyo byoroshye kubucengezamo ibintu runaka. Ku byerekeranye n'umurimo ukorerwa mu rusengero, niba umubwiriza abonetsweho inenge, ntugahangare kuyivuga. Ujye uvuga gusa ibikorwa byiza akora n'ibitekerezo byiza yatanze, kandi mubyitondere nk'ibyaturutse ku Mana ibinyujije mu mugaragu wayo. Biroroshye kubona impamvu abana badashishikazwa cyane n'umurimo w'ijambo ry'Imana, n'impamvu bubaha inzu y'Imana mu rugero ruto. Uburere bahawe kuri iyo ngingo ntibwari buhagije." – *Ibid.*, p.545.

**a. Ni irihe sengesho rivuye ku mutima rya Habakuki tugomba gusubiramo muri iki gihe? Habakuki 3:2.**

---

---

"Muri iki gihe, hakenewe ikangura ryo kwiyegurira Imana mu mutima by'ukuri nk'iryabaye kuri Isirayeli ya kera. Kwihana ni yo ntambwe ya mbere igomba guterwa n'abantu bose bashaka kugarukira Imana. Nta muntu ushobora gukorera undi uyu murimo. Buri muntu ku giti cye, tugomba kwicisha bugufi imbere y'Imana maze tukareka ibigirwamana byacu. Nitumara gukora ibyo dushoboye gukora byose, Uwiteka azatwereka agakiza Ke." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.590.

**b. Ndetse no mu gihe duhanganye n'ibirushya bikomeye, ni iki kigomba guhora kiranga ukwizera kwacu, kandi ni ukubera iki? Habakuki 3:17 – 19; Abafilipi 2:14,15.**

---

"Umunyantege nke kandi ugeragezwa cyane, navuge ati 'Naho yanyica napfa nyiringira' " – *Inama ku Babyeyi, Abarimu n'Abanyeshuri*, p.317.

"Amaraso ya Kristo yaviriye umunyabyaha amukingira igihano cy'ibyaha bye; ariko mu rubanza ruheruka, umujinya uzasukwa ku munyabyaha uzaba utangaje utarangwamo imbabazi.....

"Ubwoko bw'Imana ntibuzabura kugerwaho n'umubabaro; ariko ubwo bazaba barenganywa kandi bababazwa, igihe bazaba bamburwa ibyabo kandi bicwa n'inzara, ntabwo Imana izabahana ngo bashireho. Ya Mana yarinze Eliya ntabwo izirengagiza abana Bayo bayitangiye. Imenya umubare w'imisatsi iri ku mitwe yabo, izabarinda kandi no mu bihe by'inzara bazahazwa. Igihe ababi bazaba bicwa n'inzara n'ibyorezo, abamarayika bazaba bitaye ku bakiranutsi babahe icyo bakeneye cyose." – *Intambara Ikomeye*, p.629.

**c. Ni uwuhe muhanuzi wundi wahagurukijwe muri icyo gihe, kugira ngo ageze ku bantu ubutumwa bukwiranye n'iki gihe cyacu? Zefaniya 1:1.**

---

"Ntabwo Habakuki ari we wenyine wanyujijwemo ubutumwa bw'ibyiringiro bishyitse ndetse n'ubutumwa bwo kunesha kuzaza kimwe n'urubanza ruriho. Mu gihe cy'ingoma ya Yosiya, ijambo ry'Uwiteka ryaje kuri Zefaniya, avuga yeruye ingaruka z'ubuhakanyi bwakomeje kwimikwa, kandi akangurira itorero nyakuri kurangamira ibigiye kubaho bitegerejwe. Ubuhanuzi bwe bwerekeye igihano Ubuyuda bwari bugiye guhabwa bufite imbaraga zimwe n'iz'ubuvuga ibihano bigomba kugera ku isi yanze kwihana yo mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo." – *Abahanuzi n'Abami,* p.389.

## 5. UMUTEGO WIHISHE, URIMO UBUCAKURA

**Kuwa Gatanu**
**05 Werurwe**

a. Ni ubuhe butumwa bw'ingenzi bugaragaza ko Imana irakarira ugusenga kw'ikinyoma ndetse n'abagushyigikira? Zefaniya 1:2 – 6.

---

b. Nubwo umuntu ashobora kwibwira ko arimo akurikira Imana, ni iyihe myifatire ihishura ko mu mutima hari ukwigomeka gukomeye? Zefaniya 1:12,13; Matayo 24:48 – 51.

---

"Abantu Uwiteka yabikije ukuri gukomeye, kwera, kandi gushungura kw'iki gihe basinziririye mu nshingano zabo. Bavugisha ibikorwa byabo bati: Dufite ukuri, turatunze, turatunganiwe, ntacyo dukennye. Mu gihe Umugabo wo guhamya Ukiranuka we avuga ati: 'Ntuzi ko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi, ndetse wambaye ubusa.'

Mbega uburyo aya magambo agaragaza neza uko itorero rimeze muri iki gihe! 'Ntuzi ko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi, ndetse wambaye ubusa.' Ubutumwa bw'umuburo bwatanzwe n'Umwuka Wera mu buryo bw'umwimerere, nibwo bufitwe n'abagaragu b'Imana. Inenge mu mico igenda igaragarizwa abayobagurika; nyamara baravuga bati: 'Ibyo ntabwo ari jye bireba. Ubutumwa bwawe simbwemera. Nkora uko nshoboye kose kandi nizera ukuri.'

"Wa mugaragu mubi wibwiye mu mutima we ati: 'Databuja atinze kuza', yavugaga ko ategereje Kristo. Yari umugaragu ugaragara inyuma nk'uwitangiye gukora umurimo w'Imana, nyamara mu mutima we yari yariyeguriye Satani. Ntahakana ukuri nk'abakobanyi bahakana ukuri beruye, ariko imibereho ye ihishura ibitekerezo byo mu mutima we bivuga ko kugaruka k'Umwami wacu kugitinze. Ibyo yibwira byamubujije kugira icyo yitaho mu bifite umumaro w'iteka ryose. Yemera imigani yahimbwe n'abantu kandi akagendera mu mihango no mu bikorwa byabo. Kwikunda, ubwibone bw'isi, n'irari nibyo bimuranga. Kubwo gutinya ko bagenzi be bahabwa agaciro kumurusha, atangira kunenga imbaraga bakoresha bubaha Imana no gutesha agaciro imigambi yabo. Bityo rero, akubita abagaragu bagenzi be." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.101,102.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**06 Werurwe**

1. Ni iki nshobora kwigira ku masengesho ya Habakuki mu gihe naba nibaza impamvu Imana ikora ibintu mu buryo runaka?
2. Ese hari umuntu nzi wakwishimira ko tumufasha gusobanukirwa ingengabihe y'ubuhanuzi?
3. Ni ibihe bintu ngomba kuvugurura byerekeranye n'imyifatire yanjye mu nzu y'Imana?
4. Kuki ari iby'ingenzi kuri jye kurwanya igishuko cyo kwitotomba no kwinuba?
5. Mu gihe ncyashywe, ni ukubera iki ari ingenzi ko nshyiraho imihati kugira ngo nsuzume umutima wanjye mu buryo bwimbitse?

Ku Isabato, 14 Werurwe 2026

**Icyigisho 11**

# Gukomeza kuba Maso kubwo Guhesha Imana Icyubahiro

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Uwiteka Nyiringabo aravuga ati: Nimwibuke ibyo mukora." (Hagayi 1:7).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 9, p.92 – 96.

"Ntabwo ukwiriye gutinda, ahubwo ukwiriye gusuzuma umutima wawe witonze ndetse ugapfa ku narijye buri munsi." — *Ibihamya by'Itorero*, vol. 3, p.336.

## 1. AMATSINDA ABIRI

**Kuwa Mbere**
**08 Werurwe**

a. Sobanura ibintu bikomeye bigiye kubaho. Zefaniya 1:14 – 18.

---

"Abakora bubaha Imana kugirango bakure inzitizi mu itorero kandi bakosore ibibi bishishana, bityo ngo ubwoko bw'Imana bubashe kubona ko kuzinukwa icyaha ari ngombwa kandi bubashe kugubwa neza bufite ubutungane, ndetse no kugirango izina ry'Imana rihabwe icyubahiro, byanze bikunze bazahura n'imbaraga zibarwanya ziturutse ku bantu batiyeguriye Imana burundu. Zefaniya asobanura neza imiterere nyakuri y'iryo tsinda ry'abantu ndetse n'urubanza ruteye ubwoba ruzabageraho." — *Ibihamya by'Itorero*, vol. 3, p.270,271.

"[Zefaniya 1:2,3, 8 – 18] Hazabaho ibintu byinshi bizagaragaza ko Imana ari yo mugenga w'ibibaho. Ukuri kuzamamazwa mu mvugo yumvikana neza kandi idashidikanywaho. Nk'ubwoko bw'Imana tugomba gutegura inzira y'Umwami wacu tuyobowe n'Umwuka Wera. Ubutumwa bwiza bugomba kwamamazwa mu buryo buboneye. Umugezi w'amazi abeshaho ugomba kugenda urushaho kuba munini kandi ukagenda waguka. Muri Filidi zose zaba iza hafi cyangwa iza kure, abantu bazahabwa irarika bavuye mu mirimo y'ubuhinzi n'iy'ubucuruzi ikorwa n'abantu benshi, kandi bazigishwa bafatanyije n'abantu b'inararibonye. Uko bazagenda bitoza gukora umurimo mu buryo butanga umusaruro, ni nako bazagenda bamamaza ukuri bafite imbaraga. Binyuze mu mirimo y'agahebuzo ituruka ku bugiraneza bw'Imana, imisozi y'ibirushya izavanwaho ijugunywe mu nyanja. Ubutumwa busobanuye byinshi ku batuye isi, buzumvwa kandi busobanuke. Abantu bazamenya ukuri. Umurimo uzakomeza kujya mbere kugeza igihe isi yose izaba imaze kuburirwa, hanyuma imperuka ihereko ize." — *Ibid*., vol. 9, p.96.

## 2. KWITABWAHO NDETE N'UBURINZI



a. Ni ikihe kintu cy'ingenzi kizatuma turindwa n'Imana mu gihe cy'amakuba yegereje? Zefaniya 2:1 – 3, 15; 2 Abakorinto 7:1.

"Imana ishaka ko abantu Bayo bahumanurwaho imyanda yose y'umubiri n'umutima, bagatunganyirizwa kuba abera bubaha Uwiteka. Abirengagiza iyi nshingano kandi bagashaka urwitwazo, bagategereza ko Uwiteka azabakorera umurimo bo ubwabo Yabashinze gukora, bazisanga badashyitse, mu gihe abagwaneza mu isi bubahirije ibyo imanza z'Imana zisaba, bazaba bikinze uburakari bw'Imana kuri wa munsi." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, 619.

"Ku munsi w'Umwami wacu, mbere gato y'uko Kristo aza, Imana izohereza imirabyo iturutse mu ijuru yiyungikanye n'umuriro uvuye ku isi, imisozi izagurumana nk'itanura, kandi izajya ijugunya amahindure ateye ubwoba, biziroha mu busitani n'imirima, n'imidugudu n'imijyi bibereye amaso. Ubutare bwashongeshejwe nibugwa mu migezi bizatuma amazi abira, bijugunye ibitare binini cyane bifite ingufu zitavugwa bizasandara ahantu hose ku butaka. Imigezi n'inzuzi bizakama. Isi izahinda umushyitsi, ahantu hose hazaba hari imitingito no kuruka kw'ibirunga. Ubwo nibwo Imana izatsemba abagome bose ku isi. Ariko abakiranutsi bazarindirwa hagati muri ako kaga, nk'uko Nowa yarindiwe mu nkuge mu gihe cy'umwuzure." – *Impano z'Umwuka*, vol 3, p.82,83.

b. Mu buryo bunyuranye n'uko bimeze ku bantu b'amajyejuru bavuga ibyo kwizera ku munwa gusa, ni iki kiranga abantu bizera Imana b'indahemuka? Zefaniya 3:1 – 4, 12,13.

c. Ni gute Zefaniya ahishura ibyiringiro bihebuje by'ubwoko bw'Imana bw'indahemuka bwo mu bice byose by'isi hamwe n'umurimo wabo? Zefaniya 3:14 – 16.

"Ijuru ryose ntiryitaye gusa ku turere twa hafi dukeneye ubufasha bwacu, ahubwo ryitaye no ku turere twa kure natwo. Ingabo zo mu ijuru zihanze amaso kandi zitegereje ko abakozi b'abantu bakorwa ku mutima cyane n'ubukene bw'abakozi bagenzi babo bahagaritse umutima kandi bari mu kigeragezo, mu gahinda, n'umubabaro." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 6, p.459.

## 3. IHUMURE KU BANTU BAKE B'INDAHEMUKA

Kuwa Gatatu
10 Werurwe

**a. Ni ayahe magambo agaragaza urukundo rwimbitse Imana ikunda abana Bayo, kandi se ni gute tugomba kurugaragaza? Zefaniya 3:17; 2Abakorinto 1:3,4.**

"[Imana] yanjyanye mu nzu y'ibirori n'ibendera Ryayo ryari hejuru yanjye ariryo rukundo (Indirimbo ya Salomo 2:4). Yaravuze ati: 'Nuko nugendera mu nzira zanjye kandi ukitondera ibyo nagutegetse, nawe uzacira inzu yanjye imanza n'ibikari byanjye uzabirinda, nanjye nzagushyira mu byegera muri aba bahagaze aha'..... Ijuru n'isi bizafatanya na Data wa twese mu ndirimbo Ye y'ibyishimo: 'Kuko uyu mwana wanjye yari yarapfuye, none akaba azutse; yari yarazimiye, none arabonetse.' " – *Imigani ya Kristo*, p.206,207.

"Abamarayika b'Imana ibihumbi n'ibihumbi, uduhumbi n'uduhumbagiza, batumwa gukorera abazaragwa agakiza. Baturinda umubi kandi bagasubiza inyuma imbaraga z'umwijima ziba zishaka kuturimbura. Mbese ntidufite impamvu yo gushima buri mwanya, gushimira yewe n'igihe hariho ibisa n'ingorane mu nzira tunyuramo?

"Uwiteka ubwe ni umufasha wacu. 'Iririmbire wa mukobwa w'i Siyoni we, rangurura Isirayeli we. Nezerwa kandi wishimane n'umutima wawe wose, wa mukobwa w'i Yerusalemu we.' 'Uwiteka Imana yawe iri muri wowe imbere, ni intwari kandi irakiza. Izakwishimana inezerewe. izaruhukira mu rukundo rwayo, izakunezererwa Iririmba.' Zefaniya 3:14,17. Ubu nibwo buhamya Uwiteka yifuza ko duhamiriza isi. Ishimwe Rye rikwiriye guhora mu mitima yacu no ku minwa yacu.

"Ubuhamya nk'ubwo buzagira imbaraga ihindura abandi. Uko dushaka guhindura abantu bakava mu mwete bagira bishakira ibibanezeza tugomba kubereka ko dufite ikintu cyiza kiruta icyo bashakisha. – *Ibihamya by'Itorero*, vol 6, p.63,64.

**b. Sobanura mu buryo burambuye ukuntu Imana yita ku bana Bayo mu buryo burangwamo urukundo batotezwa bazira ko banze kwica amategeko Yayo atanga umudendezo. Zefaniya 3:18 – 20; Ezekiyeli 9:3,4.**

"Muzirikane iyi ngingo mwitonze: Abashyirwaho ikimenyetso cyera cy'ukuri, kigashyirwa muri bo n'imbaraga y'Umwuka Wera, bakagaragazwa n'ikimenyetso cy'umuntu wambaye imyenda y'igitare, abo nibo ba bandi 'banihira kandi bagatakishwa n'ibizira' bikorerwa mu itorero. Urukundo bakunda gutungana, n'icyubahiro, n'ikuzo by'Imana rurahanitse, kandi basobanukiwe neza cyane n'ububi bw'icyaha kuburyo bagaragazwa nk'abari mu mubabaro ukomeye, ndetse baraniha kandi bagataka." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.267.

## 4. KWITA KU NZIRA ZACU

**Kuwa Kane**
**11 Werurwe**

a. **Igihe Hagayi yahamagarirwaga kuba umuhanuzi, ibintu byari byifashe bite, kandi se ni iki dukwiriye kwigira kuri iyo mimerere? Hagayi 1:1 – 4.**

---

Imvugo igira iti: 'Aba bantu baravuze' ifite icyo isobanuye. Mu gihe cyo kuba bagira icyo bakora, Abisirayeli ntibigeze bagaragaza ko bafite ubushake. Abo Uwiteka atoranya kandi akayobora, baba bitezweho kumvira mu buryo budakebakeba. Gusaba gutindaho gato biba ari ugusuzugura Imana. Nyamara abantu bahitamo kugendera mu nzira zabo bwite, akenshi bahimba impamvu z'urwitwazo kugira ngo bitsindishirize. Bityo rero, Abisirayeli bavuze ko bari batangiye kongera kubaka, ariko ko umurimo wabo wari wahagaritswe n'inzitizi zari ziturutse ku banzi babo. Bavugaga ko izo nzitizi zari ikimenyetso cy'uko igihe cyo kongera kubaka cyari kitaragera. Bavuze ko Imana yashyizeho ibyo birushya kugira ngo ibacyahe kubera hutihuti yabo itari ngombwa. Ni yo mpamvu, mu kiganiro yagiranye n'umuhanuzi we, Uwiteka atavuze ati: 'Abantu banjye', ahubwo yaravuze ati: 'Aba bantu.'

"Abisirayeli nta mpamvu ifatika bari bafite yo kureka umurimo wabo wo kubaka urusengero. Igihe inzitizi zikomeye kurusha izindi zose zahagurukijwe, ni cyo cyari igihe cyo gukomeza kubaka. Ariko kubwo kwikanyiza kwabo ntibashakaga guhangana n'akaga gaturutse mu kurwanywa n'abanzi babo. Ntibari bafite ukwizera ko kumenya ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kwa kundi kuduhamiriza ko ibyo tutareba ari ukuri. Barazaririye ntibihutira kugira icyo bakora kubwo kwizera ko Imana izabagirira ubuntu, kubera ko batashoboraga kurebera iherezo mu itangiriro. Iyo havukaga ingorane, bahitaga bareka uwo murimo." – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol. 4, p.1175.

b. **Ni iki gishinjwa abantu batwawe n'inyungu z'iby'isi? Hagayi 1:5 – 10.**

---

"Urugero rukomeye rw'ingaruka ziva ku kwimana n'amaturo y'ubushake ngo akore umurimo w'Imana, bitewe no kwikanyiza, rwatanzwe mu gihe cy'umuhanuzi Hagayi.... Abayuda batangiye gusana urusengero rw'Uwiteka; ariko ubwo bari bahuye no kurwanywa n'abanzi babo, bahagaritse uwo murimo." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.527.

c. **Ni gute abasigaye babonye intsinzi mu mutima no mu bikorwa? Hagayi 1:12,13.**

---

"[Abasigaye] ntibatinyutse kwirengagiza umuburo wavuzwe kenshi w'uko kugira ngo bagubwe neza kandi bahabwe imigisha y'Imana, byari guturuka ku kumvira kwabo mu buryo bwuzuye amabwiriza bahawe. Bakimara gufata umwanzuro wo gukora ibyo Uwiteka yari yarababwiye, ubutumwa Bwe bwo kubacyaha bwahise buhinduka amagambo yo kubatera umwete. Mbega ukuntu dufite Imana y'inyembabazi!" – *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi,* vol. 4, p.1176.

## 5. UBWIZA BUTANDUKANYE N'UBWAHOZEHO

**Kuwa Gatanu**
**12 Werurwe**

a. Sobanura umugambi Imana yari ifitiye urusengero rwa kabiri rwagombaga kubakwa. Hagayi 2:6 – 9.

---

"Nyuma yuko urwo rusengero rusenywe na Nebukadinezari, rwongeye kubakwa mu gihe cy'imyaka igera kuri magana atanu mbere y'ivuka rya Kristo. Rwubatswe n'abantu bari barabaye mu bunyage igihe kirekire batahutse mu gihugu cyabo cyari cyarahindutse amatongo ndetse gisa n'icyabaye ubutayu. Muri bo harimo abantu bakuru bari barabonye ubwiza bw'urusengero rwari rwarubatswe na Salomo, nuko baririra urufatiro rw'iyo nyubako nshya bavuga ko izarushwa ubwiza n'iyayibanjirije. Umuhanuzi yasobanuye ashimangira umubabaro abantu benshi bari bafite agira ati: 'Mbese muri mwe hari usigaye wari warabonye ubwiza uru rusengero rwahoranye mbere? Kuri ubu rurasa rute? Uko mururuzi si nk'ubusa?' Hagayi 2:3; Ezira 3:12. Ubwo nibwo hatanzwe isezerano ko iyo nyubako ya kabiri izaruta iya mbere.

"Nyamara ntabwo urusengero rwa kabiri rwari rwarigeze runganya ubwiza n'urwa mbere. Nta nubwo rwigeze ruhabwa ikuzo kubw'ibimenyetso bigaragarira amaso byerekana ko Imana iri aho hantu nk'ibyagaragaye mu rusengero rwa mbere. Nta mbaraga ndengakamere yigeze yigaragaza mu muhango wo kuyegurira Imana. Ntabwo bigeze babona igicu cy'ubwiza cyuzura mu buturo bwera bushya bwari bwubatswe. Nta muriro wavuye mu ijuru ngo ukongore igitambo cyari ku gicaniro cyabwo. Ntabwo Shekina yari ikiba hagati y'abakerubi babaga ahera cyane. Isanduku y'isezerano, intebe y'ihongerero ndetse n'ibisate by'amabuye byari byanditsweho amategeko ntibyari bikirangwamo. Nta jwi rivuye mu ijuru ryari ricyumvikana ngo rimenyeshe umutambyi ubushake bwa Yehova.

"Mu binyejana byinshi byari bishize, Abayuda bari barageragejе ariko bikaba iby'ubusa bashaka kwerekana ko isezerano Imana yabahaye irinyujije muri Hagayi ryasohoye. Nyamara ubwirasi no kutizera byahumye intekerezo zabo ntibamenya ubusobanuro nyabwo bw'amagambo yavuzwe n'uwo muhanuzi. Ntabwo urusengero rwa kabiri rwaheshejwe icyubahiro n'igicu kigaragaza ubwiza bw'Uwiteka, ahubwo rwagiheshejwe n'uko rwagezwemo n'Uwo Ubumana bwuzuriramo – we ubwe akaba yari Imana yiyerekaniye mu mubiri. Ni ukuri "Uwifuzwa n'amahanga yose" yari yaraje mu rusengero Rwe igihe uwo Munyanazareti yigishirizaga kandi agakiriza abarwayi mu rugo rw'urwo rusengero rwera." – *Intambara Ikomeye*, p.23,24.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**13 Werurwe**

1. Mu gihe cy'amakuba yegereje, ni gute naba imbaraga ihesha abandi ibyiza mu biganza by'Imana?
2. Kubera iki ubugwaneza ari ingeso y'ingenzi tugomba gushaka muri iyi minsi y'imperuka?
3. Ni iki kiranga abantu bose bazahishwa ku munsi w'uburakari bw'Uwiteka?
4. Ni iki gituma ntasobanukirwa ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi mu buzima?
5. Kubera iki urusengero rworoheje rwubatswe mu gihe cya Hagayi rwari rufite ubwiza buruta ubw'urwa mbere?

Ku Isabato, 21 Werurwe 2026

**Icyigisho 12**

# Ibizabaho mu gihe cy'Imperuka

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo, na we azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe." (Zekariya 10:1).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Abahanuzi n'Abami*, p.580–592; *Ibihamya ku Bagabura,* p.506–512; *Ibyakozwe n'Intumwa,* p. 47–56.

"Mu gihe dushaka Imana kugira ngo iduhe Umwuka Wera, izaduha ubugwaneza no kwicisha bugufi mu mutima, kwishingikiriza ku Mana mu buryo bwimbitse kugira ngo iduhe imvura y'umuhindo itunganye. Niba dusenga dusaba imigisha dufite ukwizera, tuzabona iyo migisha nk'uko Imana yabisezeranye." – *Ibihamya ku Bagabura*, p.509.

## 1. IMBONI Y'IJISHO RYE

**Kuwa Mbere**
**15 Werurwe**

a. Ni gute Zekariya yashyigikiye ubutumwa bwa Hagayi? Zekariya 1:1 – 4, 15,16.

"Ukwinginga ndetse no gukomeza gutera umwete kwatanzwe binyujijwe mu muhanuzi Hagayi kwashimangiwe kandi kongerwaho na Zekariya, uwo Imana yahagurukirije gufasha Hagayi guhamagarira Isirayeli gushyira mu bikorwa itegeko ryabasabaga guhaguruka bakubaka. Ubutumwa bwa mbere bwa Zekariya bwari ubw'ibyiringiro ko ijambo ry'Uwiteka ritigera rihera kandi bwari isezerano ry'umugisha ku bantu bazumvira ijambo ry'ubuhanuzi." – *Abahanuzi n'Abami*, p.576.

b. Ni iki kigaragaza ko Imana yita ku bwoko Bwayo? Zekariya 2:1 – 5, 8.

"Imana yari yarategetse ko Yerusalemu isanwa; iyerekwa ryerekeye gupimwa k'umujyi ryari ubwishingizi Imana yari itanze ko izahumuriza kandi igakomeza ubwoko Bwayo bwababajwe, ndetse ko izabasohoreza amasezerano akubiye mu isezerano Ryayo rihoraho. Imana yavuze ko uburinzi Bwayo buzaba nk'uruzitiro rw'umuriro ruhakikije; kandi icyubahiro Cyayo cyari kuzahishurirwa abana b'abantu bose. Ibyo Uwiteka yakoreraga ubwoko Bwe byari kuzamenyekana ku isi yose." – *Ibid.*, p.581.

## 2. UKO DUKENEYE KRISTO

**Kuwa Kabiri**
**16 Werurwe**

**a. Nubwo dufite inenge, ni iki kigaragaza ibyiringiro byacu rukumbi? Zekariya 3:1 – 4.**

---

"Mu buhanuzi bwa Zekariya bufite icyo bushushanya, Satani yari ahagaze mu kuboko kw'iburyo kwa marayika w'Uwiteka, arega Yosuwa umutambyi mukuru, wari wambaye imyenda y'ibizinga abuza marayika gukora umurimo yifuzaga gukorera Yosuwa. Icyo cyitegererezo kigaragaza uburyo Satani agenza buri muntu Kristo ashaka kwireherezaho." – *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.116,117.

"[Satani] azatuma dutekereza yuko ibyaha byacu n'ibicumuro byacu bikabije cyane ku buryo bizatuma Uwiteka atita ku gusaba kwacu ndetse ko atabasha no kuduha umugisha ngo adukize. Ntacyo dushobora kwibonamo kitari intege nke gusa, nta cyiza twabona ko Imana yadushimira, kubw'ibyo Satani akatubwira ko turushywa n'ubusa, ko imico yacu idashobora kugira ikiyitunganya. Igihe tugerageza gusanga Imana, umwanzi ajya atwongorera ati: 'Gusenga ntacyo bikumariye'; kandi ati: 'Si wowe wakoze cya kintu kibi? Ntiwagomeye Imana kandi ugakiranirwa no ku mutimanama wawe?' Dushobora kubwira umwanzi yuko 'amaraso ya Yesu Kristo Umwana wayo atwezaho ibyaha byose.' (1Yohana 1:7). Igihe twiyumvamo yuko twakoze icyaha kandi yuko tudashobora gusenga, icyo ni cyo gihe tuba dukwiriye gusenga. Nubwo twaba dukozwe n'isoni kandi dushobewe, tuba dukwiriye gusenga kandi tukizera." – *Ibid*., p.115.

**b. Ni irihe hame ry'Imana rihishura isoko nyakuri y'imbaraga zo kunesha icyaha no gusohoza ibyo Imana iduhamagarira? Zekariya 4:6; Yohana 15:5.**

---

"Nk'ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe, ntidushobora kwigana imico, intego, imigirire cyangwa imideli by'ab'isi. Ntitugomba kwibera mu mwijima ngo dukurikize ibyitegererezo by'ab'isi kandi ngo twishingikirize ku bigaragarira amaso kugira ngo tugere ku ntsinzi. Uwiteka yatubwiye aho imbaraga zacu zituruka. [Zekariya 4:6]". – *Ibihamya by'Itorero,* vol 7, p.90.

"Kumenya ijambo ry'Imana udafite Umwuka Wayo ntacyo bimaze. Amagambo y'ukuri adashorewe n'Umwuka Wera ntashobora kubeshaho umuntu cyangwa kweza umutima we. Umuntu ashobora kuba amenyereye amategeko n'amasezerano ari muri Bibiliya; ariko Umwuka w'Imana adakoresheje uko kuri ntikwashobora guhindura ingeso ze. Abantu badafite Umwuka w'Imana ntibashobora gutandukanya ukuri n'ibinyoma, kandi ibyo bishobora kubagusha mu bishuko bikomeye bya Satani." – *Imigani ya Kristo*, p.410,411.

"Ubutunzi ijuru ritanga bwose bukubiye mu mpano imwe ikomeye kandi itagerwa y'Umwuka Wera..... Iyaba abantu bose babishakaga bashobora kuzuzwa Umwuka Wayo." – *Ibid*., p.419.

## 3. URUSENGERO RW'UBUNDI BWOKO

**Kuwa Gatatu**
**17 Werurwe**

a. Vuga izina ry'urusengero rw'ingenzi cyane rwagombaga kubakwa n'uwari kurwubaka uwo ariwe. Zekariya 6:12,13,15; Abefeso 2:19 – 22.

"Intumwa zubatse Itorero ry'Imana ku rufatiro Kristo yari yarashyizeho. Mu Byanditswe Byera imvugoshusho yo kubaka urusengero ikoreshwa cyane herekanwa kubaka Itorero. Zekariya avuga kuri Kristo nka Shami wari kubaka urusengero rw'Uwiteka. Avuga ko abanyamahanga bazafasha muri uwo murimo. Yaravuze ati, "Kandi abazaba bari kure bazaza bubake mu rusengero rw'Uwiteka." Na Yesaya aravuga ati: "Abanyamahanga bazubaka inkike zawe." Zekariya 6:12,15; Yesaya 60:10.

"Petero yanditse avuga ku kubaka uru rusengero agira ati: "Nimumwegere ni we Buye rizima ryanzwe n'abantu, ariko ku Mana ryaratoranijwe riba iry'igiciro cyinshi, namwe mwubakwe nk'amabuye mazima kugira ngo mube inzu y'umwuka, n'ubwoko bw'abatambyi bwera bwo gutamba ibitambo by'umwuka bishimwa n'Imana ku bwa Yesu Kristo." 1Petero 2:4,5.

"Intumwa zakoreye mu Bayuda n'abanyamahanga maze zibakuramo amabuye yo kubaka urufatiro." – *Ibyakozwe n'Intumwa,* p.595,596.

b. Nubwo Imana yari yarababuriye, ni iki abantu bakoze mbere y'uko bajyanwa mu bunyage? Zekariya 7:8 – 14.

c. Ariko se, ni gute Imana yagaragaje imbabazi zirangwamo ukwihangana mu gihe yatangaga amahirwe yiyungikanya? Zekariya 8:7,8,13.

"Nk'uko byari biri kuva mu itangiriro, umugambi Uwiteka yari afite wari ukiri uw'uko ubwoko Bwe bumuhesha icyubahiro mu isi. Mu myaka myinshi yo kuba mu bunyage kwabo, Uwiteka yagiye abaha amahirwe menshi yo guhindukira bakamwubaha. Bamwe muri bo bari barahisemo gutega amatwi no kwiga; abandi bari baraboneye agakiza hagati mu mibabaro. Benshi muri abo bagombaga kubarirwa mu basigaye bari kuzagaruka iwabo." – *Abahanuzi n'Abami*, p.599.

"[Zekariya 8:3,7,8] Ayo masezerano yagombaga gusohora hashingiwe ku kumvira kwabo. Ibyaha byari byararanze Isirayeli mbere yo kujyanwa mu bunyage ntibyagombaga kongera gukorwa." – *Ibid*, p.704.

## 4. IHEMBURWA RIRAKENEWE

**Kuwa Kane**
**18 Werurwe**

a. None se muri iki gihe cy'amateka, ni iki tugomba kwibandaho, kandi ni ukubera iki ibyo ari ngombwa cyane? Zekariya 10:1,2.

---

---

"Keretse gusa abizera b'itorero ry'Imana muri iki gihe nibomatana na Soko yo gukura mu by'umwuka, naho ubundi ntibazaba biteguye igihe cy'isarura." – *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.55.

"Nimusabe Uwiteka imvura mu gihe cy'itumba." Ntimukanyurwe no kuba mu gihe gisanzwe, ngo mutegereze igihe imvura izagwira. Nimuyisabe. Gukura kw'imbuto no kuba nziza mu buryo bwuzuye, ntibiterwa n'umuhinzi. Imana yonyine ni yo ituma umusaruro uboneka. Ariko ni ngombwa ko habaho ubufatanye bw'abantu. Umurimo Imana yadushinze usaba ko dukoresha ubwenge bwacu, tugaragaza ukwizera kwacu. Tugomba gushakira imigisha ku Mana n'umutima wacu wose niba dushaka ko imvura y'ubuntu Bwayo itugeraho. Twagombye gukoresha uburyo bwose tubonye kugira ngo twishyire mu nzira ituma tubona imigisha. Kristo yaravuze ati "aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye, nanjye mba ndi hagati yabo". Amateraniro y'abagize itorero, nk'amateraniro y'ingando, amateraniro y'itorero ryo mu rugo, n'ibindi bihe byose aho umuntu aba ari gukorera imitima, ni uburyo Imana yashyizeho bwo gutanga imvura y'umuhindo n'iy'itumba.

"Ariko ntihakagire abantu batekereza ko mu kwitabira ayo materaniro, inshingano yabo iba irangiye. Kujya mu materaniro yose abera mu matorero ubwabyo ntibizanira ubugingo imigisha. Si itegeko ridashobora guhinduka ry'uko abantu bose bajya mu materaniro ya rusange cyangwa mu materaniro yateguwe n'itorero bahabwa byinshi bivuye mu ijuru. Uko biba bimeze bishobora gusa nk'aho ari ugusukwa k'ubuntu busendereye ku bwinshi. Ariko Imana ubwayo igomba gutegeka ko imvura igwa. Ku bw'ibyo rero, ntitugomba kureka gusenga." — *Ibihamya ku Bagabura,* p.508,509.

b. Sobanura ibintu bitangaje bizabaho kubera iyo mbaraga. Zekariya 12:8.

---

---

"Igihe ibiti bitera imbuto bizaba bimaze gutemwa bikarambarara mu murima nk'umwanda, igihe ibihumbi by'Abakristo gito bazatandukanywa n'Abakristo nyakuri, nibwo abatari bazwi nk'abana b'Imana bazahishurwa maze baririmbe Hoziyana bari munsi y'ibendera rya Kristo. Abari basanzwe ari intinyamaso bisuzugura bazamamaza ku mugaragaro ko ari abayoboke ba Kristo n'ukuri Kwe. Abanyantege nke hanyuma y'abandi, batisanzura, bazakorana umwete no guhangara ibikomeye nka Dawidi. Ku bana b'Imana, uko ijoro rikura; niko inyenyeri zirushaho kumurika umucyo mwinshi. Satani azibasira bikomeye cyane abakiranutsi; ariko mu izina rya Yesu, bazasoza urugamba banesheje bidasubirwaho." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.81.

## 5. KRISTO MU BIHE BIDASHIRA

**Kuwa Gatanu**
**19 Werurwe**

a. Tanga urugero rumwe rw'ikiganiro gihebuje kizageza mu bihe bidashira. Zekariya 13:6.

---

"Yesu azerekana ibiganza Bye birimo inkovu zo kubambwa Kwe. Izo nkovu azazihorana iteka ryose. Ikimenyetso cyose cy'imisumari yatewe kizagaragaza amateka yo gucungurwa k'umuntu guhebuje ndetse n'ikiguzi gikomeye cyatanzwe kubw'uko gucungurwa." – *Inyandiko z'Ibanze*, p.179.

b. Ni ryari kandi ni gute Kristo azagaruka ku Musozi wa Elayono, kandi se ni ibihe bintu bizabaho? Zekariya 14:4,5; Ibyahishuwe 20:7,12; 21:2,10.

---

"[Marayika yarasobanuye ati:] Abera bazaguma mu Murwa Wera maze bime nk'abami n'abatambyi mu gihe cy'imyaka igihumbi. Yesu azamanukana n'abera ku musozi wa Elayono, kandi uwo musozi uzasaduka maze uhinduke ikibaya kinini ari cyo Paradizo y'Imana izaterekwamo." — *Ibid.*, p.51,52.

"Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, Yesu, Umwami w'icyubahiro, amanuka ava mu Murwa Wera, yambaye ubwiza nk'umurabyo, ahagarara ku Musozi wa Elayono – wa wundi yazamukiyeho amaze kuzuka. Maze akiwukozaho ibirenge urasatagurika nuko uhinduka ikibaya kinini, utegurirwa kwakira Umurwa Wera urimo Paradizo y'Imana, ariyo Busitani bwa Edeni, bwari bwarahakuwe nyuma yo gucumura k'umuntu. Icyo gihe Edeni yamanukanye n'Umurwa, ari nziza bihebuje kandi irimbishijwe biruta igihe yakurwaga ku isi. Umurwa w'Imana uramanuka maze uhagarara muri cya kibaya kinini wateguriwe. Hanyuma, Yesu ava mu murwa ashagawe n'imbaga y'abacunguwe, maze abamarayika benshi bamuherekeza mu nzira. Mu buryo buteye ubwoba kandi buhebuje, azura abanyabyaha bapfuye. Barazuwe bava mu bitotsi bari bamazemo igihe kirekire. Mbega ibintu biteye ubwoba!" – *Impano z'Umwuka,* vol 3, p.83.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**20 Werurwe**

1. Ni ryari nagiye numva ko Imana indindisha "urukuta rw'umuriro" nk'uko ibisezerana?
2. Kubera iki nshobora gutsinda ibitero bya Satani binshyira imbere ibyaha byanjye bikanshinja?
3. Ni ikihe kintu cy'ingenzi cyane kuruta urusengero rugaragara kikaba inzu ituwemo n'Imana?
4. Vuga bimwe mu bintu by'ingenzi bisabwa kugira ngo umuntu ahabwe Imvura y'Itumba.
5. Ni ryari ibirenge bya Yesu bizongera guhagarara ku Musozi wa Elayono?

Ku Isabato, 28 Werurwe 2026

**Icyigisho 13**

# Ubutumwa Buheruka bwa Malaki

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Kandi azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaramo inkamba, azatunganya abahungu ba Lewi, abacenshure nk'uko bacenshura izahabu n'ifeza, maze bazature Uwiteka amaturo bakiranutse." (Malaki 3:3).

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Abahanuzi n'Abami*, p.702–721; *Ibihamya by'Itorero*, vol 7, p.45–50.

"Mu mvugo yeruye, inkozi z'ibibi zaburiwe iby'umunsi w'urubanza wari ugiye kuza ndetse n'iby'umugambi w'Uwiteka wo kurimbura vuba ukiranirwa wese. Nyamara ntawe utarahawe ibyiringiro. Ubuhanuzi bwa Malaki bwerekeye urubanza bwaherekejwe n'irarika rihamagarira abanze kwihana kwiyunga n'Imana." – *Abahanuzi n'Abam*i, p.706.

## 1. AMAKOSA ABANTU BAKUNZE KWIRENGAGIZA

**Kuwa Mbere**
**22 Werurwe**

a. **Ni uwuhe muco wo kugira umururumba no kwikanyiza dushobora kuba dufite ukatubera icyaha? Malaki 1: 8.**

---

"Abantu benshi batwawe no gukoresha amafaranga mu bidakenewe ari ukugira ngo bahaze irari ryabo gusa ryaba iry'amarangamutima, ipfa n'irari ry'amaso, mu gihe umurimo wari ukeneye ubwo butunzi bukoreshwa butyo, ndetse no mu gihe bamwe mu bagaragu b'Imana bambaraga mu buryo bwa gikene, kandi bakagwabira mu murimo bakora bitewe no kubura amikoro. Marayika yaravuze ati: 'Bidatinze igihe cyabo cyo gukora kigiye kurangira. Imirimo yabo yerekana ko inarijye ari yo kigirwamana cyabo, kandi akaba ari cyo batambira ibitambo.' Inarijye ni yo babanza guhaza; bityo biyumvamo iki gitekerezo ngo: 'Mbese ndi umurinzi wa mwene data?' Benshi bahawe imiburo yagiye ikurikirana, nyamara ntibayumviye. Inarijye ni cyo kintu nyamukuru bitaho, kandi ikintu cyose kigomba gucishwa bugufi imbere yayo." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 1, p.115.

b. **Mu buryo butandukanye cyane n'uko imigenzo y'umuco y'abantu bo muri iki gihe iteye, ni gute Imana ibona ubukwe bwera, kandi bunejeje? Malaki 2:12 – 16; Abaheburayo 13:4; Matayo 19:4 – 6.**

---

"Nimwige ukuntu buri wese yajya ateza imbere umunezero wa mugenzi we. Mukwiriye gukundana no kwihanganirana. Bityo rero, aho kugirango gushyingiranwa kwanyu guhinduke iherezo ry'urukundo rwanyu, ahubwo kuzatume biba nk'uko byari bimeze mu itangira ry'urukundo rwanyu." – *Umurimo wo Gukiza*, p.360.

## 2. INZIRA YO GUTUNGANYWA

**Kuwa Kabiri**
**23 Werurwe**

a. Sobanura isohozwa ry'ubuhanuzi bwo muri Malaki 3:1 – 3; Yohana 2:13 – 16.

"Mu kweza urusengero, Yesu yari arimo atangaza ku mugaragaro inshingano Ye nka Mesiya.... Urugo rw'urusengero rw'i Yerusalemu rwari rwuzuye urusaku rw'ubucuruzi budatunganye, rwerekanaga ipica y'urusengero rwo mu mutima, rwangijwe no kwifuza ibinezeza n'ibitekerezo bibi. Mu kweza urusengero yirukana abacuruzi n'abaguzi bo mw'isi, Yesu yatangaje umurimo We wo kweza umutima awezaho imyanda y'icyaha — ikomoka mu kwifuza iby'isi, inarijye, imico mibi, byangiza umuntu." – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.161.

"Imana ishaka ko abagaragu Bayo bamenya ibihishwe mu mitima yabo. Kugirango rero ibi bigerweho, inshuro nyinshi Imana yemera ko itanura ry'imibabaro ribibasira kugirango bezwe......

"Kwezwa k'ubwoko bw'Imana ntikwagerwaho batabanje kunyuzwa mu mibabaro. Imana yemera itanura ry'umubabaro gukongora inkamba, kugirango umuriro utandukanye imyanda n'iby'agaciro kugirango ibuye rizima risigare rirabagirana. Itunyuza mu muriro umwe ikatujyana mu wundi, igapima agaciro kacu nyakuri. None se niba kugubwa neza cyangwa amakuba bisanze ibinyoma, ubwibone cyangwa kwikanyiza mu mitima yacu, mbese tuzakora iki igihe Imana izageragegeresha umuriro umurimo w'umuntu wese, kandi igahishura ibihishwe byo mu mitima yacu?" – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.85.

**b. Vuga bumwe mu buryo abagize ubwoko bw'Imana bacyahwa bazira ko bibagiwe Imana, kandi se mu by'ukuri, ni iki biba Imana? Malaki 3:5 – 8; Yakobo 1:27; Luka 12:15; Imigani 3:9,10.**

"Dukwiriye kwiyemeza ku bushake bwacu ko tuzubahisha Imana ubutunzi bwacu, kandi ntiduhe urwaho igishuko cyose cyadutera kwiba Imana ibyayo, aribyo icyacumi n'amaturo. Dukwiriye kuba abanyabwenge, bagira gahunda, tudatezuka mu bikorwa by'ubugiraneza tugirira abantu no kugaragaza imitima inyuzwe kandi ishima Imana kubw'ubuntu Bwayo butarondoreka itugirira. Iyi ni inshingano yera cyane idakwiriye kwirengagizwa cyangwa kuyoborwa n'impamvu zihutiyeho cyangwa amarangamutima. Dukwiriye buri gihe kugira icyo tuzigama kubw'umurimo w'Imana kugirango tutiba umugabane Imana yizigamiye. Iyo twibye Imana, natwe ubwacu tuba twiyibye. Tuba duhaze ubutunzi bwo mu ijuru kugirango turusheho kuronka byinshi bya hano ku isi. Iki ni igihombo kinini cyane tutabasha kwihanganira. Niba dushaka kubaho dufite umugisha w'Imana, ikiganza Cyayo kigaba imigisha kizabana natwe mubyo dukora byose byo muri ubu buzima; ariko ikiganza Cyayo nigihagurukira kuturwanya, izaburizamo imigambi yacu yose kandi izasandaza biruta cyane ibyo tubasha kurundanya." — *Ibid*, vol. 5, p.271,272.

a. Vuga imwe mu migisha ituruka mu kugarurira Imana icyacumi n'amaturo y'ubushake, kandi usobanure impamvu dukwiriye kwirinda kubitindaho. Malaki 3:10 – 12.

---

---

"Kugira neza ugiye gupfa ntabwo aribyo Kristo ategereje ku bayoboke Be, ntabwo bizakuraho kwikanyiza bagize bakiri bazima. Abagundira ubutunzi bwabo kugeza ku isaha ya nyuma, baba babitanze kubera urupfu, si ukubyegurira umurimo. Ibihombo birakomeza kugenda byiyongeranya. Amabanki arahomba, imitungo irakongoka mu buryo bwinshi. Abenshi bagambiriye kugira icyo bakora ariko batinda kugikora kuko Satani akora ibishoboka agamije gukumira ubutunzi ngo butagera mu bubiko. Ubwo butunzi burahomba mbere yuko bugarurirwa Imana, maze ibyo bigashimisha Satani cyane.

"Niba hari icyiza ushobora gukora ukoresheje ubutunzi bwawe, gikore utazuyaje, hato butazagwa mu maboko ya Satani bikadindiza umurimo w'Imana. Akenshi iyo Imana itanze amahirwe ku muvandimwe ngo akoreshe ubutunzi bwe mu guteza imbere umurimo w'Imana, abakozi ba Satani bahita bazana imishinga bakereka umuvandimwe ko nashoramo imari azunguka inkubwe ebyiri. Abantu bagwa muri uwo mutego, yaba umurimo cyangwa bo ubwabo akenshi ntibagire n'ifaranga na rimwe bakuramo." – *Ibihamya by'Itorero,* vol 5, p.154.

b. Ni ibiki bibabaje kandi by'ukuri bitwanditseho tugomba guhirimbanira kugirango turebe ko twabihanagurwaho? Umubwiriza 12:14; Yesaya 65:6,7.

---

c. Uretse kuba amazina yabo ari mu gitabo cy'ubugingo, ni ibihe bikorwa bindi by'abana b'Imana bakiranuka bigaragara mu gitabo cy'Imana? Malaki 3:16; Zaburi 56:8.

---

"Igitabo cy'urwibutso cyandikirwa imbere y'Imana, kikandikwamo ibikorwa byose byiza 'by'abubaha Uwiteka, bakita ku izina rye.' Malaki 3:16. Amagambo yabo agaragaza kwizera n'ibikorwa byabo by'urukundo, byandikwa mu ijuru. Nehemiya yerekeza kuri ibyo avuga ati: 'Mana yanjye, ujye unyibuka ku bw'ibyo, kandi ntuzahanagure imirimo yanjye myiza nkoreye inzu y'Imana yanjye'. Nehemiya 13:14. Mu gitabo cy'Imana cy'urwibutso, umurimo wose wo gukiranuka wanditswemo ubutazasibangana. Igishuko cyose umuntu yatsinze, icyaha cyose umuntu yanesheje, ijambo ryose rihumuriza abandi, rihora ryibukwa muri icyo gitabo. Kandi umurimo wose w'ubwitange, umubabaro wose n'agahinda umuntu yihanganiye kubwa Kristo, byose birandikwa." – *Intambara Ikomeye,* p.481.

## 4. GUKIRANUKA KWAHISHUWE

**Kuwa Kane**
**25 Werurwe**

**a. Ni uwuhe munezero Imana igaragariza ubwoko Bwayo bw'indahemuka, kandi ni gute dushobora kugaragaza uwo munezero mu mico yacu no mu bikorwa byacu? Malaki 3:17; Matayo 25:34 – 40.**

---

"Igihe imitima igiriye impuhwe indi mitima iremerewe no gucika intege n'agahinda, igihe ikiganza gihaye umushonji, igihe abambaye ubusa bambitswe, umushyitsi akakirwa agahabwa icyicaro mu cyumba cyawe cy'uruganiriro ndetse no mu mutima wawe, abamarayika begera hafi, maze uruhererekane rw'ibisubizo rukaza ruturutse mu ijuru. Buri gikorwa cyose cy'ubutabera, imbabazi no kugira ubuntu gituma mu ijuru humvikana indirimbo. Data wa twese wicaye ku ntebe Ye y'ubwami yitegereza abakora ibikorwa nk'ibi by'imbabazi akababara hamwe n'ubutunzi Bwe bw'igiciro cyinshi." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.25.

**b. Ni gute twamenya itandukaniro riri hagati y'umunyabyaha n'umukiranutsi rizagaragara neza vuba aha? Malaki 3:18; Ibyahishuwe 22:11,12.**

---

" 'Ijuru rizavuga gukiranuka kwayo, kuko Imana ubwayo ari yo mucamanza.' Zaburi 50:6. Ayo mategeko yera, agaragaza gukiranuka kw'Imana, yatangarijwe ku musozi Sinayi mu guhinda kw'inkuba no mu birimi by'umuriro, kugira ngo abe umuyobozi w'imibereho, muri iki gihe yahishuriwe abantu nk'itegeko rica urubanza. Ikiganza gifungura bya bisate by'amabuye, haboneka amabwiriza yose ari mu mategeko cumi y'Imana yandikishijwe ikaramu y'umuriro. Amagambo yayo yari mu nyuguti zigaragara cyane ku buryo umuntu wese ashobora kuyisomera bitamugoye. Nuko ubwenge bw'abantu burakanguka, umwijima w'imigenzo y'abantu n'ubuhakanyi, uhanagurika mu bitekerezo by'abantu bose, maze amagambo cumi y'Imana, ari mu ncamake, yumvikana kandi afite ububasha bukomeye yerekwa abatuye ku isi.

"Ntibishoboka kubona amagambo yasobanura ubwoba n'ubwihebe bw'abasuzuguye amabwiriza yera y'Imana. Uwiteka yabahaye amategeko Ye; bagombaga kugereranya imico yabo n'ayo mategeko maze bakimenyaho ubusembwa bwabo hari hakiri igihe cyo kwihana no kwivugurura; nyamara kubwo gushaka gutona mu b'isi, bayashyize ku ruhande, maze bigisha abantu kuyagomera. Biyemeje guhatira abantu b'Imana guhumanya Isabato Yayo. None dore amategeko basuzuguye niyo abaciriye ho iteka. Muri uko kwitandukanya gukabije, basobanukiwe neza ko nta rwitwazo bafite......

"Baje kumenya ukuri kw'isabato yabo y'impimbano barakererewe kandi basobanukirwa n'urufatiro bubatseho ko rudakomeye. Basanze ibyo bakoraga ari ukurwanya Imana. Abayobozi b'idini bigishije abantu babayobora mu irimbukiro, nyamara bavuga ko babayobora ku marembo ya Paradizo." – *Intambara Ikomeye*, p.639,640.

## 5. IGICE GIHERUKA

**Kuwa Gatanu**
**26 Werurwe**

a. Vuga uko amaherezo bizagendekera inkozi z'ibibi. Malaki 4:1 – 3.

---

b. Ni irihe rarika riheruka Imana iri kutwoherereza irinyujije mu bahanuzi bato? Malaki 4:5,6.

---

"Gukunda isi n'inarijye, nibyo bitandukanya umuntu n'Imana. Ubutumwa buturutse mu ijuru byanze bikunze buzagira ababurwanya. Abahamya b'indahemuka ba Kristo n'ukuri bazamagana icyaha. Amagambo yabo azamera nk'inyundo imenagura imitima inangiye nk'uko umuriro ukongora inkamba. Hakenewe mu buryo buhoraho ubutumwa bw'imbuzi budakebakeba. Imana izahora ifite abantu b'abanyakuri ku nshingano. Mu gihe gikwiriye, yohereza intumwa Zayo z'indahemuka gukora umurimo nk'uwa Eliya." – *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.254.

"Keretse gusa igihe ababyeyi ubwabo bazagendera mu mategeko y'Uwiteka bafite imitima itunganye, nibwo bazashobora gutegeka abana babo. Hakenewe ivugurura ryimbitse kandi ryagutse muri ibi. Ababyeyi bakeneye ivugurura, abagabura bakeneye ivugurura, bakeneye Imana mu ngo zabo. Niba bashaka kubona itandukaniro mu ngo zabo, bagomba kuzana ijambo ry'Imana mu miryango yabo kandi rikababera umujyanama. Bakwiriye kwigisha abana babo ko ari ijwi ry'Imana ribabwira, kandi ko rigomba kumvirwa nta gukebakeba. Bagomba kwihangana mu gihe bigisha abana babo, bakagira impuhwe kandi ntibarambirwe kubigisha uko bakwiriye kubaho bagamije kunezeza Imana. Abana bava mu rugo nk'urwo, baba biteguye guhangana n'uburyarya bw'abahakanama. Baba baremeye Bibiliya nk'urufatiro rwo kwizera kwabo, kandi bafite urufatiro rutabasha kunyeganyezwa n'umuraba w'ubuhakanyi." – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.143.

"Urugo rurimo gahunda iboneye ni ingingo ikomeye cyane yerekana ukuri kw'idini ya Gikristo — ingingo utizera adashobora kugiramo ijambo.... Niba ingo z'abiyita Abakristo zagiraga isura nyakuri y'Ubukristo, zajyaga kugira imbaraga ikomeye ihindurira ku gukora ibyiza. Zajyaga kandi kuba 'umucyo w'isi.' " – *Ibid*., p.144.

## 6. IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

**Kuwa Gatandatu**
**27 Werurwe**

1. Ni gute nashimangira gahunda y'ishyingiranwa yashyizweho n'Imana, naba narashatse cyangwa ntarashaka?
2. Ni mu buhe buryo ndi kubona igihamya cy'uburyo Imana iri kunyeza?
3. Vuga amazina y'ibitabo bitatu byandikwamo mu nkiko zo mu ijuru.
4. Ni gute nshobora kunezeza umutima w'abari mu ijuru
5. Ni ikihe kibwiriza gifite imbaraga kurusha ibindi byose gikenewe muri iyi minsi y'imperuka?

# Amaturo y'Isabato ya Mbere



## Ku isabato, 03 Mutarama 2026

**Icyicaro Gikuru cya Singuwatepeke, muri Hondurasi**

Ubu dufite amahirwe yo kubaka ibiro by'ubuyobozi, inzu mberabyombi, n'amashuri y'ivugabutumwa

(Reba, p. 4)



## Ku isabato, 07 Gashyantare 2026

**Icyicaro cy'Ubutabazi n'Ubugiraneza mu Nteko Nkuru Rusange**

Ibiza biri kwiyongera ahantu hose. Uwiteka arahamagarira buri wese muri twe gukora uko dushoboye kugirango dufashe ababaye.

(Reba, p. 30)



## Ku isabato, 07 Werurwe 2026

**Icyicaro Gikuru cya cya Filidi ya Maranhão Piauí (AMAPI), muri Burezili**

Ibiro by'ubuyobozi, amacumbi, n'inzu mberabyombi birakenewe kugirango umurimo ujye mbere muri iyi Filidi. Nimutyo ubufasha butume bishoboka.

(Reba, p. 51)